



REPUBLIC OF RWANDA
SUPREME COURT
Po. Box. 2197 KIGALI
www.judiciary.gov.rw



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 1 - 2015
Mutarama, 2015




RWANDA LAW REPORTS

Law Report , V. 1 - 2015
January, 2015



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 1 - 2015
Mutarama, 2015



RWANDA LAW REPORTS

Law Report , V. 1 - 2015
January, 2015

Cyateguwe n'Urukiko rw'Ikirenga

Cyatewe inkunga na
Ambasade y'Ubuholandi & ICF

**ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO
BY'INKIKO**

IKINYARWANDA

ISHAKIRO

| | |
|--|-------|
| ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI..... | vii |
| IRIBURIRO | xi |
| IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO..... | xiii |
| INYITO..... | xiii |
| AMATEGEKO YASHINGIWEHO..... | xiv |
| IMANZA ZIFASHISHIJE | xvii |
| AMAGAMBO MPINE..... | xviii |
| GAKWAYA v. KAMINUZA Y'U RWANDA..... | 3 |
| KANAMUGIRE v. UMUJYI WA KIGALI N'UNDI..... | 13 |
| MULINDAHABI v. EWSA..... | 19 |
| DOREBABA..... | 51 |
| KANZAYIRE v. NYIRABIZIMANA N'UNDI..... | 59 |
| NGANGARE v. MUKANKURANGA | 69 |
| KALISA v. INSTITUT POLYTECHNIQUE DE BYUMBA (IPB)..... | 83 |
| ECOBANK v. INDIA NOVEMBER | 101 |
| KZ NOIR (R) Ltd v. KUBWIMANA N'UNDI..... | 111 |
| SETRAPCO Ltd v. BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION.... | 119 |

UBUSHINJACYAHA v. MWIZERWA 131

UBUSHINJACYAHA v. NSHIMIYIMANA 139

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI

**ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE
IMANZA**

BAGABO Faustin

HAKUZIMANA Ildephonse

KABERA Jean Claude

KAGABO U. Stephanie

MUJABI K. Naphtal

MUNYENSANGA Chrysostome

MWIHOREZE Claudine

NTIHEMUKA Emmanuel

SAFARI Gahizi

UWIMANA Gisèle

KOMITE YEMEZA IMANZA

- MUGENZI Louis Marie** : Perezida wa Komite
Umucamanza mu Rukiko
rw'Ikirenga
- Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse** : Visi perezida wa Komite
Umwarimu muri
Kaminuza y'u Rwanda
- RUTAZANA Angeline** : Umwanditsi wa Komite
Umugenzuzi w'Inkiko
- BWIZA N. Blanche** : Umucamanza mu Rukiko
Rukuru
- DUSHIMINAMA Claudine** : Umushinjacyaha ku
rwego Rw'Igihugu
- Me GAKUNZI Valery** : Avoka mu Rugaga
rw'Abavoka
- GIRANEZA Clémentine** : Umucamanza mu Rukiko
rw'Ibanze
- HABARUREMA Jean pierre** : Umushinjacyaha ku
Rwego rw'Igihugu
- Cpt. KABERUKA Jean Claude** : Umucamanza mu Rukiko
Rukuru rwa Gisirikare

- KALIWABO Charles** : Perezida w'Urukiko Rukuru
- Me KAYIHURA Didace** : Avoka mu Rugaga rw'Abavoka
- KIBUKA Jean Luc** : Umucamanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi
- MUREREREHE Saouda** : Umucamanza mu Rukiko Rukuru
- NYIRINKWAYA Immaculée** : Umucamanza mu Rukiko rw'Ikirenga
- RUBANGO K. Epimaque** : Intumwa ya Leta
- RUKUNDAKUVUGA F. Regis** : Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko

IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Tubifuriye Umwaka mushya muhire wa 2015. Nk’uko mumaze kubimenyera, icyegeranyo cy’ibyemezo by’inkiko gitangazwa n’Urwego rw’Ubucamanza rimwe mu gihembwe, tukaba rero tunejewe no kubagezaho numero ya mbere mu mwaka wa 2015.

Dukomeje gushimira abasomyi badahwema kutugezaho ibitekerezo byabo bashima aka gatabo banatwerekako aho bifuzako hanozwa kurushaho. Turacyakeneye kandi ibindi bitekerezo byanyu, haba kuri iyi numero, izatambutse ndetse n’izizaza. Ibi bizatuma turushaho kubagezaho ibitabo bikozwe mu buryo bunononsoye kandi bubanogeye kugira ngo bikomeze kugirira abantu b’ingeri zitandukanye akamaro bibafasha mu bibazo by’amategeko bahura nabyo mu mu mwuga wabo cyangwa mu kazi kabo ka buri muni.

Muri iyi numero y’icyegeranyo kivuguruye cy’ibyemezo by’inkiko (Rwanda Law Report) murasangamo imanza enye (4) z’ubucuruzi, imanza eshatu (3) z’ubutegetsi, imanza enye (4) z’imbenezamubano, urubanza rumwe (1) rw’umurimo n’imanza ebyiri (2) z’inshinjabyaha.

Nk’uko bisanzwe icyegeranyo kiboneka no ku rubuga rwa murandasi rw’urukiko rw’Ikirenga http://www.judiciary.gov.rw/en/case_law/case_law_booklets/

Tuboneyeho kandi gukomeza gushishikariza abantu bose bifashisha amategeko mu kazi kwitabira gukoresha iki cyegeranyo.

Prof. Sam RUGEGE

Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga
Perezida w’Inama Nkuru y’Ubucamanza

IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO

Iki cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga zikoreshwa hakurikijwe inyito ivugwa hasi.

INYITO

Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo:

[2015] 1 RLR

AMATEGEKO YASHINGIWEHO

| | |
|--|------------|
| <i>Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 kamena 2003 nk'uko ryujujwe kandi ryahinduwe kugeza ubu, ingingo ya 18.....</i> | <i>21</i> |
| <i>ingingo ya 144.....</i> | <i>61</i> |
| <i>Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga.....</i> | <i>61</i> |
| <i>Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ingingo ya 92.....</i> | <i>52</i> |
| <i>Itegeko 30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha, ingingo ya 176 n'ya 177.....</i> | <i>132</i> |
| <i>. ingingo ya 165.....</i> | <i>141</i> |
| <i>Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, ingingo ya 31, 347 n'ya 348.....</i> | <i>14.</i> |
| <i>ingingo ya 195 n'ya 208.....</i> | <i>41</i> |
| <i>ingingo ya 4 n'ya 172.....</i> | <i>113</i> |
| <i>ingingo ya 31 agace ka 5 n'ya 142.....</i> | <i>121</i> |
| <i>Itegeko n° 45/2011 ryo kuwa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 64.....</i> | <i>21</i> |

Itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, ingingo ya 2, 19 n'ya 27.....21

Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, ingingo ya 39 n'ya 41.....71

Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi, ingingo ya 11 n'ya 23.....113

Itegeko n° 10/2006 ryo kuwa 3/03/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'umujyi wa Kigali, ingingo ya 73.....14

Itegeko n° 15/2004 ryo kuwa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 62, 65 na 98.....141

Itegeko n° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuzza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyiranywe,impano n'izungura, ingingo ya 70.....52

Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258.....85

Itegeko Ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 84.....61

Itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, ingingo 94 n'ya 339.....4

IMANZA ZIFASHISHIJE

| | |
|--|----|
| <i>KIST v. Hashakimana</i> , RADA 0001/11/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga kuwa 27/04/2012..... | 4 |
| <i>Khalid v. Ahmed n’abandi</i> , RC 0002/09/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga kuwa 19/03/2010..... | 61 |
| <i>Leta y’u Rwanda v. Karangwa</i> , RADA 0001/09/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga kuwa 17/09/2010..... | 61 |
| <i>Kagoyire v. Abdallah n’abandi</i> , RC 0002/05/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga kuwa 25/10/2007..... | 61 |
| <i>Rusekerampunzi v. Rumanyika</i> , RCOM 0010/09/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga kuwa 30/04/2010..... | 61 |
| <i>Rudasumbwa v. Leta y’u Rwanda n’abandi</i> , RADA 0031/12/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga kuwa 17/05/2013..... | 61 |
| <i>Mutebi v. Mukagasaza</i> , RCAA0143/11/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga kuwa 15/03/2013..... | 71 |
| <i>Gatera v. Kabalisa</i> , RS/Inconst/Pen.0003/10/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga kuwa 07/01/2011..... | 71 |

AMAGAMBO MPINE

Amategeko agenga amasezarano cyangwa imirimo nshinganwa – Amafaranga y’ikurikiranarubanza n’igihembo cy’Avoka – Umuburanyi agomba kugaragariza Urukiko imirimo yakozwe n’Avoka asabira indishyi.

MULINDAHABI v. EWSA.....19

Indishyi – Igikorwa cyo kumenyesha izindi nzego ikosa umukozi yirukaniwe kandi ataryisobanuyeho gifatwa nko kumuharabika – Ikosa ryose rikorewe umuntu arikorewe n’undi rikamugiraho ingaruka, uwo wariteje agomba kuzirengera – Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 rigenga ibyereke6ye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano, ingingo ya 258.

KALISA v. INSTITUT POLYTECHNIQUE DE BYUMBA (IPB).....83

Amategeko agenga ibimenyetso – Ubuhamya – Kuba abatangabuhamya bavuga mu buryo butandukanye ibintu bemeza ko baboneye igihe kimwe, ntibyashingirwaho ngo hemezwe nta shiti ko uregwa ahamwa n’icyaha aregwa – Itegeko n° 15/2004 ryo kuwa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n’itangwa ryabyo, ingingo ya 62 n’iya 65.

UBUSHINJACYAHA v. NSHIMIYIMANA.....139

Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano – Inzitizi y’iburabubasha – Irangizarubanza – Impaka zishingiye ku irangiza ry’urubanza – Urukiko rufite ububasha bwo

kuburanisha ikirego kijyanye n'impaka zivutse mu irangiza ry'urubanza – Urukiko rwaciye urubanza bwa nyuma rugomba kumvikana nk'urukiko rwinjiye mu mizi y'urubanza ku buryo budasubirwaho bityo impaka zivutse mu irangiza ryarwo zikemurwa n'urwo Rukiko kuko ari rwo rwasobanura neza imikirize yarwo mu mizi, hagamijwe kubahiriza ibyarutegetswe – Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 195 n'ya 208.

DELTA PETROLEUM LTD v. NSENGIYUMVA N'ABANDI.....39

.

Indishyi – Gushorwa mu manza – Kuba hari ibyo uregwa yatakaje mu manza agomba kubiharerwa indishyi zigenwe mu bushishozi bw'Urukiko.

NGANGARE v. MUKANKURANGA.....69

Inshingano y'urega yo kugaragaza ibimenyetso – Urega ntiyahabwa indishyi z'uko umuryango we wahungabanye kubera iyirukanwa rye mu gihe atabitangiyeye ibimenyetso.

KALISA v. INSTITUT POLYTECHNIQUE DE BYUMBA (IPB).....83

Kutakirwa kw'ikirego gishya mu rwego rw'ubujurire – Ikirego kitaburanyweho mu rwego rubanza ntigisuzumwa bwa mbere ku rwego rw'ubujurire.

KALISA v. INSTITUT POLYTECHNIQUE DE BYUMBA (IPB).....83

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha

– igihe fatizo cyo kujurira – Mu gihe isomwa ry'urubanza ryimuwe ariko umuburanyi ntamenyeshwe italiki ryimuriweho, igihe fatizo cyo kubara igihe yajuririye kiba icyo yamenyesherejweho imyanzuro y'urubanza aho kuba italiki rwasomeweho – Itegeko N° 30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 176 n'ya 177.

UBUSHINJACYAHA v. MWIZERWA.....131

Ibimenyetso bidashidikanywaho – Iyo nta bimenyetso bidashidikanywaho bihamya ko ushinjwa ariwe yakoze icyaha ashinjwa bituma agirwa umwere – Itegeko n°13/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 165.

UBUSHINJACYAHA v. NSHIMIYIMANA.....139**Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi –**

Igenwa ry'ikiburanwa – Ikiburanwa kigenwa n'ibisabwa na buri muburanyi – Mu isuzuma ry'iyakirwa ry'ikirego, Urukiko ntirugarukira ku bikubiye ku nteruro y'ikiregerwa gusa ahubwo rwita ku bikubiye mu myanzuro no ku miburanire y'ababuranyi – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 4.

KZ NOIR (R) Ltd v. KUBWIMANA N'UNDI.....111

Kutaburanisha bundi bushya urubanza rwateshejwe agaciro n'Urukiko rwajuririwe – Iyo Urukiko rutesheje agaciro urubanza rwajuririwe ntiruburanisha mu

mizi ahubwo ruburanishwa n’urukiko rubifite ububasha ku rwego rwa mbere mu gihe ba nyiri ugutanga ikirego bagishaka kugikomeza – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbonezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegets, ingingo ya 172.

**KZ NOIR (R) Ltd v. KUBWIMANA
N’UNDI.....111**

Kutagira ububasha k’uregwa – Inzitizi yo kutagira ububasha k’uregwa ni indemyagihugu, aho urubanza rwaba rugeze hose irakirwa kandi igasuzumwa – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbonezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegets, Ingingo ya 142.

**SETRAPCO Ltd v. BARBARA A. STIEFEL
FOUNDATION.....119**

Kurega ikigo, sosiyete, n’imiryango bitari ibya Leta bifite ubuzima gatozi – Ikirego nticyakirwa iyo harezwe sosiyete, ikigo cyangwa umuryango bihagarariwe n’utabifitiye ububasha – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbonezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegets, ingingo ya 31, agace ka 5°.

**SETRAPCO Ltd v. BARBARA A. STIEFEL
FOUNDATION.....119**

**Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza z’ubutegets –
Gutakamba – Igihe cyemewe cyu gutanga ikirego**

nyuma yugutakambira icyemezo cy'umuyobozi – Iyo habayeho gutakamba inshuro irenze imwe, itakamba rya mbere rikozwe niryo riherwaho habarwa igihe cyo gutanga ikirego, kandi ntibiri ngombwa ko utakamba ategereza igisubizo cyeruye cy'umuyobozi kugira ngo abone gutanga ikirego cye, kuko mu gihe adasubijwe hagashira igihe giteganyijwe n'itegeko bifatwa ko ugutakamba kwe kutemewe – Itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo 94 n'ya 339.

GAKWAYA v. KAMINUZA Y'U RWANDA.....3

Kutubahiriza ibyategetswe mu rubanza – Uregwa mu rubanza ruregwamo Urwego rw'ubutegetsi bwa Leta rutangije ibyategetswe n'urubanza – Haregwa umuyobozi warwo kuko, ku bw'amategeko, ariwe uhamagarwa mu Rukiko mu izina ryarwo – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/04/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 31 – Itegeko n° 10/2006 ryo kuwa 3/03/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'umujiyi wa Kigali, ingingo ya 73.

**KANAMUGIRE v. UMUJYI WA KIGALI
N'UNDI.....13**

Ibihano byo kwanga kubahiriza ibyategetswe mu rubanza – Iyo impamvu zatumye umuyobozi atubahiriza ibihe byo kurangiza ibyategetswe mu rubanza zifite ishingiro, ahabwa igihe ntarengwa cyo kuba yabyubahirije, mbere y'uko hategekwa ibihano –

Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/04/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsi, ingingo ya 347 n’iya 348.

**KANAMUGIRE v. UMUJYI WA KIGALI
N’UNDI.....13**

Amategeko agenga ububasha bw’Inkiko – Ikirego gisaba ko Inyandikompamo yanditswe n’abategetsi bo mu mahanga irangirizwa mu Rwanda – Inyandikompamo y’ishyingirwa – Kopi y’inyandiko z’irangamimerere zisabirwa kwemerwa kurangirizwa mu Rwanda n’impamvu zisabirwa irangizwa zigomba kuba ntaho zinyuranije n’amategeko rusange ndemyagihugu kimwe n’amahame ashingiweho n’amategeko y’u Rwanda kandi zikanaba zigaragaza ko hakurikijwe amategeko y’igihugu zandikiwemo, zujuje ibyangombwa byose bigaragaza ko ari inyandiko mvaho – Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo ku wa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n’ububasha by’inkiko nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ingingo ya 92 – Itegeko n° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuzura igitabo cya mbere cy’urwunge rw’amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y’umutungo w’abashyingiranywe, impano n’izungura, ingingo ya 70.

DOREBABA.....51

Ububasha bw’Urukiko rw’Ikirenga – Inzira z’ubujurire mu Rukiko rw’Ikirenga – Iyakirwa ry’ikirego kigamije gutambamira urubanza – Ihame

ry'uko itegeko ritagira inkurikizi ku bikorwa byabaye mbere y'uko rijyaho – Mu gukemura ikibazo cy'iyakirwa ry'ikirego gitambamira urubanza mu gihe itegeko ryakurikizwaga igihe ikirego cyatangwaga ritandukanye n'irikurikizwa mu gihe cy'iburanisha, hagomba gukurikizwa iryariho ikirego gitangwa – Izindi nzira zigamije gusaba ko urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwongerera kuburanishwa ntizemewe, uretse iyo gusubirishamo ingingo nshya urubanza rwaciwe burundu yonyine – Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, ingingo ya 144 – Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga – Itegeko Ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 84.

KANZAYIRE v. NYIRABIZIMANA
N'UNDI.....59

Amategeko agenga ubukemurampaka mu bibazo by'ubucuruzi – Ububasha bwo kuburanisha ibirego byihutirwa birebana n'ubukemurampaka – Umwe mu biyambaje ubukemurampaka ashobora gusaba urukiko, mbere cyangwa hagati mu gikorwa cy'ubukemurampaka, gufata icyemezo cy'agateganyo – Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi, ingingo ya 3 n'iya 10.

KZ NOIR (R) Ltd v. KUBWIMANA
N'UNDI.....111

Amategeko agenga umuryango – Ababana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko – Ugutandukana – Igabana ry’umutungo – Ikoreshwa ry’itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina ku igabana ry’umutungo w’ababana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko – Ubwumvikane buke hagati y’abashakanye mu buryo budakurikije amategeko ntibusobonuye gutandukana mu gihe bakomeje kubana mu nzu imwe, gufatanya inshingano zo kurera abana no gucunga urugo rwabo – Abashakanye mu buryo budakurikije amategeko bakomeje kubana nyuma y’uko itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina risohokeye bagabana hakurikijwe iryo tegeko mu gihe batandukanye – Igabana ry’umutungo w’ababana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko rigamije kurengera uburenganzira ku mutungo wa buri wese muri bo kandi ubwo burenganzira bushingira ku kuba hari umutungo bafitanye cyangwa bafatanyije gushaka – Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, ingingo ya 39 n’iya 41.

NGANGARE v. MUKANKURANGA.....69

Amategeko mpanabyaha – Impamvu nyoroshyacyaha zemejwe n’Urukiko rubanza – Kuba ibyo uwajuriye asaba yarabihawe mu rwego rwa mbere kandi ntagire icyo anenga ku buryo byakozwe ni impamvu ituma hatabaho guhinduka kw’icyemezo.

UBUSHINJACYAHA v. MWIZERWA.....131

Amategeko y'ubucuruzi – Inyandiko mvunjamafaranga – Chèque de voyage – Ugomba kwishyura chèque de voyage zibwe – Iyo chèque de voyage zibwe ziri mu maboko y'uwaziguze, akamenyesha (opposition) mu gihe cyateganyijwe Banki yazimugurishije (Banque intermédiaire) ko zibwe, zishyurwa na banki yazimugurishije, keretse igaragaje ko ayo mafaranga yohererejwe Banki yakoze ayo masheki (Banque émettrice).

ECOBANK v. INDIA NOVEMBER.....101

Ibarwa ry'inyungu z'ubukererwe – Inyungu zituruka ku gihombo cyatewe no kuba chèques de voyage zitarahise zishyurwa igihe zari zibwe – Zitangira kubarwa nyuma y'amasaha 48 uhereye umunsi yamenyekanishirijeho iyibwa ryazo kugeza ku munsi urubanza ruciriwe.

ECOBANK v. INDIA NOVEMBER.....101

Amategeko y'umurimo – Amasezerano y'akazi – Imiterere y'umurimo w'umukozi w'Ikigo cya Leta wasinye amasezerano y'akazi – Umukozi wa Leta wasinye amasezerano y'akazi agengwa n'itegeko ry'umurimo aho kugengwa na sitati rusange y'abakozi ba leta igihe atagaragaza inyandiko yamushyize muri uwo mwanya (acte de nomination) – Itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, ingingo ya 2.

MULINDAHABI v. EWSA.....19

Amasezerano y'akazi – Igihe cy'igerageza – Iseswa ry'amasezerano y'akazi mu gihe cy'igeregezwa – Uburenganzira bwo kwisobanura – Gusesa

amasezerano y'akazi y'umukozi uri mu gihe cy'igerageza ntibisaba kumuha integuza ariko iseswa riturutse ku ikosa umukozi atamenyeshejwe ngo aritangire ibisobanuro bitangirwa indishyi – Itegeko Nshinga rya Repuburika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryujujwe kandi ryahinduwe kugeza ubu, ingingo ya 18.

MULINDAHABI v. EWSA.....19

Indishyi zijyanye no kuzamurwa mu ntera – Nta ndishyi zijyanye no kuzamurwa mu ntera umukozi yahabwa n'ubwo yaba ageze igihe cyo kuzamurwa mu ntera ariko akirukanwa atari yakora igihe gikwiye guhemberwa umushahara mushya.

KALISA v. INSTITUT POLYTECHNIQUE DE BYUMBA (IPB).....83

IMANZA Z'UBUTEGETSI

GAKWAYA v. KAMINUZA Y’U RWANDA

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RADA 0029/11/CS
(Mukanyundo, P.J., Rugabirwa na Hatangimbabazi, J.) 16
Gicurasi 2014]

Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza z’ubutegetsi – Gutakamba – Igihe cyemewe cyu gutanga ikirego nyuma yugutakambira icyemezo cy’umuyobozi – Iyo habayeho gutakamba inshuro irenze imwe, itakamba rya mbere rikozwe niryo riherwaho habarwa igihe cyo gutanga ikirego, kandi ntibiri ngombwa ko utakamba ategereza igisubizo cyeruye cy’umuyobozi kugira ngo abone gutanga ikirego cye, kuko mu gihe adasubijwe hagashira igihe giteganyijwe n’itegeko bifatwa ko ugutakamba kwe kutemewe – Itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsi, ingingo 94 n’iya 339.

Incamake y’ikibazo: Gakwaya yareze Kaminuza y’u Rwanda mu Rukiko Rukuru, urugereko rwa Nyanza asaba ko yasubizwa ku kazi k’ubwarimu yakoraga ndetse agahabwa n’ibyo afitiye uburenganzira byose yavukijwe no kumwirukana mu buryo bunyuranyije n’amategeko hiyongereyeho indishyi zinyuranye.

Kaminuza y’u Rwanda yatanze inzitizi ivuga ko ikirego cya Gakwaya kitakwagirwa kubera ko nyuma y’itakamba yatanze ikirego mu Rukiko akererewe kuko igihe giteganywa n’Itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsi cyari cyararenze; Urukiko Rukuru rwemeza ko ikirego cye kitakwacyirwa.

Gakwaya yajuririye Urukiko rw'Ikirenga avuga ko Urukiko Rukuru rwagombaga kwakira ikirego cye kuko atakererewe kururegera nyuma yo gutakambira Kaminuza y'u Rwanda, kugira ngo Kaminuza y'u Rwanda imusubize ku kazi inamuhembye ibyoye uburenganzira byose birimo imishahara itamuhembye igihe yamwirukanaga hiyongereyeho indishyi zinyuranye.

Incamake y'icyemezo: Iyo habayeho gutakamba inshuro irenze imwe, itakamba rya mbere rikozwe niryo rihuraho habarwa igihe cyo gutanga ikirego, kandi ntibiri ngombwa ko utakamba ategereza igisubizo cyeruye cy'umuyobozi kugira ngo abone gutanga ikirego cye, kuko mu gihe adasubijwe hagashira igihe giteganyijwe n'itegeko bifatwa ko ugutakamba kwe kutemewe; bityo ikirego cy'urega yagitanze akererewe kikaba kidakwiye kwakirwa.

**Ubujurire nta shingiro bufite.
Amagarama y'urubanza aherereye ku wajuriye.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo 94 n'ya 339

Imanza zifashishijwe:

KIST v. Hashakimana, RADA 0001/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 27/04/2012.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Gakwaya Emmanuel yareze Kaminuza y'u Rwanda mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, asaba ko yamusubiza ku kazi k'ubwarimu yakoraga muri iyo Kaminuza ikanamuha n'ibyo afitiye uburenganzira byose yamuvukije igihe yamwirukanaga ku kazi mu buryo bunyuranyije n'amategeko hiyongereyeho n'indishyi zinyuranye.

[2] Iburanisha ry'urubanza ritangiye, uhagarariye Kaminuza y'u Rwanda yatanze inzitizi yo kutakira ikirego cya Gakwaya Emmanuel kubera ko nyuma y'itakamba, yaregeye Urukiko Rukuru igihe cy'amezi atandatu (6) giteganywa n'ingingo ya 339 y'Itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu cyararenze, urwo Rukiko rwacye urubanza, rwemeza ko ikirego cya Gakwaya Emmanuel kitakiriwe.

[3] Urwo Rukiko rwasobanuye ko Gakwaya Emmanuel yatakambiye Kaminuza y'u Rwanda kuwa 25/09/2008, ntiyamuha igisubizo, ariko ko yaruregeye kuwa 22/09/2010 hashize hafi imyaka ibiri, ko ahubwo yagombaga kururegera bitarenze kuwa 24/05/2009, bityo ko ikirego cye kitagomba kwakirwa. Urwo Rukiko rwasobanuye kandi ko ibaruwa ya Gakwaya Emmanuel yo kuwa 07/06/2010 itafatwa nk'itakamba kuko yanditswemo ko Kaminuza y'u Rwanda igomba kumugezaho imishahara n'indishyi yayisabaga, itabikora akazitabaza ubutabera kugira ngo bumurenge.

[4] Gakwaya Emmanuel yajuririye Urukiko rw'Ikirenga avuga ko Urukiko Rukuru rwagombaga kwakira ikirego cye kuko atakererewe kururegera nyuma y'itakamba kugira ngo Kaminuza y'u Rwanda imusubize ku kazi inamuhe ibyo afitiye uburenganzira byose birimo imishahara itamuhembye igihe yamwirukanaga hiyongereyeho indishyi zinyuranye.

[5] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe kuwa 15/04/2014, Gakwaya Emmanuel yunganiwe na Me Mboniyimpaye Elias, naho Kaminuza y'u Rwanda ihagarariwe na Me Ntaganda Félix.

II. IKIBAZO KIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYACYO

Kumenya niba Urukiko Rukuru rwaribeshye mu kwemeza ko nyuma yo gutakamba Gakwaya Emmanuel yaruregeye akererewe.

[6] Gakwaya Emmanuel n'umwunganira bavuga ko Urukiko Rukuru rutagombaga kwemeza ko yatakambye kuwa 25/09/2008 kubera ko icyo gihe yari atarabona icyemezo cy'Ubushinjacyaha cyashyinguye dosiye ye by'agateganyo kuko yari agikurikiranyweho n'Ubushinjacyaha icyaha cyo kwihesha impamyabumenyi adakwiriye, ko kandi atagombaga gutakamba icyo gihe kuko iburanisha ry'ikirego cy'ikurikiranacyaha rihagarika iry'ikirego cy'imbonezamubano (Le criminel tient le civil en état), ko ahubwo yabonye icyo cyemezo kuwa 27/05/2010, atakambira Kaminuza y'u Rwanda kuwa 07/06/2010 kubera ko icyo cyemezo cyagaragaje ko atakoze icyaha yari akurikiranyweho.

[7] Umwunganira avuga kandi ko urwo Rukiko rutagombaga gushingira ku ngingo ya 339 y'Itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsiko ngo rwemeze ko Gakwaya Emmanuel yaruregeye akerekerewe kuko yagombaga kubanza gutakambira Komisiyo y'Abakozi ba Leta iteganywa n'ingingo ya 19 y'Itegeko n° 22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta kubera ko Kaminuza y'u Rwanda yihaye ububasha bwo kumufatira igihano cyo kumwirukana ku kazi cyo ku rwego rwa kabiri itabanje kubimenyesha iyo Komisiyo.

[8] Uburanira Kaminuza y'u Rwanda avuga ko nyuma yo gutakamba, Gakwaya Emmanuel yaregeye Urukiko Rukuru azezi atandatu (6) ateganywa n'ingingo ya 339 y'Itegeko n° 18/2004 ryavuzwe haruguru yararenze kuko yamwirukanye ku kazi kuwa 09/05/2007, yandika ayitakambira kuwa 25/09/2008 ntiyabona igisubizo, ariko ko yaregeye urwo Rukiko akerekerewe kuwa 22/09/2010.

[9] Avuga kandi ko ibyo Gakwaya Emmanuel aburanisha by'uko nyuma yo gutakambira Kaminuza y'u Rwanda atagombaga guhita ayirega mu Rukiko Rukuru atari yabona icyemezo cy'Ubushinjacyaha gishyingura dosiye ye by'agateganyo nta shingiro bifite, kuko iburanisha ry'ikirego cy'ikurikiranacyaha ku cyaha cy'inyandiko-mpimbano yari akurikiranyweho ritandukanye n'iburanisha ry'ikirego cy'imihanire y'amakosa yaba yarakoze mu kazi ke (L'action pénale est indépendante de l'action disciplinaire).

UKO URUKIKO RUBIBONA

[10] Ingingo ya 339 y'Itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu ryakurikizwaga igihe GAKWAYA Emmanuel yirukanwaga, iteganya ko "Ikirego gisaba gukuraho icyemezo cy'umutegetsu cyakirwa gusa iyo cyerekeye icyemezo cy'umutegetsu cyeruye cyangwa kiteruye. Mbere yo gutanga ikirego, unenga icyemezo cy'umutegetsu agomba kubanza gutakambira umutegetsu wagifashe. Umutegetsu utakambiwe, agomba gusubiza ubwo butakambe mu gihe cy'amezi abiri (2) abarwa uherye umunsi yabuboneyeho. Iyo adasubije, ubutakambe bufatwa ko atabwemeye. Mu gihe uwatakambye atishimiye igisubizo yahawe, afite igihe cy'amezi atandatu (6) cyo kuregera Urukiko gitangira kubarwa kuva ku munsi yabuboneyeho igisubizo, yaba nta gisubizo yabonye, icyo gihe kigatangira kubarwa nyuma y'amezi abiri avugwa mu gika kibanziriza iki".

[11] Naho ingingo ya 94 y'Itegeko rimaze kuvugwa haruguru, ikavuga ko "Impamvu ituma ikirego kitakirwa ni ingingo yose isaba kutakira ikirego cy'umuburanyi hatinjiwe mu iremezo ryacyo nko kurenza igihe cyo kurega".

[12] Ku birebana n'uru rubanza, dosiye igaragaza ko Ubuyobozi bwa Kaminuza y'u Rwanda bwandikiye Gakwaya Emmanuel ibaruwa yo kuwa 09/05/2007 bumumenyesha ko bumwirukanye ku kazi kuko Inama Nyobozi yabwo yateranye kuwa 30/04/2007 yasanze impamyabumenyi ya "Master's n'iya PHD degrees" yakoresheje mu gusaba kuzamurwa mu ntera nta gaciro zifite.

[13] Gakwaya Emmanuel yandikiye ubwo Buyobozi ibaruwa yo kuwa 25/09/2008 asaba ko bwamusubiza uburenganzira bwe bwose burimo imishahara n'ibindi afitiye uburenganzira bwamuvukije igihe bwamwirukanaga kuko urubanza RPA 0160/07/DP/NYA rwaciwe n'Urukiko Rukuru kuwa 02/07/2007, rwagaragaje ko atakoze icyaha cy'inyandiko-mpimbano cyatumye ahagarikwa ku kazi, anasaba ko bwavana cyangwa bwakosora ibyo Inama Nyobozi yabwo yo kuwa 30/04/2007 yamwanditseho mu myanzuro yayo kuko bimuhamya icyaha atakoze.

[14] Gakwaya Emmanuel yandikiye kandi ubwo Buyobozi ibaruwa yo kuwa 07/06/2010, abumenyesha icyemezo cy'Ubushinjacyaha cyo kuwa 27/05/2010 kigaragaza ko dosiye ye yashyinguwe by'agateganyo, anasaba ubwo Buyobozi ko bwamwishyura imishahara ye y'amezi 38 butamuhembye hiyongereyeho n'indishyi, ko nibutabimuha, aziyambaza ubutabera mu gihe cy'iminsi itanu (5) kugira ngo bumurenganure.

[15] Kuwa 22/09/2010, Gakwaya Emmanuel yareze Ubuyobozi bwa Kaminuza y'u Rwanda mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza nk'uko bigaragazwa n'inyandiko ye itanga ikirego iri muri dosiye abusaba kumusubiza ku kazi no kumuha indishyi zinyuranye.

[16] Urukiko rurasanga ibaruwa yo kuwa 25/09/2008, Gakwaya Emmanuel yandikiye Ubuyobozi bwa Kaminuza y'u Rwanda ariyo ikwiye gufatwa nk'itakamba kuko aricyo gihe yabwandikiye ibaruwa abusaba ko bwavanaho cyangwa bwakosora icyemezo bwamufatiye cyo kumwirukana ku kazi kugira ngo bukamusubizeho no kumuha n'ibindi byose afitiye uburenganzira yavukijwe igihe bwamwirukanaga.

[17] Urukiko rurasanga ibaruwa yo kuwa 07/06/2010, Gakwaya Emmanuel yandikiye Ubuyobozi bwa Kaminuza y'u Rwanda itafatwa nk'itakamba, ko ahubwo yafatwa nk'iyabumenyeshaga icyemezo cy'Ubushinjacyaha cyo kuwa 27/05/2010 cyashyinguye dosiye ye by'agateganyo, ko kandi yafatwa nk'integuza yabuhaga yuko nibutamwishyura imishahara ye y'amezi 38 butamuhembye n'ibindi afitiye uburenganzira, aziyambaza ubutabera mu gihe cy'iminsi itanu (5) kugira ngo bumurenganure.

[18] Ibyo bihujwe kandi n'ibyemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RADA 0001/11/CS rwaciwe kuwa 27/04/2012¹, aho rwasobanuye ko hatabaho gutakambira umutegetsu wafashe icyemezo inshuro nyinshi, ko ahubwo itakamba rya mbere rikozwe ariryo riharwaho habarwa igihe cyo gutanga ikirego, ko kandi bitari ngombwa ko utakamba ategereza igisubizo cyeruye cy'umuyobozi kugira ngo abone gutanga ikirego cye, kuko mu gihe adasubijwe hagashira amezi (2), bifatwa nk'aho yahakaniwe, akaba afite amezi atandatu (6) kugira ngo aregere urukiko.

[19] Urukiko rurasanga rero kuba Ubuyobozi bwa Kaminuza y'u Rwanda bwarandikiye Gakwaya Emmanuel bumumenyeshaga ko yirukanwe ku kazi kuwa 09/05/2007, akabutakambira kuwa 25/09/2008, bukakira ibaruwa ye ibutakambira kuwa 26/09/2008, ariko ntibumuhe igisubizo, nyamara Gakwaya Emmanuel akaba yarabureze mu Rukiko Rukuru kuwa 22/09/2010, bigaragara ko yabureze muri uru Rukiko igihe cy'amezi atandatu (6) cyateganywaga n'ingingo ya 339 y'Itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryavuzwe haruguru

¹KIST v. Hashakimana Anastase RADA 0001/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 27/04/2012,.

cyararenze, kuko umunsi wa nyuma yagombaga kuburega ari kuwa 25/05/2009, bityo ikirego cye kikaba kitagomba kwakirwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 94 y'Itegeko ryavuzwe haruguru

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[20] Rwemeje ko ubujurire bwa Gakwaya Emmanuel nta shingiro bufite;

[21] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RAD 0016/10/HC/NYA rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, kuwa 15/07/2011 idahindutse;

[22] Rutegetse Gakwaya Emmanuel gutanga amagarama y'uru rubanza angana na 50.500 Frw habariwemo n'ayo yaciwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, atayatanga mu gihe cy'iminsi umunani, ayo mafaranga akavanwa mu bye ku ngufu za Leta.

KANAMUGIRE v. UMUJYI WA KIGALI N'UNDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RADA 0001/13/CS
(Mugenzi, P.J., Munyangeri na Gakwaya, J.) 15 Gicurasi 2013]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubutegetsi – Kutubahiriza ibyategetswe mu rubanza – Uregwa mu rubanza ruregwamo Urwego rw'ubutegetsi bwa Leta rutangije ibyategetswe n'urubanza – Haregwa umuyobozi warwo kuko, ku bw'amategeko, ariwe uhamagarwa mu Rukiko mu izina ryarwo – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/04/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 31 – Itegeko n° 10/2006 ryo kuwa 3/03/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'umujyi wa Kigali, ingingo ya 73.

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubutegetsi – Ibihano byo kwanga kubahiriza ibyategetswe mu rubanza – Iyo impamvu zatumye umuyobozi atubahiriza ibihe byo kurangiza ibyategetswe mu rubanza zifite ishingiro, ahabwa igihe ntarengwa cyo kuba yabyubahirije, mbere y'uko hategekwa ibihano – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/04/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 347 n'iya 348.

Incamake y'ikibazo: Kanamugire yaregeye Urukiko rw'Ikirenga asaba ko Umujyi wa Kigali n'Umuyobozi wawo basobanuzwa impamvu urubanza RADA 0046/12/CS rutegeka kumwishyura indishyi z'ibikorwa yimuwemo rutarangizwa kandi gasaba ko bahatirwa kururangiza.

Umujyi wa Kigali uvuga ko gutinda kwishyura byatewe n'imishyikirano itarabashije kurangira vuba hagati y'abo na RSSB yasabwaga kumva ko ariyo igomba kumwishyura kuko ariyo yahawe ubutaka. Naho Umuyobozi wawo yiregura avuga ko atari we wari ukwiye kuregwa kuko adashinzwe gucunga umutungo w'Umujyi wa Kigali no kurangiza imanza, ahubwo bishinzwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa akaba riwe ugomba guhamagarwa.

Incamake y'icyemezo: 1. Ku birebana n'ikibazo cyo kurangiza ibyategetswe n'urubanza, ntiharegwa mu Rukiko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umujyi wa Kigali ahubwo haregwa umuyobozi wawo kuko, ku bw'amategeko, ariwe uhamagarwa mu Rukiko mu izina ryawo.

2. Iyo impamvu zatumye umuyobozi atubahiriza ibihe byo kurangiza ibyategetswe mu rubanza zifite ishingiro, ahabwa igihe ntarengwa cyo kuba yabyubahirije, mbere y'uko habasha gutegekwa ibihano. Abaregwa batanze impamvu zumvikana zituma hatangwa igihe ntarengwa cy'amezi abiri.

Ikirego gifite ishingiro.

**Abaregwa bategetswe kurangiza urubanza bitarenze kuwa
16/11/2013.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/04/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, ngingo ya 31, 347 n'ya 348.

Itegeko n° 10/2006 ryo kuwa 3/03/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'umujyi wa Kigali, ingingo ya 73.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Nyuma y'urubanza RAD A 0046/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 16/11/2012, rugategeka Umujyi wa Kigali kwishyura Kanamugire Rwaka Laurent amafaranga 86.186.205 y'indishyi ku mutungo yimuwemo, Kanamugire yakomeje gusaba Umujyi wa Kigali ko warangiza urwo rubanza ukamwishyura, ariko ntibishoboke kuko wamusubizaga ko ukigirana imishyikirano n'ikigo RSSB cyahawe ubutaka kugirango kube cyatanga ayo mafaranga.

[2] Kanamugire yaregeye Urukiko rw'Ikirenga asaba ko Umujyi wa Kigali n'Umuyobozi wawo basobanuzwa impamvu urubanza RAD A 0046/12/CS rutarangizwa, urubanza ruburanishwa ku wa 15/10/2013, Kanamugire yunganiwe na Me Mutembe Protais, Umujyi wa Kigali uburanirwa n'Intumwa Nkuru ya Leta yungirije, Me Sebazungu Alphonse, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Ndayisaba Fideli aburanirwa na Me Rutabingwa Athanase.

II. IKIBAZO CYASUZUMWE MU IBURANISHA

Kumenya impamvu Umujyi wa Kigali utarangiza urubanza Kanamugire yawutsindiyemo.

[3] Kanamugire avuga ko hashize igihe kirekire asaba Umujyi wa Kigali kumwishyura indishyi z'ibikorwa yimuwemo nk'uko byategetswe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 16/11/2012, ariko akaba atishyurwa, agasaba rero ko hashingiwe ku ngingo za 347 na 348 z'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/04/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Urukiko rwasobanuzwa impamvu urwo rubanza rutarangizwa, byaba ngombwa Umujyi wa Kigali n'Umuyobozi wawo bagahatirwa kururangiza.

[4] Uburanira Umujyi wa Kigali avuga ko gutinda kwishyura Kanamugire byatewe n'imishyikirano itarabashije kurangira vuba hagati y'Umujyi wa Kigali na RSSB yasabwaga kwumva ko mu by'ukuri ariyo igomba gutanga amafaranga kuko ariyo yahawe ubutaka bwakuwemo Kanamugire. Yemereye Urukiko ko mu gihe kitarenze amezi abiri ikibazo kizaba cyakemutse Kanamugire akishyurwa.

[5] Uburanira Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali avuga ko uwo Muyobozi atari we wari ukwiye kuregwa kuko atafatwa nk'uwanze kwishyura Kanamugire mu gihe adashinzwe gucunga umutungo w'Umujyi wa Kigali no kurangiza imanza, ahubwo bishinzwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa, naho uburanira Kanamugire agasubiza ko iyo ngingo idafite ishingiro kuko ikigo gifite ubuzimagatozi gihagararirwa n'umuyobozi wacyo.

[6] Uburanira Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali avuga ko igisobanuro atanze haruguru kiramutse kitemewe, nawe asaba ko hatangwa igihe cy'amezi abiri kugira ngo Kanamugire abe yishyuwe.

[7] Urukiko rurasanga, ku kibazo cyo kurangiza ibyategetswe n'urubanza, hataregwa mu Rukiko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umujyi wa Kigali nk'uko uburanira Umuyobozi wawo abivuga, ahubwo ari uwo muyobozi, kuko, ku bw'amategeko, ariwe uhamagarwa mu Rukiko mu izina ry'Umujyi, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 31 y'Itegeko n° 21/2012 ryavuzwe haruguru, n'ingingo ya 73 y'Itegeko n° 10 ryo kuwa 03/03/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'Umujyi wa Kigali.

[8] Urukiko, rushingiye ku ngingo ya 347 y'itegeko n° 21/2012 ryavuzwe haruguru, rurasanga Umujyi wa Kigali waragombaga kwishyura Kanamugire amafaranga yatsindiye bitarenze amezi atandatu nyuma y'imenyeshwa ry'urubanza, nyamara hakaba hashize umwaka wose atishyuwe.

[9] Ingingo ya 348 y'iryo tegeko iteganya mu gika cyayo cya kabiri, ko iyo impamvu zatumye umuyobozi atubahiriza ibihe byo kurangiza ibyategetswe mu rubanza zifite ishingiro, ahabwa igihe ntarengwa cyo kuba yabyubahirije, mbere y'uko habasha gutegekwa ibihano biteganywa mu gika cya gatatu cy'iyi ngingo, aramutse atubahirije ibihe yahawe.

[10] Urukiko rurasanga, ibisobanuro Umujyi wa Kigali n'Umuyobozi wawo batanga ku mpamvu zo kuba Kanamugire yaratinze kwishyurwa kubera imishyikirano yari igikorwa kuri icyo kibazo kandi Kanamugire akaba yaragiye ayimenyeshwa, bigize impamvu zumvikana zituma hatangwa igihe ntarengwa cy'amezi abiri nk'uko abaregwa babyisabira na Kanamugire akaba abyemera.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[11] Rwemeje ko ikirego cya Kanamugire gifite ishingiro;

[12] Rutegetse Umujyi wa Kigali n'Umuyobozi wawo kuba bubahirije, bitarenze kuwa 15/12/2013, ibyategetswe mu rubanza RADA 0046/12/CS rwo ku wa 16/11/2012, bijyanye no kwishyura Kanamugire indishyi yatsindiye.

MULINDAHABI v. EWSA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RADA0015/13/CS
(Kanyange, P.J., Mukandamage na Rugabirwa, J.) 08
Ugushyingo, 2013]

Amategeko y'umurimo – Amasezerano y'akazi – Imiterere y'umurimo w'umukozi w'ikigo cya Leta wasinye amasezerano y'akazi – Umukozi wa Leta wasinye amasezerano y'akazi agengwa n'itegeko ry'umurimo aho kugengwa na sitati rusange y'abakozi ba leta igihe atagaragaza inyandiko yamushyize muri uwo mwanya (acte de nomination) – Itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, ingingo ya 2.

Amategeko y'umurimo – Amasezerano y'akazi – Igihe cy'igerageza – Iseswa ry'amasezerano y'akazi mu gihe cy'igerezewa – Uburenganzira bwo kwisobanura – Gusesa amasezerano y'akazi y'umukozi uri mu gihe cy'igerageza ntibisaba kumuha integuza ariko iseswa riturutse ku ikosa umukozi atamenyeshejwe ngo aritangire ibisobanuro bitangirwa indishyi – Itegeko Nshinga rya Repuburika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryujujwe kandi ryahinduwe kugeza ubu, ingingo ya 18.

Amategeko agenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa – Amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka – Umuburanyi agomba kugaragariza Urukiko imirimo yakozwe n'Avoka asabira indishyi.

Incamake y'ikibazo: Mulindahabi yagiranye amasezerano y'akazi na RECO RWASCO (yahindutse EWSA) hakaba hari

hakubiyemo amezi atandatu (6) y'igeragezwa ari nacyo yaje kwirukanwamo.

Yareze EWSA mu Rukiko Rukuru avuga ko yirukanywe mu buryo bunyuranyije n'amategeko anabisabira indishyi zinyuranye. Uru Rukiko rwemeje ko yirukanywe bidakurikije amategeko kuko atamenyeshejwe amakosa yaba yarakoze kugira ngo ayisobanureho nk'uko biteganywa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta. Rwemeje kandi ko n'ubwo yasinye amasezerano y'igerageza bitahabwa agaciro kuko EWSA ari ikigo cya Leta nk'uko bigaragara mu masezerano akaba agegwa na sitati aho kugegwa n'amategeko y'umurimo, maze runemeza ko agomba guhabwa indishyi z'akababaro z'uko yavukijwe akazi.

Ababuranyi bombi bajuririye icyo cyemezo mu Rukiko rw'Ikirenga, EWSA ivuga ko Urukiko Rukuru rwirengagije ibyo impade zombi zari zumvikanyeho rukavuga ko agengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta kandi agengwa n'amasezerano ari byo byatumye EWSA igaragara nk'aho yakoze amakosa, naho Mulindahabi akavuga ko habayeho kwivuguruza mu mikirize y'urubanza ko kandi n'indishyi yahawe ari nke, ntacyo Urukiko rubanza rwazishingiyeho.

Incamake y'icyemezo: 1. Umukozi wa Leta wasinye amasezerano y'akazi agengwa n'itegeko ry'umurimo aho kugengwa na sitati rusange y'abakozi ba leta igihe atagaragaza inyandiko yamushyize mu bakozi ba Leta (acte de nomination).

2. Gusesa amasezerano y'akazi y'umukozi uri mu gihe cy'igerageza ntibisaba kumuha integuza ariko iseswa riturutse ku ikosa umukozi atamenyeshejwe ngo aritangire ibisobanuro ritangirwa indishyi.

3. Iyo umukozi ukiri mu igeragezwa yirukanywe ku mpamvu irimo iy'imikorere, Urukiko ntirwasuzuma ibyerekeye isubizwa mu kazi kwe.
4. Igihe umuburanyi usaba igihembo cy'Avoka atagaragariza Urukiko imirimo yakozwe n'Avoka ntaho rwashingira rumugenera ayo mafaranga.

**Ubujurire bwa EWSA bufite ishingiro kuri bimwe.
Ubujurire bwa Mulindahabi nta shingiro bufite.
Amagarama y'urubanza aherereye ku baburanyi bombi.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 kamena 2003 nk'uko ryujujwe kandi ryahinduwe kugeza ubu, ingingo ya 18.

Itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, ingingo ya 2, 19 n'ya 27.

Itegeko n° 45/2011 ryo kuwa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 64.

Nta manza zifashishijwe.

Ibitekerezo by'abahanga:

Jean Pélissier, Alain Supiot, Antoine Jeammaud, *Droit du travail*, 2e édition, p.365.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Mulindahabi yakoranye amasezerano y'akazi na RECO RWASCO (yahindutse EWSA) kuwa 17/11/2009, yirukanwa kuwa 13/04/2010, EWSA ikavuga ko yari umukozi ugengwa n'amasezerano ko kandi yirukanwe akiri mu gihe cy'igeragezwa, naho Mulindahabi akavuga ko yahawe akazi mu nzira zateganyijwe na sitati y'abakozi ba Leta, ko rero nawe yagengwaga n'iyi sitati.

[2] Mulindahabi yaregeye Urukiko Rukuru ikirego cyasobanuwe haruguru, mu rubanza rwacye rwemeza ko icyo kirego gifite ishingiro, rutegeka EWSA kumwishyura 6.000.000 Frw z'igihombo yatejwe no kwirukanwa akabura icyo yinjiza, 2.000.000 Frw y'indishyi z'akababaro z'uko yasebye na 200.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

[3] Mu gufata icyo cyemezo, Urukiko rwabishingiye ko n'ubwo Mulindahabi yasinye amasezerano ateganya igeragezwa, ayo masezerano atahabwa agaciro kuko EWSA ari ikigo cya Leta, kandi hashingiwe ku ngingo ya 5 n'iya 6 z'itegeko n° 22/2002 ryo kuwa 9/7/2002 rishyiraho sitati igenga abakozi ba Leta no ku miterere y'ikigo cya EWSA, gifite abakozi bashinzwe kukiyobora barimo na Mulindahabi kuko yari "Head of planning and strategy section" nk'uko amasezerano ye y'akazi abigaragaza, akaba rero yari umu "sous statut", aho kuba umu "sous contrat".

[4] Ku birebana n'uburyo yirukanwemo, Urukiko rwasanze hatarubahirijwe ibiteganywa n'ingingo za 90 na 94 z'itegeko n°

22/2002 ryo kuwa 9/7/2002 ryavuzwe haruguru, kuko mbere yo kumwirukana, EWSA itabanje kumumenyesha amakosa yakoze kugira ngo ayisobanureho, cyangwa ngo imugezeho umushinga w'igihano yagombaga kumufatira kugira ngo atange ibisobanuro. Urukiko rwasanze kandi Mulindahabi yaragombaga gusubizwa ku kazi kuko icyemezo kimwirukana cyafashwe mu buryo bunyuranije n'amategeko, ko ariko mu gihe umwanya we wamaze gutangwa kandi nta kigaragaza ko hari undi ujya kureshya nawo muri "organigramme", yahabwa indishyi z'uko yavukijwe akazi aho kuba imishahara avuga ko atahembwe kuko kuva yirukanwa atakoraga.

[5] Rwasobanuye kandi ko Mulindahabi agomba guhabwa indishyi z'akababaro kuko bamuteje urubwa akareganywa, asezererwa ku kazi hashingiwe ku makosa atabanje kugaragazwa ko yakozwe, bikaba byaramuteye akababaro.

[6] EWSA yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga ivuga ko Urukiko rwemeje ko Mulindahabi yagengwaga na sitati y'abakozi ba Leta kandi nyamara yari yarasinye amasezerano na RECO RWASCO (yahindutse EWSA) kuwa 17/11/2009 ko kandi n'ikirego yatanze gishingiye kuri ayo masezerano avuga ko atubahirijwe, bityo akaba nta ndishyi zagombaga gucibwa EWSA kuko nta kosa yakoze.

[7] Mulindahabi nawe yarajuriye avuga ko habayeho kwivuguruza mu mikirize y'urubanza kuko mu mwanya umwe Urukiko rwavuze ko yakagombye gusubizwa ku kazi, mu wundi mwanya ruvuga ko atagasubizwaho kuko umwanya utagihari. Avuga kandi ko Urukiko rwamugeneye indishyi za 6.000.000 Frw ntacyo rushingiyeho ko kandi ari nke, ko n'indishyi z'akababaro hamwe n'amafaranga y'ikurikiranarubanza

yagenewe ari bike cyane. Na none kandi ngo ntacyo Urukiko rwavuze ku mafaranga 200.000 yahaye avoka.

[8] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame kuwa 02/07/2013 no kuwa 01/10/2013, EWSA ihagarariwe na Me Rusanganwa Jean Bosco, Mulindahabi yunganiwe na Me Habiyambere Aphrodis na Me Gasasira J. Claude.

II. IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO.

UBUJURIRE BWA EWSA

Kumenya niba harabayeho kwibeshya mu kwemeza ko Mulindahabi yagengwaga na sitati y'abakozi ba Leta.

[9] Uburanira EWSA avuga ko Urukiko Rukuru rwemeje ko Mulindahabi yasinye amasezerano y'akazi ariko rubirengaho ruhindura ibyo impande zombi zari zumvikanye, rwemeza ko yagengwaga na sitati y'abakozi ba Leta, rubiheraho rwemeza ko EWSA yakoze amakosa mu kumwirukana kandi nyamara haragombaga gukurikizwa ayo masezerano yateganyaga ko umuntu ashobora kwirukanwa nta nteguza, ko no mu kirego Mulindahabi yatanze yashingiye kuri ayo masezerano kuko avuga ko yirukanwe atubahirijwe.

[10] Avuga kandi ko imanza zashingiweho mu ikiza ry'urubanza rwajuririwe zitandukanye n'urubanza rwa Mulindahabi kuko abareze muri izo manza batari mu igeragezwa nka Mulindahabi, n'ikiburanwa mu rubanza rwajuririwe kikaba gitandukanye n'icyaburanwe muri izo manza kuko hasabwaga ivanwaho ry'ibyemezo.

[11] Mulindahabi n’abamwunganira bavuga ko kugira ngo amasezerano ahabwe agaciro ari uko aba akurikije amategeko nk’uko byategenywaga n’ingingo ya 33 CCLIII yakurikizwaga igihe yirukanwaga hamwe n’ingingo ya 64 y’itegeko n° 45/2011 ryo kuwa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ko igihe yahabwaga akazi, EWSA yari yaramaze gutanga itangazo ku rubuga rwayo rwa “internet” ivuga ko itanga akazi ikurikije Iteka rya Perezida n° 37/01 ryo kuwa 30/08/2004 ryashyiraga mu bikorwa itegeko n° 22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 rishyiraho sitati y’abakozi ba Leta, ko rero abakozi bashyizwe mu kazi mu nzira zateganywaga n’iryo Teka baba bagengwa na sitati y’abakozi ba Leta, ko amasezerano yasinyishijwe binyuranije n’amategeko agomba guteshwa agaciro.

[12] Bavuga kandi ko ikindi kigaragaza ko yagengwaga na sitati y’abakozi ba Leta ari uko yahawe umwanya uteganyijwe muri “cadre organique” kandi ahembwa amafaranga aturuka ku mutungo wa Leta. Ku birebana n’izindi manza zashingiweho, avuga ko ikiburanwa ari kimwe n’icyo mu rubanza rwe kuko kuba yararegeye ko yirukanwe nta mpamvu, bivuga ko yasabaga kvanaho icyemezo kimwirukana.

[13] Bakomeza bavuga ko kuba Mulindahabi yarasinye amasezerano adakurikije amategeko biturutse ku ikosa rya EWSA atabiryozwa, ko kandi kuvuga ko yari mu igeregezwa atari byo, ko ahubwo yari muri “stage”, ko igeragezwa yarivuyemo akinjira muri “Fonction Publique” kuko yatangiye akazi ka Leta mu 1986 kandi igeragezwa rikaba ryaramaraga amezi abiri. Bavuga kandi ko mu mwanzuro wa Mulindahabi utanga ikirego ntaho bigaragara ko yashingiye ku masezerano.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[14] Ku birebana n'itegeko rigomba gukurikizwa ku kibazo cya Mulindahabi, dosiye igaragaza ko yabaye umukozi wa RECO-RWASCO (yahindutse EWSA) nyuma yo gutsinda ikizamini nk'uko abivuga, bakorana amasezerano kuwa 17/11/2009 arimo igihe cy'igeragezwa cy'amezi atandatu. Usibye ayo masezerano, nta yindi nyandiko Mulindahabi yagaragaje yaba yaramwinjije mu bakozi ba Leta kugira ngo ibe yashingirwaho hemezwa ko agengwa na sitati igenga abo bakozi.

[15] Kuba yarasinye amasezerano y'akazi na RECO – RWASCO, byumvikanisha ko yagengwaga n'itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya kabiri yaryo iteganya ko iryo tegeko rigena imikoranire y'akazi hagati y'abakozi n'abakoresha (...) bishingiye ku masezerano.

[16] Na none kandi, kuba Mulindahabi yarigeze kuba umukozi wa Leta ugengwa na sitati, ntibyashingirwaho ngo hemezwe ko ari muri urwo rwego yinjijye muri EWSA mu gihe atagaragaza inyandiko abishingiraho (acte de nomination), ntanagaragaze uburyo yavuye muri Minisiteri y'abakozi ba Leta usibye kuvuga gusa ko yasabye guhagarika akazi mu gihe kitazwi (mise en disponibilité), kugasubizwaho kandi bikaba byaragombaga gukorwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 64 y'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, akaba atariko byagenze kuri Mulindahabi wasinye amasezerano arimo n'igihe cy'igeragezwa nk'uko byasobanuwe haruguru, kandi mu iperereza ryakozwe n'Urukiko Rukuru muri EWSA,

rwasobanuriwe ko muri icyo kigo harimo n'abandi bakozi bagengengwa n'amasezerano y'umurimo.

[17] Urukiko rurasanga rero mu gusuzuma ikibazo cy'iyirukanwa ku kazi rya Mulindahabi, hagomba gushingirwa ku itegeko ry'umurimo ryavuzwe haruguru aho gushingira kuri sitati igenga abakozi ba Leta nk'uko Urukiko Rukuru rwabyemeje, n'indishyi Mulindahabi yasabye zikaba zigomba kureberwa mu biteganywa n'iryo tegeko.

Kumenya niba hari indishyi Mulindahabi agomba kugenerwa.

[18] Uburanira EWSA avuga ko indishyi yategetswe gutanga zingana na 8.200.000 Frw nta shigiro zifite kuko Urukiko rwazitegetse rubishingiye ku kuba Mulindahabi yarirukanwe mu buryo bunyuranije n'amategeko kandi nyamara nta kosa yakoze mu kumusezerera kuko yashingiye ku masezerano y'akazi y'igeragezwa bari baragiranye.

[19] Na none kandi ngo uburyo izo ndishyi zagenwe ntibusobanutse kuko zagenwe mu bushishozi ntacyo urukiko rushingiyeho mu gihe umushahara yahembwaga uzwi kandi igihombo kigira uko kibarwa, ko mu bisanzwe indishyi nyinshi zitangwa ari umushahara w'amezi atandatu.

[20] Mulindahabi n'abamwunganira bavuga ko ishingiro ry'indishyi yagenewe ari uko yirukanwe mu buryo bunyuranije n'amategeko kuko atamenyeshejwe amakosa yakoze, ibyo bikaba binyuranije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga hamwe n'ingingo za 88, 90, 93 na 94 z'itegeko n° 22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 ryavuzwe haruguru, ko izo ndishyi zinashingiye kandi ku kuba mu kumwirukana, EWSA yarakoresheje

amagambo mabi amusebya bimugiraho ingaruka zirimo kubura akazi.

[21] Ku birebana n'uburyo indishyi zagenwe, Mulindahabi nawe avuga ko yabijuririye kuko hagombaga gushingirwa ku mushahara we kugeza umunsi azasubirizwa ku kazi cyangwa kugeza ku myaka yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[22] Nk'uko byavuzwe haruguru, amasezerano Mulindahabi yakoranye na RECO RWASCO yateganyijwemo igihe cy'igeragezwa cy'amezi atandatu, akaba yarasheshwe muri icyo gihe cy'igeragezwa kuko ibaruwa iyahagarika yanditswe kuwa 13/04/2010 kandi amasezerano yarasinywe kuwa 17/11/2009.

[23] Ku birebana n'iseswa ry'amasezerano mu gihe cy'igeragezwa, ntacyo itegeko rigenga umurimo ryavuze haruguru ryabiteganyijeho usibye ku birebana n'integuza, aho ingingo ya 27 y'iryo tegeko, iteganya ko nta nteguza ishobora kubaho mu gihe cy'amasezerano y'akazi y'igeragezwa.

[24] Ku birebana n'uburyo ayo masezerano aseswa, abahanga mu mategeko bavuga ko buri ruhande rushobora kuyasesa igihe cyose, ko kandi umukoresha adategetswe gutanga integuza cyangwa ngo atange impamvu nyakuri itumye ayasesa¹,

¹ Le trait essentiel, en même temps que la raison d'être de l'engagement à l'essai, est de conférer à chaque partie, sauf stipulation contraire, la faculté de rompre le contrat à tout moment. L'employeur n'a pas à respecter un préavis, bien entendu, si la convention collective applicable a institué un délai d'avertissement avant que la cessation du travail devienne effective:

byumvikanisha ko nta ndishyi zagombye gutangwa zishingiye kuri iryo seswa. Abo bahanga mu mategeko bavuga ariko ko n'ubwo buri ruhande rufite ubwo burenganzira, bitagomba gukorwa mu buryo bwo guhohoterana, ko umukozi ashobora guhabwa indishyi mu gihe atanze ikimenyetso ko umukoresha yasheshe amasezerano agamije kumwangiriza, ko n'umukoresha ashobora guhabwa indishyi n'umukozi washeshe amasezerano muri ubwo buryo².

[25] Ku birebana n'impamvu yashingiweho mu gusesa ayo masezerano, bisobanuye mu ibaruwa yavuzwe haruguru ko Mulindahabi yadindizaga akazi bigahesha isura mbi ikigo no kuba imyitwarire ye yararanzwe n'amakimbirane hagati ye n'inzego zitandukanye bakorana.

[26] Urukiko rurasanga ku birebana n'impamvu ya mbere ivugwa muri icyo baruwa, ireberwa mu rwego rw'imikorere n'umusaruro w'umukozi, ari nacyo amasezerano y'igeragezwa aba agamije nk'uko biteganywa n'ingingo ya 19 y'itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo, ivuga ko muri icyo gihe umukoresha asuzuma cyane cyane imikorere y'umukozi n'umusaruro we, umukozi nawe akagenzura cyane cyane imiterere y'akazi, iy'imibereho, iy'umushahara, iy'ubuzima, icyo kwirinda impanuka n'iy'ubusabane bw'abo bakorana. Abahanga mu mategeko bavuzwe haruguru nabo bavuga ko icyo gihe kiba kigamije gutuma umukoresha amenya

Jean Pélissier, Alain Supiot, Antoine Jeammaud, *Droit du travail*, 2e édition, p.365.

niba umukozi afite ubushobozi n'ubumenyi mu kazi, kigatuma n'umukozi amenya ko akazi yahawe kamunogeye.³

[27] Urukiko rurasanga ariko ku birebana n'impamvu ya kabiri ivugwa muri iyo baruwa, EWSA nayo yemera ko ishingiyeye ku ikosa Mulindahabi ivuga ko yakoze ryo kugonganisha inzego, akaba yaragombaga kurimenyeshwa akaryisobanuraho kuko, n'ubwo itegeko rigenga umurimo ryavuzwe haruguru ritabiteganyaga, ntawe ushobora gufatirwa icyemezo atabanje kwisobanura kubyo aregwa nk'uko Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ribiteganyaga mu ngingo yaryo ya 18.

[28] Hashingiye ku bimaze kuvugwa, Urukiko rurasanga kuba EWSA itaramenyeshye iryo kosa Mulindahabi ngo aryisobanureho, agomba kubihirwa indishyi, zikagenwa hashingiye ku mushahara yahembwaga. Nk'uko bigaragara mu masezerano yavuzwe haruguru, hateganyijwe ko Mulindahabi yahembwaga umushahara mbumbe ungana na 650.000 Frw, akaba ariwo washingirwaho kuko hatagaragajwe umushahara yatahanaga (net), bityo akagenerwa indishyi zingana na 1.350.000 Frw zihwanye n'umushahara w'amezi atatu.

2 Le droit de rompre le contrat n'est pas pour autant discrétionnaire. Comme tous les droits, le droit de mettre fin à l'essai est susceptible d'abus. Le salarié peut obtenir des dommages et intérêts s'il rapporte la preuve que l'employeur a agi par malveillance à son égard ou avec une légèreté blâmable. Il arrive aussi- même si cela est plus rare- qu'un employeur obtienne la condamnation d'un salarié pour rupture abusive en cours d'essai. Op.Cit p. 366.

3 (...) Pareille pratique présente pour les deux contractants un intérêt. L'employeur portera un jugement mieux éclairé sur la compétence et l'aptitude professionnelle du salarié à tenir l'emploi; ce dernier vérifiera si la tâche confiée lui convient. Op.Cit p.361.

UBUJURIRE BWA MULINDABAHI

Kumenya niba Mulindahabi agomba gusubizwa ku kazi.

[29] Mulindahabi avuga ko Urukiko Rukuru rwivugurujye kuko mu mwanya umwe rwavuze ko yakagombye gusubizwa mu kazi, mu wundi mwanya ruvuga ko atagasubizwaho kuko umwanya utagihari kandi ntaho rwavanye ko uwo mwanya utagihari kuko bitavuzwe n’abaturanyi, akaba kandi ataryozwa amakosa ya EWSA yimwa uburenganzira bwe bwo gusubizwa ku kazi. Avuga kandi ko kuba umwanya we waratanzwe hashize igihe kirekire nk’uko Urukiko rwabyemeje, binyuranye n’ibyemejwe mu rubanza RAD 0124/07/HC/KIG, aho urukiko rwemeje ko n’iyo umwanya waba waratanzwe hashize imyaka myinshi, iyo hafashwe icyemezo cyo kuvanaho icyo kwirukana umukozi, agomba gusubizwa mu kazi, akaba ari muri ubwo buryo uwitwa Kabera Pierre Claver yasubijwe mu kazi, ko rero na Mulindahabi yagombye kugasubizwaho cyangwa agashakirwa ahandi muri Leta kuko amakosa yo kuba umwanya utagihari ataturutse kuri we.

[30] Uburanira EWSA avuga ko nta buryo urukiko rutari kwivuguruzwa kuko rwafatanyije ibintu bibiri bidashobora guhura, ko kandi Urukiko rutari gutegeka umukoresha gukorana n’umukozi wirukanwe kubera gusuzugura inzego zimukuriye, kumusezerera bikaba byarakozwe mu rwego rwo kurengera inyungu z’ikigo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[31] Urukiko rurasanga mu gihe byagaragajwe haruguru ko Mulindahabi yirukanwe akiri mu igeragezwa ku mpamvu zirimo n’iyerekeye imikorere ku muntu ukiri mu igeragezwa, ntaho

urukiko rwashingira rusuzuma ibyerekeye gusubizwa mu kazi asaba.

Ku birebana n'uburyo indishyi zagenwe.

[32] Mulindahabi avuga ko yagenewe indishyi za 6.000.000 Frw zijya mu mwanya w'ibyo yagombaga kwinjiza kandi ibyo yinjizaga ari umushahara ungana na 650.000 Frw buri kwezi hiyongereyeho amashimwe, ko rero yagombye kubona uwo mushahara kugeza igihe azasubirizwa mu kazi, bitakorwa akawuhabwa kugeza igihe cyo kujya mu kiruhuko cy'iza bukuru. Avuga ko kuba izo ndishyi zigomba gushingira ku mushahara yahembwaga abishingira ku rubanza RADA 006/12/CS rwaciwe n'uru Rukiko.

[33] Avuga ko kandi indishyi za 2.000.000 Frw yagenewe kubera urubwa no kumusebya ari nke cyane harebwe ingaruka byamugizeho kandi bikomeje kumugiraho, bikaba byaratewe n'amagambo mabi yakoreshejwe mu ibaruwa imwirukana ntanahabwe icyemezo cy'akazi, ko byatumye atabona umwanya muri CHUK no muri Rwanda Housing Authority, aho yakoze ibizamini ariko ntahabwe akazi, akaba yagombye kugenerwa indishyi za 20.500.000 Frw hashingiwe ku ngingo ya 258 CCLIII.

[34] Mulindahabi avuga kandi ko 200.000 Frw yagenewe y'ikurikirabarubanza ari macye harebwe ibyo yatanze akurikirana ikibazo cye mu nzego zitandukanye, akaba yagenerwa 1.500.000 Frw yasabye ku rwego rwa mbere hakiyongeraho 500.000 Frw yo ku rwego rw'ubujurire, akanahabwa 2.000.000 Frw y'igihembo cya avoka nk'uko amasezerano bakoranye abigaragaza.

[35] Na none kandi ngo ntacyo urukiko rwavuze kuri 200.000 Frw yahaye avoka kandi yaragaragaje amasezerano bakoranye hamwe n'inymeza bwishyu (reçu) yamuhaye.

[36] Uburanira EWSA avuga ko Mulindahabi atasaba kugenerwa umushahara kuko ari ikiguzi ku muntu uba wakoze, ko kandi EWSA itamubujije ubushobozi bwo kuba yakora akandi kazi.

[37] Ku birebana n'amagambo ari mu ibaruwa imusezerera, avuga ko nta magambo arimo asebanya ko kandi ibyo avuga ko yimwe akazi kubera iyo baruwa yagombye kubitangira ibimenyetso.

[38] Ku birebana n'amafaranga y'ikurikiranarubanza, avuga ko atayasaba EWSA kuko aho yagiye hose ari we bireba kandi bakaba batabona icyari kimujyanyeyo usibye muri Komisiyo y'abakozi ba Leta yanatanze umwanzuro ivuga ko yirukanwe ari mu igeragezwa, akaba anatuye mu Mujyi wa Kigali.

[39] Ku byerekeye amafaranga yishyuye avoka, avuga ko atayagenerwa kuko mu Rukiko Rukuru yariburaniye, naho amasezerano avuga ko yakoranye na avoka muri uru rukiko akaba atareba EWSA, ko kandi amafaranga asaba harimo ugukabya hagereranjwe n'ayo avuga yishyuye ku rwego rwa mbere, ko rero mu gihe yatangwa hakurikizwa uburyo Urukiko rusanze ruyagena.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[40] Nk'uko byasobanuwe haruguru, kuba amasezerano Mulindahabi yari afitanye na EWSA yarasheshwe mu gihe

cy'igeragezwa, nta zindi ndishyi yasaba kugenerwa kuko zidafite ishingiro mu rwego rw'amategeko y'umurimo, usibye izasobanuwe haruguru zishingiye ku kuba atarahawe umwanya wo kwisobanura mbere yo gusesa amasezerano y'igeragezwa.

[41] Ku birebana n'amafaranga y'ikurikiranarubanza angana na 1.500.000 Mulindahabi avuga ko yagombye kuba yaragenewe ku rwego rwa mbere mu mwanya wa 200.000 Frw, hamwe na 500.000 Frw ku rwego rw'ubujurire, Urukiko rurasanga yaragenewe 200.000 Frw ku rwego rwa mbere yagenwe mu bushishozi bw'urukiko, akaba atagaragaza mu buryo bw'imibare uburyo ayo mafaranga ari macye, ahubwo nawe ayasaba mu buryo bwa rusange (forfait), bityo akaba ariyo akwiye kugumaho kuko ari mu rugero rukwiye.

[42] Ku birebana na 500.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'ay'igihembo cya avoka angana na 2.000.000 Frw asaba ku rwego rw'ubujurire, Urukiko rurasanga mu gihe ubujurire bwe nta shingiro buhawe ahubwo EWSA ikaba ariyo ifite ibyo itsindiye, ayo mafaranga atayagenerwa.

[43] Ku byerekeye amafaranga 200.000 Frw Mulindahabi avuga ko atagenewe ku rwego wa mbere kandi yarayahembye avoka, Urukiko rurasanga nta kirugaragariza imirimo avuga ko yaba yarakozwe na avoka kuko inyandiko za dosiye zigaragaza ko yiburaniye, n'imyanzuro yatanze ikaba igaragaza ko ariwe wayikoreye, rukaba rero ntaho rwashingira rumugenera ayo mafaranga.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[44] Rwemeje ko ubujurire bwa EWSA bufite ishingiro kuri bimwe;

[45] Rwemeje ko ubujurire bwa Mulindahabi Fidèle nta shingiro bufite;

[46] Rutegetse EWSA guha Mulindahabi indishyi zingana na 1.350.000 Frw, yiyongera kuri 200.000 Frw y'ikurikiranarubanza yagenewe ku rwego rwa mbere, yose hamwe akaba 1.550.000 Frw;

[47] Rutegetse EWSA na Mulindahabi Fidèle gufatanya gutanga amagarama y'urubanza 27.600 Frw, batayatanga mu gihe cy'iminsi umunani, ayo mafaranga akavanwa mu byabo ku ngufu za Leta.

IMANZA MBONEZAMUBANO

DELTA PETROLEUM LTD v. NSENGIYUMVA N'ABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RC 0001/14/CS
(Rugege, P.J., Mugenzi na Munyangeri, J.) 12 Nzeri 2014]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano – Inzitizi y'iburabubasha – Irangizarubanza – Impaka zishingiye ku irangiza ry'urubanza – Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha ikirego kijyanye n'impaka zivutse mu irangiza ry'urubanza – Urukiko rwaciye urubanza bwa nyuma rugomba kumvikana nk'urukiko rwinjiye mu mizi y'urubanza ku buryo budasubirwaho bityo impaka zivutse mu irangiza ryarwo zikemurwa n'urwo Rukiko kuko ari rwo rwasobanura neza imikirize yarwo mu mizi, hagamijwe kubahiriza ibyarutegetswe – Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 195 n'iya 208.

Incamake y'ikibazo: Mu rwego rwo kurangiza urubanza RS/REV/INJUST /CIV 0005/13/CS rwaciye n'Urukiko rw'Ikirenga ruvanaho urubanza RC 0235/12/TGI/NYGE na RCA 0195/13/TGI/NYGE kandi rukemeza urubanza RC 0496/12/TB/NYGE rwaciye n'urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge kuwa 17/10/2012 Gahongayire yaburanyemo na na Milimo Gaspard, abahesha b'inkiko batandukanye bagiye bandikira DELTA PETROLEUM Ltd bayitegeka gushyikiriza Gahongayire, station ikoreramo iherereye i Nyabugogo mu kibanza n° 5686 no kujya imuha amafaranga y'ubukode bw'inzu iri muri icyo kibanza.

DELTA PETROLEUM Ltd ntiyubahirije ibyo yategetswe maze undi muheshya w'inkiko witwa Nsengiyumva John abisabwe na Gahongayire Winifrida, afunga inzu ya station ikodeshwa na DELTA PETROLEUM, anafatira ibicuruzwa byayo biri muri station ndetse n'ibikoresho byayo. Nyuma yaho Gahongayire Winifrida yandikiye DELTA PETROLEUM ibaruwa y'integuza yo kuza gutwara ibicuruzwa n'ibikoresho byayo byafatiriwe mu kurangiza urubanza, itabikora mbere yo kuwa 16/05/2014 bikagurishwa ndetse DELTA ikazirengera igihombo icyo aricyo cyose.

Ibyo byatumye DELTA PETROLEUM itanga ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga isaba ko rwakemura impaka mu kurangiza urubanza RS/REV/INJUST/CIV 0005/13/CS. Iburanisha ritangiye, Me Niyomugabo uburanira umwe mu baregwa witwa Nsengiyumva John yasabye ko hasuzumwa inzitizi y'iburabubasha ry'Urukiko rw'Ikirenga, avuga ko ikirego cy'uru rubanza cyagombaga gushyikirizwa Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge kuko DELTA PETROLEUM yareze isaba ko hakemurwa impaka zishingiye ku irangiza ry'urubanza RS/REV/INJ/CIV 0005/13/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, yirengagije ko urubanza rurangizwa ari RC 0496/12/TB/NYG rwaciwe mu mizi n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge. Ababuranira DELTA PETROLEUM, ababuranira Gahongayire, ndetse n'uburanira Milimo Gaspard bavuga ko urwo rubanza rwaciwe bwa nyuma n'Urukiko rw'Ikirenga bityo rukaba arirwo rufite ububasha bwo kuburanisha uru rubanza kuko ngo ntaho Itegeko ryateganyije ko urukiko rwaciye urubanza bwa nyuma rugomba kuba ari urwaruciye mu mizi yarwo. Iyo nzitizi niyo ababuranyi bagiyeho impaka maze Urukiko rwemeza ko ariyo ruzabanza gufataho icyemezo.

Incamake y'icyemezo: Urukiko rwacyiye urubanza bwa nyuma rugomba kumvikana nk'urukiko rwinjiye mu mizi y'urubanza ku buryo budasubirwaho rugakemura ikibazo cyaburanwaga, rukanagira ibyo rutegeka bigomba kubahirizwa mu irangizwa ryarwo, bityo impaka zivutse mu irangiza ry'urubanza zikemurwa n'urukiko rwaruciye bwa nyuma kuko ari rwo rwasobanura neza imikirize yarwo mu mizi, hagamijwe kubahiriza ibyarutegetswe.

Inzitizi y'iburabubasha yazamuwe n'umwe mu baregwa ifite ishingiro.

Urukiko rw'Ikirenga nta bubasha rufite bwo kuburanisha ikirego kijyanye n'impaka zavutse mu irangiza ry'uru rubanza.

Urubanza rwohererejwe Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge kugirango abe arirwo ruruburanisha.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 195 n'ya 208.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Tariki ya 20 Werurwe 2014 Umuhesha w'inkiko wa Minisiteri y'Ubutabera Muhire Constatin yamenyesheje

DELTA PETROLEUM Ltd ko igomba gushyikiriza Gahongayire Winifrida, bitarenze tariki ya 8 Mata 2014, station ikoreramo iherereye Nyabugogo mu kibanza n° 5686, harangizwa urubanza RS/REV/INJUST /CIV 0005/13/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ruvanaho urubanza RC 0235/12/TGI/NYGE na RCA 0195/13/TGI/NYGE kandi rukemeza urubanza RC 0496/12/TB/NYGE rwo kuwa 17/10/2012.

[2] Mu ibaruwa yo kuwa 02/04/2014 DELTA PETROLEUM yamenyesheje umuhesha w'inkiko ko ibyo yategetse DELTA PETROLEUM gukora bidateganijwe mu rubanza bityo imusaba gusubira kuri iryo tegeko bitabaye ngombwa kwitabaza inkiko.

[3] Tariki ya 22 Werurwe 2014 Rusanganwa Eugène umuhesha w'inkiko muri Minisiteri y'Ubutabera yahaye DELTA PETROLEUM itegeko ryo kujya ishyikiriza Gahongayire Winifrida amafaranga y'ubukode bw'inzu ikodesha iri mu kibanza n° 5686 Nyabugogo ibyo bigakorwa bitarenze tariki ya 24 Mata 2014.

[4] Tariki 24/04/2014 DELTA PETROLEUM yamenyesheje Umuhesha w'inkiko Rusanganwa Eugène ko mu gushyira mu bikorwa amasezerano y'ubukode bw'inzu ikodeshwa, hishyuwe ubukode bw'imyaka itanu (5). Ibyo bikaba byarakozwe tariki 17/10/2013, bityo ko nta bukode bwo kwishyura buhari.

[5] Tariki ya 12/05/2014 umuhesha w'inkiko witwa Nsengiyumva John, abisabwe na Gahongayire Winifrida, yafunze inzu ya station ikodeshwa na DELTA PETROLEUM afatira ibicuruzwa byayo biri muri station n'ibikoresho byayo.

[6] Uburanira DELTA PETROLEUM Ltd avuga ko ibyo byakozwe nta tegeko abanje kuyiha kandi atayimenyesheje urubanza arangiza urwo arirwo. Akanavuga ko DELTA PETROLEUM yasabye umuhesha w'inkiko kuyigaragariza urubanza arangiza inamusaba *exploit de commandement* yaba yarakoze akabyanga.

[7] Tariki ya 15/05/2014 Gahongayire Winifrida yandikiye DELTA PETROLEUM ibaruwa y'integuza yo kuza gutwara ibicuruzwa n'ibikoresho byayo byafatiriwe mu kurangiza urubanza, ngo DELTA PETROLEUM itabikora mbere ya 16/05/2014 bikagarishwa ndetse DELTA ikazirengera igihombo icyo aricyo cyose.

[8] Ibyo byatumye DELTA PETROLEUM itanga ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga isaba ko rwakemura impaka mu kurangiza urubanza RS/REV/INJUST/CIV 0005/13/CS, urubanza ruburanishwa mu ruhamwe ku wa 10/06/2014, DELTA PETROLEUM iburanirwa na Me Gatera Gashabana hamwe na Me Nkurunziza Francois Xavier, Nsengiyumva John aburanirwa na Me Niyomugabo, Gahongayire aburanirwa na Me Niyomugabo Christophe na Me Gahongerwa Goretti, naho Milimo Gaspard aburanirwa na Me Nzirabatinyi Fidèle.

[9] Iburanisha ritangiye, Me Niyomugabo uburanira Nsengiyumva John yasabye ko hasuzumwa inzitizi y'iburabubasha ry'Urukiko rw'Ikirenga, avuga ko ikirego cy'uru rubanza cyagombaga gushyikirizwa Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge kuko ari rwo rwaciye bwa nyuma urubanza rwateye impaka mu irangizwa ryarwo, naho ababuranira DELTA PETROLEUM, ababuranira Gahongayire, ndetse n'uburanira Milimo Gaspard bakavuga ko urwo rubanza rwaciye bwa nyuma n'Urukiko rw'Ikirenga. Iyo nzitizi niyo

ababuranyi bagiye ho impaka, Urukiko rwemeza ko ariyo ruzabanza gufataho icyemezo.

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYACYO

Kumenya urukiko rufite ububasha ku kirego kijyanye n'impaka zavutse mu irangiza ry'urubanza Gahongayire asabira kurangizwa.

[10] Mu nzitizi Me Niyomugabo uburanira Nsengiyumva yatanze, asobanura ko DELTA yareze ishingiyeye ku ngingo ya 208 y'Itegeko ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, asaba ko hakemurwa impaka zishingiyeye ku irangiza ry'urubanza RS/REV/INJ/CIV 0005/13/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, yirengagije ko urubanza rurangizwa ari RC 0496/12/TB/NYG nk'uko DELTA PETROLEUM yagiye ibimenyeshwa nko mu itegeko ry'Umuhesha w'inkiko ryashyikirijwe Me Nkurunziza no mu zindi nyandiko.

[11] Asobanura ko n'urubanza RS/REV/INJ/CIV 0005/13/CS rwavuzwe haruguru rwavanyeho izindi manza zabaye, rugumishaho gusa imikirize y'urubanza RC 0496/12/TB/NYG. Avuga ko Urukiko rw'Ikirenga rwemeye ko urubanza RC 0496/12/TB/NYG rwari rwarabaye itegeko, nyamara Urukiko Rwisumbuye rukora amakosa yo kuruca mu mizi, akaba asanga ibyo byose bigaragaza ko urubanza rurangizwa ari urwo rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze, akaba ari narwo rufite ububasha bwo gukemura impaka zavuka mu irangizwa ryarwo.

[12] Avuga ko hari n'inyandiko nyinshi zigaragaza ko urubanza rurangizwa ari rw'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge, zirimo Itegeko ry'umuhesha w'inkiko ryashyikirijwe Me Nkurunziza uburanira DELTA PETROLEUM, bamugaragariza urubanza urwo ari rwo (0496/12/TB/NYG) n'icyemezo cyarwo, hibutswa n'igihe rwabamenyesherejwe.

[13] Anavuga ko muri urwo rubanza icyaregerwaga kwari ugushinganisha imitungo Gahongayire ahuriyeho na Milimo, naho urw'Urukiko rw'Ikirenga rukaba ntacyo rwakemuraga kuri icyo kibazo, rukaba rwarakuyeho gusa urubanza rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rutubahirije ibihe by'ubujurire.

[14] Uburanira Nsengiyumva anavuga ko abaregwa ubwabo babyiyemerera, kuko mu myanzuro ya Me Nkurunziza hari aho yivugira ko urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge ari rwo rurangizwa, ndetse n'inyandiko y'abemeye kurangiza urubanza ku neza (bagiranye amasezerano na Gahongayire) ikaba igaragaza ko urubanza rurangizwa ari 0496/12/TB/NYG.

[15] Me Nzirabatinyi uburanira Milimo avuga ko n'ubwo uwo aburanira ari ku ruhande rw'abitwa abaregwa, asanga inzitizi yabyukijwe n'uburanira Nsengiyumva idafite ishingiro, inyandiko z'abahesha b'inkiko Rusanganwa na Muhire Me Niyomugabo avuga ko zigaragaza urubanza rurangizwa zikaba nta gaciro zahabwa kuko Minisitiri w'Ubutabera wari wabashinze irangiza ry'urubanza yabahagaritse bataratangira kuko Gahongayire yari yagaragaje ko atabafitiye icyizere, naho umuhesha Nsengiyumva akaba atarashingiye ku by'abo ba mbere.

[16] Asobanura ko, hashingiwe ku ngingo ya 208 yavuzwe haruguru, asanga Urukiko rw'Ikirenga ari rwo rufite ububasha kuri uru rubanza kuko ari rwo rwaruciye bwa nyuma, iyo ngingo ikaba itavuga ko kuruca bwa nyuma ari ukuba rwararwinjiye mu mizi, atanga urugero ku manza zaciriwe hanze zisabirwa kurangirizwa mu Rwanda maze inkiko zemeje ko zirangirizwa mu Rwanda (exequatur) akaba ari nazo zifite ububasha bwo gukemura impaka zavuka mu irangizwa ryazo nk'uko biteganywa n'iyo ngingo kandi zitaraziciye mu mizi. Anavuga ko kuba Urukiko rw'Ikirenga rwaraciye urwo rubanza ku mpamvu z'akarengane bisabwe n'Urwego rw'Umuvunyi hakurikijwe ingingo za 79 na 81 z'Itegeko rigenga Urukiko rw'Ikirenga, bigaragaza ko uru rukiko ari rwo rwaruciye bwa nyuma.

[17] Me Nkurunziza na Me Gatera Gashabana baburanira DELTA PETROLIUM bavuga ko kuba Urukiko rw'Ikirenga rwaragize ibyarwo ibyemezo byari byafashwe n'Urukiko rw'Ibanze bisobanuye ko ari Urukiko rw'Ikirenga rwaciye urubanza bwa nyuma, bakaba basanga rero n'umuhesha w'inkiko Nsengiyumva yarahereye ku rubanza rw'Urukiko rw'Ikirenga kuko ari rwo rwaciye urubanza bwa nyuma, rukemeza icyemezo cyari cyafashwe n'Urukiko rw'Ibanze. Bavuga ko ingingo ya 208 yavuzwe haruguru igomba kwumvikana uko yanditse, ntiyongerwemo ibisobanuro byo kuba urubanza rwaraciye “mu mizi” bitayigaragaramo, bakaba basanga ababyukije iriya nzitizi bagamije gusa gutinza urubanza.

[18] Me Gahongerwa uburanira Gahongayire avuga ko ingingo ya 79 y'Itegeko rigenga Urukiko rw'Ikirenga ntaho ihuriye n'ikibazo cy'uru rubanza, akaba asanga Urukiko

rwaciye urubanza bwa nyuma ari urwakemuye ikibazo cyari kirugize, arirwo rw'Ibanze, naho Urukiko rw'Ikirenga rukaba gusa rwarakuyeho akarengane ko kuba Urukiko Rwisumbuye rwarakiriye rukaburanisha urubanza rwari rwarabaye itegeko.

II. UKO URUKIKO RUBIBONA

[19] Dosiye y'uru rubanza igaragaza ko Urukiko rw'Ikirenga, mu rubanza RS/REV/INJ/CIV 0005/13/CS, rwakuyeho urubanza RC 0235/12/TGI/NYGE n'urubanza RCA 0195/13/TGI/NYGE rukemeza ko hagumaho imikirize y'urubanza RC 0495/12/TB/NYGE rwo kuwa 17/10/2012 ku mpamvu z'uko Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwakiriye rukaburanisha urubanza kandi rwari rwararengeje gihe cy'ubujurire.

[20] Ingingo ya 208 y'itegeko n°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko impaka zishingiye ku irangiza ry'urubanza ryaba riri gukorwa cyangwa ryararangiyeye zikemurwa n'urukiko rwaruciye bwa nyuma cyangwa urwemeje ko urubanza rwo mu mahanga rurangirizwa mu Rwanda.

[21] Urukiko rwaciye urubanza bwa nyuma ruvugwa muri iyo ngingo ya 208 rugomba kumvikana nk'urukiko rwinjiye mu mizi y'urubanza ku buryo budasubirwaho rugakemura ikibazo cyaburanwaga, rukanagira ibyo rutegeka bigomba kubahirizwa mu irangizwa ryarwo, ari nayo mpamvu Umushingamategeko yateganyije, muri iyo ngingo y'itegeko, ko impaka zivutse mu irangiza ry'urubanza zikemurwa n'urukiko rwaruciye bwa nyuma, kuko ari rwo rwasobanura neza imikirize yarwo mu

mizi, hagamijwe kubahiriza ibyarutegetswe, nk'uko ingingo ya 195 y'itegeko n°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 iteganya ko irangiza ry'imanza n'iry'inyandiko rigamije guha uwatsinze ibintu afitiye uburenganzira bwo guhabwa, akabibona ubwabyo cyangwa akabona ingurane.

[22] Bigaragara rero ko Urukiko rw'Ikirenga rwaciye urubanza RS/REV/INJ/CIV 0005/13/CS rugakemura gusa ikibazo kijyanye n'iyubahirizwa ry'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza rutinjiye mu mizi yarwo atari rwo rwasabwa gukiranura impaka zijyanye n'irangizwa ryarwo kandi zishingiye ku mikirize y'urubanza ku cyaburanwe mu mizi, ahubwo urw'Ibanze rwa Nyarugenge n'Urwisumbuye rwa Nyarugenge ari zo zonyine zinjiye mu mizi y'urubanza, hakaza kuguma ho gusa urwaciye n'Urukiko rw'Ibanze nyuma y'uko iz'Urukiko Rwisumbuye zivanyweho, bityo, urubanza ruriho rwaciye bwa nyuma rugomba kurangizwa akaba ari urwo rwaciye n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge, rufite numero 0495/12/TB/NYGE.

[23] Hashingiwe ku bisobanuro bigaragajwe haruguru, Urukiko rurasanga ikirego rwashyikirijwe na DELTA PETROLIUM kigamije gukemura impaka zavutse mu irangiza ry'urubanza rwabayeho hagati ya Milimo na Gahongayire, ari rwo 0495/12/TB/NYGE, kitari mu bubasha bw'uru Rukiko, ahubwo kiri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge rwaruciye bwa nyuma mu mizi.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[24] Rwemeje ko inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga yatanzwe na Me Niyomugabo uburanira Nsengiyumva John ifite ishingiro.

[25] Rwemeje ko Urukiko rw'Ikirenga nta bubasha rufite bwo kuburanisha ikirego kijyanye n'impaka zavutse mu irangiza ry'Urubanza Gahongayire asabira kurangizwa.

[26] Rutegetse ko uru rubanza rwoherezwa mu Rukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge kugirango abe ari rwo ruruburanisha.

DOREBABA

[Rwanda URUKIKO RUKURU – 2013HC – RCA
0051/13/HC/KIG (Hitimana, P.J.) 7 Werurwe 2013]

Amategeko agenga ububasha bw'Inkiko – Ikirego gisaba ko Inyandikompamo yanditswe n'abategetsi bo mu mahanga irangirizwa mu Rwanda –Inyandikompamo y'ishyingirwa – Kopi y'inyandiko z'irangamimerere zisabirwa kwemerwa kurangirizwa mu Rwanda n'impamvu zisabirwa irangizwa zigomba kuba ntaho zinyuranije n'amategeko rusange ndemyagihugu kimwe n'amahame ashingiweho n'amategeko y'u Rwanda kandi zikanaba zigaragaza ko hakurikijwe amategeko y'igihugu zandikiwemo, zujuje ibyangombwa byose bigaragaza ko ari inyandiko mvaho – Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo ku wa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, ingingo ya 92 – Itegeko n° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 70.

Incamake y'ikibazo: Urega yatanze ikirego mu Rukiko Rukuru asaba ko inyandiko y'ishyingirwa ryabereye mu gihugu cyahoze cyitwa Zaïre aricyo Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo y'ubu hagati ye n'umugabo we Ntwari Gatari irangirizwa mu Rwanda. Impamvu ashingiraho abisaba n'uko umugabo we yitabye Imana bityo kwemera ko iyo nyandiko irangirizwa mu Rwanda bikaba byamufasha kubona uburenganzira busesuye

bukomoka ku nshingano z'abashakanye amategeko amwemerera.

Incamake y'icyemezo: Inyandiko yiswe “Extrait du registre des déclarations de Mariage” ikwiye kurangirizwa mu Rwanda kuko impamvu urega ashingiraho abisaba ntaho zinyuranyije n'amategeko rusange ndemyagihugu kimwe n'amahame ashingiweho n'amategeko y'u Rwanda, kandi ikaba inagaragaza ko hakurikijwe amategeko y'igihugu yandikiwemo, yujuje ibyangombwa byose bigaragaza ko ari inyandiko mvaho. .

**Ikirego gifite ishingiro.
Amagarama aherereye ku rega.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ingingo ya 92.

Itegeko n° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuzwa igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 70.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBAZA

[1] Dorebaba Rugomboka yashyikirije uru Rukiko ikirego asaba ko inyandiko y'ishyingirwa hagati ya Dorebaba Rugomboka na Ntwari Gatari yakorewe mu cyahoze ari Zaire ubu yahindutse Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo kuwa 18/07/1987 (Extrait du registre des déclarations de mariage) irangirizwa mu Rwanda.

[2] Ikibazo kigomba gusuzumwa muri uru rubanza ni ukumenya niba hashingiwe kuri iyo ngingo ya 92 y'Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo ku wa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko, iyo nyandiko y'ishyingirwa hagati ya Dorebaba Rugomboka na Ntwari Gatari yakorewe mu cyahoze ari Zaire ubu yahindutse Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo kuwa 18/07/1987 (Extrait du registre des déclarations de mariage) ikwiye kwemererwa kurangizwa mu Rwanda.

II. ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGIZE URUBANZA

[3] Maître Nkeza S. Clément uhagarariye Dorebaba Rugomboka muri uru rubanza asaba Urukiko kwemeza ko inyandiko yiswe “inyandiko y'ishyingirwa ryabaye hagati ya Dorebaba Rugomboka na Ntwari Gatari ryakorewe mu cyahoze ari Zaire ubu yahindutse Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo kuwa 18/07/1987 (Extrait du registre des déclarations de mariage)” ikwiriye kwemererwa kurangizwa mu Rwanda,

ashingiye ku ngingo ya 92 y'Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo ku wa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko, agasobanura ko iyo nyandiko yakozwe igaragaza ko Dorebaba Rugomboka na Ntwari Gatari bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko yo muri icyo gihugu cya RDC, ariko ubu Ntwari Gatari akaba yaritabye Imana kuwa 06/05/2012, kwemera ko iyo nyandiko irangirizwa mu Rwanda bikaba byafasha Dorebaba Rugomboka kubona uburenganzira busesuye bukomoka ku nshingano z'abashakanye amategeko amwemerera.

[4] Hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 92 y'Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo ku wa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, inyandiko zivugwa muri iyo ngingo zishobora kurangirizwa mu Rwanda ni “inyandikompamo zifite ikigaragaza ko zanditswe n'abategetsi bo mu mahanga” (actes authentiques en forme exécutoire qui ont été dressés par une autorité étrangère).

[5] Ingingo ya 92 y'itegeko ngenga ryavuzwe hejuru inateganya ko inyandikompamo zifite ikigaragaza ko zanditswe n'abategetsi bo mu mahanga zishobora kurangirizwa mu Rwanda n'Urukiko Rukuru, iyo zujuje ibyangombwa bikurikira:

- Iyo impamvu bazisabira irangizwa ntaho zinyuranije n'amategeko rusange ndemyagihugu kimwe n'amahame ashingwiweho n'amategeko y'u Rwanda;
- Iyo hakurikijwe amategeko y'igihugu zandikiweho, zujuje ibyangombwa byose bigaragaza ko ari imvaho.

[6] Urukiko rubona impamvu Dorebaba Rugomboka asabira irangizwa ry'iki cyangombwa, ari ukugira ngo agire uburenganzira nk'uware warashakanye na nyakwigendera

Ntwari Gatari, ubwo burenganzira bukaba bunateganijwe mu ngingo ya 70 y'itegeko ry'u Rwanda rifite n° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuzaga igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, aho riteganyaga mu gace karyo ka mbere ko iyo umwe mu bashyingiranywe apfuye, usigaye asigarana umutungo wose akubahiriza inshingano yo kurera abana no gufasha ababyeyi ba nyakwigendera iyo babikeneye, iyo mpamvu rero bazisabira irangizwa ntaho zinyuranije n'amategeko rusange ndemyagihugu kimwe n'amahame ashingwiyeho n'amategeko y'u Rwanda.

[7] Urukiko runasanga inyandiko y'ishyingirwa hagati ya Dorebaba Rugomboka na Ntwari Gatari yakorewe mu gihugu cyahoze ari Zaïre ubu cyabaye Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo kuwa 18/07/1987 (Extrait du registre des déclarations de mariage) Dorebaba Rugomboka yifuza ko yarangirizwa mu Rwanda, ari inyandiko yandikiwe mu gihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, yandikwa n'uwitwa Gumba Mwishabongo, Officier de l'état civil uhabwa ububasha bwo kuba uwo mutegetsi n'ingingo ya 76 na 78 y'itegeko ry'umuryango ryo muri icyo gihugu, uyu akaba afite ububasha bw'umwanditsi w'irangamimerere muri icyo gihugu cya RDC, kandi nk'uko ingingo ya 368 y'igitabo cy'amategeko agenga umuryango muri icyo gihugu ibiteganyaga imihango y'ubukwe ishobora gukorerwa mu muryango hakurikijwe umuco, ikanateganyaga ko muri icyo gihe, umwanditsi w'irangamimerere abyandika akanabikorera icyemezo kibigaragaza (le mariage peut être célébré en famille selon les formalités prescrites par les coutumes. Dans ce cas, l'officier de l'état civil enregistre le mariage et dresse l'acte le constatant),

kandi nkuko bigaragazwa n'iyo nyandiko akaba ari umwanditsi w'irangamimerere wayemeje.

[8] Runasanga iyo nyandiko iriho umukono wa Notaire w'Umujyi wa Goma wayemeje kuwa 24/12/2012, ndetse na Ambassade ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo iri i Kigali irabyemeza kuwa 31/12/2012.

[9] Rushingiye ku bimaze kugaragazwa hejuru, rusanga inyandiko Dorebaba Rugomboka asabira kwemerwa kurangirizwa mu Rwanda, impamvu azisabira irangizwa ntaho zinyuranije n'amategeko rusange ndemyagihugu kimwe n'amahame ashingiweho n'amategeko y'u Rwanda, kandi zikanaba zigaragaza ko hakurikijwe amategeko y'igihugu zandikiwemo, zujuje ibyangombwa byose bigaragaza ko ari inyandiko mvaho, ari nayo mpamvu byemewe ko iyo nyandiko yiswe "Extrait du registre des déclarations de mariage" ikwiye kurangirizwa mu Rwanda.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO RUKURU

[10] Rwemeje kwakira ikirego cyatanzwe na Dorebaba Rugomboka kuko cyatanzwe mu buryo buhuje n'itegeko, rugisuzumye rusanga gifite ishingiro.

[11] Rwemeje ko icyemezo kigaragaza ishyingiranwa ryabaye hagati ya Dorebaba Rugomboka na Ntwari Gatari ryakorewe mu gihugu cyahoze ari Zaïre ubu cyahindutse Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo kuwa 18/07/1987 (Extrait du registre des déclarations de mariage) kirangirizwa mu Rwanda kuko cyujuje ibyangombwa biteganywa n'amategeko y'u Rwanda.

[12] Rutegetse Dorebaba Rugomboka kwishyura amagarama y'uru rubanza angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 7.000Frw, agomba gukurwa mu yo yatanzeho ingwate arega.

KANZAYIRE v. NYIRABIZIMANA N'UNDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCAA 0070/12/CS
(Kanyange, P.J., Mukandamage na Munyangeri, J.) 21 Kamena
2013]

Amategeko agenga ububasha bw'Inkiko – Ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga – Inzira z'ubujurire mu Rukiko rw'Ikirenga – Iyakirwa ry'ikirego kigamije gutambamira urubanza – Ihame ry'uko itegeko ritagira inkurikizi ku bikorwa byabaye mbere y'uko rijyaho – Mu gukemura ikibazo cy'iyakirwa ry'ikirego gitambamira urubanza mu gihe itegeko ryakurikizwaga igihe ikirego cyatangwaga ritandukanye n'iririkizwa mu gihe cy'iburanisha, hagomba gukurikizwa iryariho ikirego gitangwa – Izindi nzira zigamije gusaba ko urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwongera kuburanishwa ntizemewe, uretse iyo gusubirishamo ingingo nshya urubanza rwaciwe burundu yonyine – Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, ingingo ya 144 – Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga – Itegeko Ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 84.

Incamake y'ikibazo: Kanzayire Epiphanie, umugore wa Musoni Ndamage Thadée yatambamiye urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga hagati ya Nyirabizimana Zilipa na Musoni Ndamage Thadée avuga ko atarumenye kandi rukaba rubangamiye inyungu ze kuberako imikirize yarwo yemeje ko Nyirabizimana afite uburenganzira busesuye bwo gucunga

imitungo Ndamage Eliab ndetse iyo mitungo ikajya mu mutungo rusange wa Ndamage Eliab na Nyirabizimana.

Nyirabizimana Zilipa yatanze inzitizi yo kutakira ikirego cya Kanzayire Epiphanie avuga ko inzira yo gutambamira urubanza itemewe mu Rukiko rw'Ikirenga ko kandi ariwo murongo uru Rukiko rwafashe kuri iyi ngingo mu rubanza RCOM 0010/09/CS rwa Rusekerampunzi v. Rumanyika rwaciwe kuwa 30/04/2010. Avuga kandi ko n'iyi nzira yaba yemewe, Kanzayire atemerewe gukoresha inzira y'itambama ku rubanza umugabo we Musoni yatsinzwe. Yongeraho ko n'iyi urega yakwitwaza ko yatanze ikirego cye hagikoreshwa Itegeko Ngenza n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 ryagenaga imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iyo nzira yo gutambamira urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ntaho yari iteganyijwe.

Kanzayire na Musoni Ndamage Thadée n'ababunganira bo bavuga ko izo nzitizi nta shingiro zifite bagashimangira ko Urukiko rw'Ikirenga ari urukiko rusanzwe (jurisdiction ordinaire) rukaba rugomba gukurikiza imiburanishirize y'izindi nkiko zisanzwe ntirugire inzira y'ubujurire n'imwe rusubiza inyuma kuko narwo ruburanisha imanza mu mizi. Bongeraho ko urubanza rwaciwe n'uru Rukiko uburanira Nyirabizimana asaba ko rwareberwaho, ari rwo rwonyine rwafashe icyemezo ku kibazo kiburanwa, rukaba rero rutafatwa nk'urwatanze umurongo w'Urukiko kuri icyo kibazo.

Incamake y'icyemezo: 1. Ku bijyanye no kumenya itegeko rigomba gukurikizwa mu gukemura ikibazo cy'iyakirwa ry'ikirego gitambamira urubanza ryakurikizwaga igihe ikirego cyatangwaga ritandukanye n'irikurikizwa mu gihe

cy'iburanisha, hagomba gukurikizwa iryariho igihe ikirego cyatangwaga.

2. Izindi nzira zigamije gusaba ko urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwongera kuburanishwa ntizemewe, uretse iyo gusubirishamo ingingo nshya urubanza rwaciwe burundu yonyine, ikirego cyo gutambamira urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kikaba kitakirwa.

**Ikirego nticyakiriwe.
Amagarama aherereye ku watambamiye urubanza.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, ingingo ya 144.

Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga.

Itegeko Ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 84.

Imanza zifashishijwe:

Khalid v. Ahmed n'abandi, RC 0002/09/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 19/03/2010.

Leta y'u Rwanda v. Karangwa, RADA 0001/09/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 17/09/2010.

Kagoyire v. Abdallah n'abandi, RC 0002/05/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 25/10/2007.

Rusekerampunzi v. Rumanyika, RCOM 0010/09/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 30/04/2010.

Rudasumbwa v. Leta y'u Rwanda n'abandi, RADA 0031/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 17/05/2013.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA.

[1] Urukiko rw'Ikirenga rwacyiye urubanza RCAA 0015/09/CS kuwa 29/04/2011 hagati ya Nyirabizimana Zilipa na Musoni Ndamage Thadée rwemeza ko Nyirabizimana afite uburenganzira busesuye bwo gucunga imitungo iri mu bibanza n° 579/Quartier Commercial na 710/Kacyiru kandi iyo mitungo ikajya mu mutungo rusange wa Ndamage Eliab na Nyirabizimana ikiyongera kuyagenwe n'Urukiko Rukuru mu rubanza rwajuririwe, ibyo bibanza bikava ku mazina ya Musoni Ndamage Thadée bikandikwa kuri Nyirabizimana. Rwemeje kandi ko ikibanza n° 711/Kacyiru kigumanwa na Musoni Ndamage Thadée.

[2] Kanzayire Epiphane, umugore wa Musoni Ndamage Thadée yatambamiye urwo rubanza avuga ko atarumenye kandi rubangamiye inyungu ze.

[3] Nyirabizimana Zilipa yatanze inzitizi yo kutakira ikirego cya Kanzayire avuga ko inzira yo gutambamira urubanza itemewe mu Rukiko rw'Ikirenga, ko kandi niyo yaba yemewe, Kanzayire atemerewe gukoresha inzira y'itambama ku rubanza umugabo we Musoni yatsinzwe.

[4] Avuga ko kandi nta bubasha (qualité) Kanzayire afite bwo kurega Nyirabizimana kuko atari mu bazungura ba Ndamage, ko kandi n'igihe yatangiye ikirego kigomba gusuzumwa kuko yari azi urubanza rwaburanwaga n'umugabo we.

[5] Ababuranira Kanzayire na Musoni bo bavuga ko inzitizi zatanzwe na Nyirabizimana nta shingiro zifite.

[6] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe kuwa 09/05/2013, Kanzayire Epiphane aburanirwa na Me Rukangira Emmanuel na Me Twiringiyemungu Joseph, Me Basomingera Alberto, Me Kayitare Serge na Me Mhayimana Isaïe baburanira Musoni Ndamage Thaddée, naho Nyirabizimana Zilipa aburanirwa na Me Rwagatare Janvier.

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

Kumenya niba ikirego cya Kanzayire Epiphane, gitambamira urubanza RCAA 0015/09/CS gishobora kwakirwa.

[7] Rwagatare Janvier uburanira Nyirabizimana avuga ko ikirego cya Kanzayire kidakwiye kwakirwa, kubera ko inzira yo gutambamira urubanza rw'abandi itemewe mu Rukiko rw'Ikirenga.

[8] Asobanura ko, uretse inzira y'ubujurire, iyo gusubirishamo n'iyi gusubirishamo urubanza ingingo nshya zemewe, nta na hamwe inzira yo gutambamira urubanza rw'abandi iteganyijwe mu itegeko ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga nk'uko bigaragara mu ngingo zaryo za 31, 32 na 33.

[9] Uburanira Nyirabizimana avuga ko kandi niyo urega yakwitwaza ko yatanze ikirego cye hagikoreshwa Itegeko

Ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 ryagenaga imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iyo nzira yo gutambamira urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ntaho yagaragaraga muri iryo tegeko ngenga nk'uko byateganywaga n'ingingo ya 84 yaryo, ko kandi Urukiko rw'Ikirenga rwamaze kubifataho icyemezo mu rubanza RCOM 0010/09/CS.

[10] Me Rukangira Emmanuel na Me Twiringiyemungu Joseph baburanira Kanzayire bavuga ko ikirego cye gitambamira urubanza RCAA 0015/09/CS gikwiye kwakirwa kuko harebwe itariki icyo kirego cyatangiweho yo kuwa 26/06/2012, itegeko ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 ryavuzwe haruguru ryatangiye gukurikizwa ku itariki ya 09/07/2012 ritareba uru rubanza, ko hagomba gukurikizwa Itegeko Ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 ryavuzwe haruguru kubera ko ingingo yaryo ya 84 itabuzaga abantu batabaye ababuranyi mu rubanza kurutambamira.

[11] Basobanura ko Urukiko rw'Ikirenga nk'urukiko ruburanisha imanza mu mizi (Jurisdiction de fond), rugomba gukurikiza inzira z'imiburanishirize (procédures) zisanzwe zikurikizwa n'izindi nkiko ziburanisha mu mizi, ntirugire inzira n'imwe rusubiza inyuma, maze rukakira ikirego kigamije itambama cy'uwo baburanira.

[12] Bavuga kandi ko urubanza rwaciwe n'uru rukiko uburanira Nyirabizimana asaba ko rwareberwaho, ari rwo rwonyine rwafashe icyemezo ku kibazo kiburanwa, rukaba rero rutafatwa nk'urwatanze umurongo w'urukiko kuri icyo kibazo.

[13] Me Mhayimana uburanira Musoni Ndamage Thaddée avuga ko ingingo ya 144 y'Itegeko Nshinga iha uru rukiko

ububasha bwo kuburanisha uru rubanza. Avuga ko kandi hashingiwe ku ngingo ya 143 y'Itegeko Nshinga, Urukiko rw'Ikirenga ari urukiko rusanze (jurisdiction ordinaire) rukaba rugomba gukurikiza imiburanishirize y'izindi nkiko zisanze kuko narwo ruburanisha imanza mu mizi. Avuga na none ko ingingo ya 8 y'amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira bwa muntu ibuza ivangura, ko rero kuba inzira y'itambama yemewe mu zindi nkiko, nta mpamvu itakwemerwa mu Rukiko rw'Ikirenga.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[14] Ku bijyanye no kumenya itegeko rigomba gukurikizwa mu gukemura ikibazo cy'iyakirwa ry'ikirego cya Kanzayire cyagiweho impaka, inyandiko itanga ikirego igaragaza ko cyatanzwe kuwa 11/06/2012 Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 ryavuzwe haruguru ritangira gukurikizwa kuwa 09/07/2012, bityo Itegeko Ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 ryakurikizwaga igihe ikirego cyatangwaga akaba ari ryo rigomba gukurikizwa.

[15] Ku birebana n'inzira z'ijurira (voies de recours) ziteganyirijwe imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 144 y'Itegeko Nshinga iteganya ko "Urukiko rw'Ikirenga ni rwo rukiko rukuriye izindi mu gihugu. Ibyemezo byarwo ntibijurirwa uretse ibyerekeye imbabazi n'isubirwamo ry'urubanza. Byubahirizwa n'abo bireba bose, zaba inzego za Leta, abayobozi bose b'imirimo ya Leta, aba gisiviri, aba gisirikare, abo mu rwego rw'ubucamanza n'abantu ku giti cyabo".

[16] Ingingo ya 84 nayo y'Itegeko Ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 ryagenaga imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga igihe ikirego gisuzumwa cyatangwaga yateganyaga ko “Bitabangamiye uburyo buteganyijwe n'amategeko bwo gusubirishamo urubanza rwaciwe burundu, urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ntirushobora kongera kuburanishwa, keretse gusa iyo ari ugukosora imyandikire y'icyo bibeshyeho cyangwa se gusobanura urubanza rwaciwe mu buryo butumvikana cyangwa bushobora kumvikana mu buryo bunyuranye”.

[17] Urukiko rurasanga, harebwe ibiteganywa n'ingingo zimaze kuvugwa haruguru byumvikana neza ko izindi nzira zigamije gusaba ko urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwongera kuburanishwa zitemewe, uretse iyo gusubirishamo ingingo nshya urubanza rwaciwe burundu yonyine.

[18] Uyu murongo kandi niwo wafashwe n'uru Rukiko mu manza zitandukanye aho rwagaragaje ko inzira yo gutambamira urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga itemewe¹ ndetse no mu itegeko ngenga rishya n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, mu birego bishobora gushyikirizwa Urukiko rw'Ikirenga, inzira yo gutambamira urubanza rwaciye n'uru rukiko ntayiteganyijwe.

¹RC 0002/09/CS rwa Khalid Foz v. Ahmed Abdulatif et ctrs rwaciwe kuwa 19/03/2010, RADA 0001/09/CS rwa Leta y'u Rwanda v. Karangwa Eugène rwaciwe kuwa 17/09/2010, RC 0002/05/CS rwa Kagoyire Christine v. Abdallah Sultan et crts rwaciwe kuwa 25/10/2007, RCOM 0010/09/CS rwa Rusekerampunzi v. Rumanyika rwaciwe kuwa 30/04/2010, RADA 0031/12/CS rwa Rudasumbwa Fabrice v. Leta y'u Rwanda, Banki ya Kigali, Nkusi Eugène na Nzirabatinyi Patrick rwaciwe kuwa 17/05/2013.

[19] Hashingiwe ku byasobanuwe haruguru, Urukiko rurasanga ikirego cya Kanzayire Epiphane gitambamira urubanza RCAA 0015/09/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kitagomba kwakirwa kuko cyatanzwe mu buryo bunyuranije n'amategeko, bityo akaba atari ngombwa gusuzuma izindi mpamvu zatanzwe.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[20] Rwemeje ko ikirego cya Kanzayire Epiphane gitambamira urubanza RCAA 0015/09/CS kitakiriwe.

[21] Rumutegetse gutanga 42.800 frw y'amagarama y'uru rubanza, atayatanga mu gihe cy'iminsi umunani, ayo mafaranga agakurwa mu bye ku ngufu za Leta.

NGANGARE v. MUKANKURANGA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCAA 0022/13/CS
(Mutashya, P.J., Mukamulisa, na Gatete, J.) 25 Nyakanga 2014]

Amategeko agenga umuryango – Ababana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko – Ugutandukana – Igabana ry'umutungo – Ikoreshwa ry'itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina ku igabana ry'umutungo w'ababana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko – Ubwumvikane buke hagati y'abashakanye mu buryo budakurikije amategeko ntibusobonuye gutandukana mu gihe bakomeje kubana mu nzu imwe, gufatanya inshingano zo kurera abana no gucunga urugo rwabo – Abashakanye mu buryo budakurikije amategeko bakomeje kubana nyuma y'uko itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina risohokeye bagabana hakurikijwe iryo tegeko mu gihe batandukanye – Igabana ry'umutungo w'ababana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko rigamije kurengera uburenganzira ku mutungo wa buri wese muri bo kandi ubwo burenganzira bushingira ku kuba hari umutungo bafitanye cyangwa bafatanyije gushaka – Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, ingingo ya 39 n'ya 41.

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano – Indishyi – Gushorwa mu manza – Kuba hari ibyo uregwa yatakaje mu manza agomba kubiharerwa indishyi zigenwe mu bushishozi bw'Urukiko.

Incamake y'ikibazo: Ngagare na Mukankuranga babanye badasezeranye imbere y'amategeko ariko bari barabanye bakurikije umuco w'i Bugande kuko ariho babaniye mbere y'uko bimukira mu Rwanda. Nyuma habayeho ubwumvikane buke hagati yabo bituma Mukankuranga atanga ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo asaba ko bagabana imitungo bahahanye. Urukiko rwemeje ko bagabana imitungo batunze buri wese agatwara kimwe cya kabiri cyawo kandi akagumana imitungo yimukanwa atunze; rutegeka Ngangare kumuha igihembo cy'avoka n'ikurikiranarubanza.

Ngangare yajuririye Urukiko Rukuru maze rwemeza ko ubujurire bwe nta shingiro bufite; yongeye na none kujuririra Urukiko rw'Ikirenga avuga ko Urukiko rwashingiye ku itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina kandi ryaratangiyeye gukurikizwa atakibana na Mukankuranga, bityo imitungo yaguze nyuma y'umwaka wa 2000 itagombaga kugabanywa kuko bari batakibana. Yongeraho ko n'iyi iryo tegeko ryaba ariryo ryari gukurikizwa, ingingo yaryo ya 39 itashingirwaho kuko ireba igabana ry'umutungo ku babana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko mu gihe hari umwe muri bo ugiye gushyingirwa.

Mukankuranga we avugako batigeze bareka kubana kuko bakomeje kubana mu nzu imwe, bafatanya kurera abana no gucunga urugo rwabo bityo akavuga ko ari yo mpamvu ingingo ya 39 y'Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryavuzwe haruguru ariryo rikwiye gukoreshwa.

Incamake y'icyemezo: 1. Ubwumvikane buke hagati y'ababana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko ntibusobonuye

gutandukana mu gihe bakomeje kubana mu nzu imwe, gufatanywa inshingano zo kurera abana no gucunga urugo rwabo.

2. Ababana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko bakomeje kubana nyuma y'uko itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina risohokaye bagabana imitungo bafatanyije gushaka hakurikijwe iryo tegeko mu gihe batandukanye.

3. Igabana ry'umutungo w'ababana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko, rigamije kurengera uburenganzira ku mutungo wa buri wese mu bari basanzwe babana nk'umugore n'umugabo kandi ubwo burenganzira bushingira ku kuba hari umutungo bafatanyije gushaka.

4. Kuba har'ibyo uregwa yatakaje mu manza agomba kubiharerwa indishyi zigenwe mu bushishozi bw'urukiko.

**Ubujurire nta shingiro bufite.
Amagarama y'urubanza aherereye k'urega.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, ingingo ya 39 n'ya 41.

Imanza zifashishijwe:

Mutebi v. Mukagasaza, RCAA0143/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 15/03/2013.

Gatera v. Kabalisa, RS/Inconst/Pen.0003/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 07/01/2011.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ngangare John na Mukankuranga Grace babanye batarasezeranye imbere y'amategeko kuva muri 1984 bakiba mu gihugu cya Uganda, bakaba barabyaranye abana bane. Nyuma habaye ubwumvikane buke hagati yabo bituma Mukankuranga Grace atanga ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo avuga ko nubwo batasezeranye, babanaga bakurikije umuco wa Uganda kuko Ngangare yamusabye akanamukwa, anasaba ko bagabana imitungo yose bahahanye.

[2] Mu guca urubanza, urukiko rwemeje ko bagabana imitungo igizwe n'ikibanza n°41 kirimo amazu atatu (inzu ifite ibyumba bitanu, inzu itarasakarwa n'inzu yuzuye isigaje amasuku) zihereye aho batuye, isambu iri mu mudugudu wa Karama, Akagari ka Musave, Umurenge wa Bumbogo, Akarere ka Gasabo n'inzu n'isambu basize Uganda, buri wese agatwara kimwe cya kabiri cy'imitungo, buri wese akagumana imitungo yimukanwa atunze, runategeka Ngangare guha Mukankuranga 300,000 Frws y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.

[3] Ngangare John yajuririye Urukiko Rukuru rwemeza ko ubujurire bwe nta shingiro bufite, ruvuga ko imikirize y'urubanza rwajuririwe idahindutse.

[4] Ngangare John ntiyishimiye na none imikirize y'urubanza maze ajuririra Urukiko rw'Ikirenga agaragaza ibyo anenga mu rubanza rwaciwe, Mukankuranga nawe agenda abisubizaho.

[5] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame kuwa 17/06/2014, Ngangare John aburanirwa na Me Ntigurirwa François na Me Umupfasoni Blandine, naho Mukankuranga Grace yuganiye na Me Mukamana Elisabeth.

II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA

a) Kumenya niba Ngangare na Mukankuranga bararetse kubana mbere y'uko Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina rijyaho, ku buryo ritashingirwaho muri uru rubanza.

[6] Me Umupfasoni Blandine uburanira Ngangare John, avuga ko umucamanza yavugiye Mukankuranga Grace ibyo atavuze ubwo yemezaga ko kuva mu mwaka wa 2000 bakomeje kubana nubwo bari bafite ubwumvikane buke, nyamara Mukankuranga ubwe yariyemereye ko kuva muri uwo mwaka wa 2000 batongeye kubana nk'umugore n'umugabo.

[7] Akomeza avuga ko ingingo ya 41 y'Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryavuzwe, iteganya ko rizatangira gukoreshwa kuva risohotse, ko rero ubwo ryasohotse muri 2008 Ngangare na Mukankuranga bata kibana, ridakwiye gukoreshwa, kandi ko n'imitungo Ngangare yaguze nyuma ya 2000 itagomba kubaganywa hashingiwe kuri iryo tegeko kuko yayibonye bata kibana.

[8] Avuga kandi ko amasezerano y'akazi Mukankuranga yakoranye na SWA Rwanda yo muri 2010 ashaka kugaragaza ko yakoraga, yayakoze bata kibana, kuko yatangiye kugira

amafaranga kuri konti mu mwaka wa 2000, ari nawo batandukanyemo.

[9] Mukankuranga avuga ko yabanye na Ngangare muri Uganda kuva mu mwaka wa 1984 bombi barangije kwiga, muri 1994 barahunguka baza mu Rwanda, bafatanya gushaka imitungo bari kumwe ariko ko yasabye Ngangare ko basezerana undi akabyanga yemera gusa abana babyaranye.

[10] Anavuga ko batigeze batandukana kuko n'ubu babana mu nzu imwe, uretse gusa ko batakiryamana. Yongeyeho ko no ku munsu w'iburanisha ry'urubanza muri uru Rukiko bombi baje bavuye muri iyo nzu babanamo ndetse ko abaturanyi babo bazi ko babana bakaba banafitanye abana bane babyaranye, ko bakora umuganda hamwe bagasangira igikoni, umukozi, umuzamu n'inzu, ko Urukiko ruramutse rukeneye kureba ko ibyo avuga ari ukuri rwabaza abo baturanyi.

[11] Yakomeje avuga ko mu mwaka wa 2008 yishyuye umuriro w'amafaranga 1.000.000 Frw kandi bose bawukoresha, akibaza niba Ngangare abifata nko kumuguriza. Anavuga ko kuva mbere abana na Ngagare yakoraga n'ubu akaba agikora, ndetse ko ibyo babonye byose bafatanyije kubishaka kandi ko ibintu byose babikorera hamwe.

[12] Me Mukamana Elisabeth umwunganira avuga ko umucamanza atigeze avugira Mukankuranga ibyo atavuze kuko yavuze ko kuba baratangiye kutumvikana mu 2000 bidasobanura ko batakomeje kubana nk'umugabo n'umugore, ari yo mpamvu Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ribareba.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[13] Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina ryatangajwe mu Igazeti ya Leta n° 14 yo kuwa 06/07/2009, ritangira gukurikizwa kuva ku muni ryatangarijweho nk'uko ingingo yaryo ya 41 ibivuga.

[14] Urukiko rusanga mu iburanisha Mukankuranga yarasobanuye ko yabanye na Ngangare nk'umugabo n'umugore nta kibazo bafitanye kugeza mu mwaka wa 2000 ari bwo hatangiye kuba ubwumvikane buke hagati yabo, ubwo bwumvikane buke bukaba bwarakomeje kugeza n'ubu, ariko ko n'ubwo batari babanye neza, bakomeje gutura mu nzu imwe nk'umugabo n'umugore, banafitanye abana babyaranye kandi bakomeza gufatanya kubarera ndetse no gufatanya gucunga urugo rwabo. Ibyo Mukankuranga yavuze Ngangare akaba atarigeze abinyomoza.

[15] Mu rubanza n° RCAA0143/11/CS rwaciwe n'uru Rukiko kuwa 15/03/2013 haburana Mutebi Hamisi alias Fungamani na Mukagasaza Amina, aho Mutebi Hamisi yaburanaga avuga ko Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryamaze kuvugwa ryasohotse baratandukanye, uru Rukiko rwemeje ko nta shingiro bifite, kuko inyandiko ziri muri dosiye zigaragaza ko kugeza muri 2010, Mutebi na Mukagasaza bari bakibana n'ubwo babanaga nabi.

[16] Ku bijyanye n'uru rubanza, Urukiko rurasanga kuba hagati ya Ngangare na Mukankuranga harabaye ubwumvikane buke kuva mu mwaka wa 2000 bidasobanura ko batakomeje kubana nk'umugore n'umugabo nk'uko byasobanuwe mu

rubanza rumaze kuvugwa, kubera ko Ngangare atabashije kugaragaza ko yaretse kubana na Mukankuranga muri 2000 ku buryo Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryavuzwe ritamureba; ingingo y'ubujurire bwe ikaba rero nta shingiro ifite.

b) Kumenya niba Urukiko rwarakoresheje nabi ingingo ya 39 y'Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina.

[17] Me Umupfasoni Blandine avuga ko n'iyo Urukiko rwaramuka rubonye ko kugeza ubu Mukankuranga na Ngangare bakibana nk'umugabo n'umugore, ingingo ya 39 y'itegeko ryavuzwe haruguru atari yo igomba gushingirwaho ngo bagabane umutungo, kubera ko iyo ngingo iteganya ko usabwa kubanza kugabana imitungo ari uba ugiye gushyingirwa, kugira ngo mugenzi we cyangwa bagenzi be babanaga mu buryo butemewe n'amategeko babanze bahabwe uruhare rwabo mbere yuko uwo wundi ajya gushyingirwa.

[18] Akomeza avuga ko Mukankuranga Grace atigeze agaragariza urukiko ko Ngangare agiye gushaka undi mugore, ndetse ko iyo Ngangare aza kuba ari we ushaka gushyingirwa, niwe wari gutanga ikirego asaba ko babanza kugabana imitungo.

[19] Me Mukamana Elisabeth avuga ko ingingo ya 39 y'Itegeko yavuzwe yashyizweho hagamijwe guca akarengane kugira ngo umutungo abantu bashakanye batarasezeranye hatagira umwe uwiharira. Anavuga ko Ngangare na Mukankuranga bamaze imyaka mirongo itatu babanye, n'ubu bakaba bakibana n'ubwo hari inshingano zimwe batubahiriza

nk'abashakanye, kandi ko nabyo byatewe n'ubwumvikane buke bwabaye hagati yabo, ariko ko bitavuze ko baretse kubana nk'umugore n'umugabo.

[20] Akomeza avuga ko atumva uburyo nyuma y'iyo myaka yose Ngangare amaranye na Mukankuranga yasaba icyemezo cy'uko ari ingaragu, ahubwo ko kuba yaragishatse bigaragaza ko yashakaga uburyo bwo kwiharira umutungo.

[21] Yasobanuye ko urubanza rwa Gatera John na Kabalisa Teddy rwaciwe n'uru Rukiko kuwa 07/01/2011 rwasubije ibibazo byose ababuranira Ngangare bibaza ku bijyanye n'ingingo ya 39 y'Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryavuzwe haruguru.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[22] Ingingo ya 39 y'Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryavuzwe haruguru ivuga ko: "ababanaga nk'umugore n'umugabo batarashyingiranywe mu buryo buteganywa n'amategeko, bashyingirwa hakurikije ihame ry'ubushyingiranwe bw'umugabo umwe n'umugore umwe. Mu gihe umwe mu barebwa n'ibivugwa mu gika kibanziriza iki, yabanaga n'abagore cyangwa n'abagabo benshi, abanza kugabana ku buryo bungana na buri wese mu bo babanaga, umutungo bari bafitanye cyangwa bahahanye mbere y'uko ashyingirwa".

[23] Mu rubanza RS/Inconst/Pen.0003/10/CS rwaciwe kuwa 07/01/2011 ku kirego cyatanzwe na Gatera Johnson na Kabalisa Teddy basaba ko ingingo ya 39 y'Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryavuzwe inyuranyije n'Itegeko Nshinga, uru

Rukiko rwasobanuye ko igihe ababanaga nk'umugabo n'umugore batarashyingiranywe bahagaritse kubana, kugira ngo bagabane umutungo bagomba kuba bari bawufitanye cyangwa barawushakanye; Urukiko rukaba rwaranasobanuye ko kugira uburenganzira ku mutungo bidashingiye gusa ku mpamvu y'uko abantu babanye nk'umugabo n'umugore batarashyingiranywe, ahubwo ko bigomba kuba bigaragara ko hari umutungo bafitanye cyangwa bafatanyije gushaka.

[24] Urukiko rusanga rero nk'uko uru Rukiko rwabisobanuye mu rubanza rumaze kuvugwa, ikigamijwe mu ngingo ya 39 y'Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryavuzwe, yanashingiweho n'Urukiko Rukuru, ari ukurengera uburenganzira ku mutungo bwa buri wese mu bari basanzwe babana nk'umugabo n'umugore ariko batarashyingiranywe, kubera uruhare yagize mu guteza imbere urugo yabanagamo na mugenzi we, ari yo mpamvu umutungo bahahanye cyangwa bari bafatanyije bagomba kubanza kuwugabana mu gihe umwe yifuzaga gushyingiranwa n'undi utari we, kuko bitabaye ibyo, umwe muri bo cyane cyane ugiye gushyingiranwa n'undi, yakungukira ku bintu yahahanye cyangwa yari asangiye n'uwo babanaga.

[25] Hakurikijwe ibisobanuro byatanzwe, Urukiko rurasanga rero nta kosa Urukiko Rukuru rwakoze rushingira ku ngingo ya 39 y'Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryavuzwe maze rugashimangira ibyemejwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ko Ngangare John na Mukankuranga Grace bagomba kugabana imitungo yabo nk'uko yavuzwe haruguru.

c) Kumenya niba Mukankuranga Grace akwiye indishyi asaba

[26] Me Mukamana Elisabeth uburanira Mukankuranga Grace yatanze ubujurire bwuririye ku bundi asaba ko amafaranga 500.000 uwo aburanira yagenewe mu rubanza rwajuririwe y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka yiyongera akagera kuri 1.000.000 Frw yari yasabye ku rwego rubanza cyane cyane ko Ngangare akomeje kumurushya akomeza imanza.

[27] Me Ntigurirwa François wunganira Ngangare John avuga ko ari bo bareze basaba ko Urukiko rwakira ubujurire bwabo kandi rugakuraho urubanza rwajuririwe, ko rero mu gihe urubanza rwaba ruvuyeho n'ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na Mukankuranga ntacyo bwaba bushingiyeho. Yongeraho ariko ko mu gihe Urukiko rwaba rudahaye agaciro ubujurire bwa Ngangare, rwagena indishyi mu bushishozi bwarwo.

[28] Urukiko rurasanga mu rubanza rwajuririwe, Mukankuranga Grace yari yagenewe 500.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka, ayo mafaranga akaba akwiye kwiyongera kubera ko biboneka ko Ngangare John akomeje imanza zatumye hari ibyo Mukankuranga yongera gutanga kuri uru rubanza, akaba agenewe 500.000 Frw kuri uru rwego agenwe mu bushishozi bw'Urukiko.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO RW'IKIRENGA

[29] Rwemeje ko ubujurire bwa Ngangare John nta shingiro bufite;

[30] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RCA 0163/12/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru i Kigali kuwa 19/07/2013 idahindutse usibye ku bijyanye n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka ahawe Mukankuranga Grace kuri uru rwego;

[31] Rutegetse Ngangare John guha Mukankuranga Grace 500.000 Frw y'ikurikirana rubanza n'igihembo cya Avoka yiyongera kuri 500.000 Frw yagenewe mu rubanza rwajuririwe;

[32] Rutegetse Ngangare John gutanga amagarama y'urubanza angana na 29.800 Frw.

URUBANZA RW'UMURIMO

KALISA v. INSTITUT POLYTECHNIQUE DE BYUMBA (IPB)

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RSOCAA 0061/12/CS (Mutashya, P.J., Rugabirwa na Gakwaya, J.) 02 Gicurasi 2014]

Amategeko agenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa – Indishyi – Igikorwa cyo kumenyeshya izindi nzego ikosa umukozi yirukaniwe kandi ataryisobanuyeho gifatwa nko kumuharabika – Ikosa ryose rikorewe umuntu arikorewe n'undi rikamugiraho ingaruka, uwo wariteje agomba kuzirengera – Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 rigenga ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano, ingingo ya 258.

Amategeko y'umurimo – Indishyi zijyanye no kuzamurwa mu ntera – Nta ndishyi zijyanye no kuzamurwa mu ntera umukozi yahabwa n'ubwo yaba ageze igihe cyo kuzamurwa mu ntera ariko akirukanwa atari yakora igihe gikwiye guhemberwa umushahara mushya.

Amategeko y'imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano – Inshingano y'urega yo kugaragaza ibimenyetso – Urega ntiyahabwa indishyi z'uko umuryango we wahungabanye kubera iyirukanwa rye mu gihe atabitangiye ibimenyetso.

Amategeko y'imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano – Kutakirwa kw'ikirego gishya mu rwego rw'ubujurire – Ikirego kitaburanyweho mu rwego rubanza ntigisuzumwa bwa mbere ku rwego rw'ubujurire.

Incamake y'ikibazo: Kalisa yagiranye amasezerano y'umurimo na Institut Polytechnique de Byumba (IPB) yo

kuyikorera nk' umwarimu. Nyuma IPB yamwandikiye ibaruwa imumenyesha ko isheshe amazerano bari bafitanye kubera amakosa anyuranye harimo n'ubusinzi.

Kalisa ntiyanyuzwe n'icyo cyemezo aregera umugenzuzi w'umurimo mu Karere ka Gicumbi ariko impande zombi ntizumvikana bituma aregera Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi avuga ko yirukanwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, abisabira n'indishyi. Uru rukiko rwemeje ko ikirego cye gifite ishingiro rutegeka IPB kubimuhera indishyi. Kalisa ntiyishimiye icyo cyemezo ajuririra Urukiko Rukuru avuga ko atahawe indishyi z'uko yasebejwe na IPB, akaba kandi atarahawe integuza, amafaranga yo kuzamurwa mu ntera hamwe n'ayo yakoresheje mu ikurikiranarubanza naho IPB itanga ubujurire bwuririye kubundi ivuga ko umushahara wabariweho integuza atariwo. Urwo Rukiko rwemeje ko ubujurire bufite ishingiro kuri bimwe kandi rwemeza n'umushahara mushya ukwiye kubarirwaho indishyi.

Kalisa yajuririye Urukiko rw'Ikirenga avuga ko Urukiko Rukuru rwirengagije kumuha indishyi zijyanye n'uko yasebejwe na IPB, no kuba umuryango we warahungabanyijwe n'iyirukanwa rye hamwe n'uko atahawe amafaranga yo kuzamurwa mu ntera kandi yari abyemerewe, akaba abisabira n'indishyi zingana n'igihe cyari gisigaye ngo aje mu kiruhuko cy'izabukuru. Kuri izo ngingo IPB ivuga ko ubujurire bwe nta shingiro bufite kuko ibyamukorewe ntaho bitaniye n'ibikororwa undi mukozi wese wirukanywe.

Incamake y'icyemezo: 1. Igikorwa cyo kumenyesha izindi nzego ikosa umukozi yirukaniwe kandi ataryisobanuyeho gifatwa nko kumuharabika uwagikoze akabitangira indishyi.

2. Nta ndishyi ziyanye no kuzamurwa mu ntera umukozi yahabwa n'ubwo yaba ageze igihe cyo kuzamurwa mu ntera ariko akirukanwa atari yakora igihe gikwiye guhemberwa umushahara mushya.
3. Urega ntiyahabwa indishyi z'uko umuryango we wahungabanye kubera iyirukanwa rye mu gihe atabitangiye ibimenyetso.
4. Kuba ikibazo kitarigeze kiburanwaho mu Nkiko zibanza ntiyasuzumwa bwa mbere mu rwego rw'Ubujurire.
5. Iyo hari ibyo umuburanyi yatakaje akurikirana urubanza abiharerwa amafaranga y'ikurikiranarubanza naho ku bijyanye n'igihembo cy'avoka, umuburanyi atavuze ingano yacyo ntaho Urukiko rwahera rukigena.

**Ubujurire bufite ishingiro kuri bimwe.
Institut Polytechnique de Byumba igomba guha uwajuriye
indishyi.
Amagarama y'urubanza aherereye ku regwa.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Kuwa 11/09/2006, IPB¹ yagiranye amasezerano y'umurimo na Kalisa Alphonse yo kuyikorera nk'umwarimu, kuwa 19/09/2009 ubuyobozi bwa IPB bwamwandikiye ibaruwa bumumenyeha ko busheshe amasezerano y'akazi bari bafitanye kubera amakosa anyuranye yagaragajwe muri iyo baruwa isesa amasezerano.

[2] Kalisa Alphonse ntiyanyuzwe n'icyemezo cyo gusesa amasezerano cyafashwe na IPB yiyambaza umuyobozi w'umurimo mu Karere ka Gicumbi nyuma y'uko impande zombi zidashoboye kumvikana. Kalisa Alphonse yaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi avuga ko yirukanywe mu buryo bunyuranyije n'amategeko anabisabira indishyi zinyuranye. Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi rwafashe icyemezo ko ikirego cye gifite ishingiro' ko yirukanywe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko amategeko agenga kumenyekanisha iyirukanwa kubera ikosa rikomeye atubahirijwe, rutegeka IPB guha Kalisa Alphonse indishyi zingana na 1.837.768 Frw zikubiyemo indishyi zo kwirukanwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko, imperekeza, amafranga y'ikiruhuko cy'umwaka wa 2009 atafashe, ay'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'avoka.

[3] Kalisa Alphonse yajuriye mu Rukiko Rukuru avuga ko atagenewe amafaranga yo kuba yarasebejwe na IPB kubera ko yamwandikiye ibaruwa ikayimenyeshya Ubuyobozi bw'amashuri

¹ Institut Polytechnique de Byumba.

Makuru yigenga ahuriye muri CRIPES² na ARIPES³, kuba atarahawe integuza, kuba atarahawe amafaranga ajyanye no kuzamurwa mu ntera hakurijwe grade académique no kuba atarahawe amafaranga yakoresheje mu ikurikirana ry'urubanza. IPB nayo yatanze ubujurire bwuririye ku bwa Kalisa Alphonse isaba ko umushahara wabariweho integuza ari umushahara mbumbe wa 409.402 Frw kandi hari hakwiye kubarirwa ku mushahara wa 306.607 Frw uhwanyane n'umushahara fatizo (salaire de base).

[4] Urukiko Rukuru rwaciye urubanza rwemeza ko ubujurire bwa Kalisa Alphonse bufite ishingiro kuri bimwe, rutegeka ko umushahara mpuzandengo ushingirwaho mu kubara ibyo Kalisa Alphonse agomba guhabwa ari 306.607 Frw aho kuba 409.442 Frw nk'uko Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi rwabyemeje, rutegeka IPB guha KALISA Alphonse amafaranga 2.007.880 Frw abazwe mu buryo bukurikira:

Integuza ingana na 306.607 Frw;

Indishyi ziyanye no kwirukanwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko zingana na 919.821 Frw;

Imperekeza ingana na 306.607 Frw;

Amafaranga y'ikiruhuko atafashe angana na 334.845 Frw;

Amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'avoka angana na 700.000 Frw.

[5] Ku byerekeye kuba yarasebejwe na IPB nk'umukoresha we, Urukiko Rukuru rwasanze nta shingiro bifite kubera ko kuba IPB yaramenyeshije ubuyobozi bw'Amashuri makuru yigenga byari mu rwego rwo kubahiriza amasezerano yagiranye n'andi mashuri makuru ahuriye mu ishyirahamwe rimwe rya

²Conseil des Recteurs des Instituts Privés d'Enseignement Supérieur.

³Association Rwandaise des Instituts Privés d'Enseignement Supérieur.

ARIPES⁹, ko kandi atahabwa indishyi z'uko yatotejwe bikamutera ihungabana kubera ko yarezwe ibitari byo.

[6] Ku bijyanye n'indishyi yasabaga zijyanye no kuba atarabashije kwishyura umwenda yafashe muri BCR Ltd kandi yarasinyiwe na IPB ikaza kumwirukana, Urukiko rwasanze izo ndishyi atazihabwa kubera ko amasezerano yagiranye na BCR Ltd amureba we wenyine na BCR Ltd, ko ntaho ahuriye na IPB ikaba rero itayaryozwa.

[7] Kalisa Alphonse yongeye kujuririra urubanza mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko umucamanza yanze kumuha indishyi zijyanye no guharabikwa yirengagije ko ibaruwa imusezerera yarimo iharabika ikaba kandi yaramenyeshajwe amashuri makuru ahuriye mu ishyirahamwe ryitwa ARIPES, kuba atarahawe amafaranga y'indishyi z'akababaro zijyanye no kuba umuryango we warahungabanye kubera iyirukanwa rye, kuba Urukiko ntacyo rwavuze ku kuba atarahawe amafaranga ajyanye n'izamurwa mu ntera nyamara yari abyemerewe hakurikijwe amategeko ngengamikorere ya IPB, akaba asaba n'indishyi zingana n'igihe cyari gisigaye ngo ajye mu kiruhuko cy'izabukuru.

[8] Kuri izo ngingo, IPB ikavuga ko impamvu z'ubujurire za Kalisa Alphonse nta shingiro zifite kubera ko ibyakorewe Kalisa Alphonse ntaho bitaniye n'ibikorera umwarimu wese wirukanywe.

[9] Iburanisha ry’urubanza ryabaye ku wa 18/03/2014 mu ruhame Kalisa Alphonse Makala yitabye aburanirwa na Me Nkundabarashi Moise naho IPB iburanirwa na Me Marie Louise Ndengeyingoma.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N’ISESENGURA RYABYO

Kumenya niba, kuba IPB yaramenyeshije abanyamuryango ba ARIPESES impamvu y’iyirukanwa rya Kalisa Alphonse, hari amakosa yaba yarakoze ku buryo yabitangira indishyi.

[10] Kalisa Alphonse avuga ko IPB yakozwe amakosa yo kumenyeshya amashuri ahuriye muri ARIPESES iyirukanwa rye n’impamvu yaryo kubera ko binyuranyije n’amategeko agenga iseswa ry’amasezerano kubera ko iri sesa rireba abayagiranye, ko kuba ibi bigo byaragiranye amasezerano yo guhanahana amakuru ya “programme académique” we bitamureba kuko atari muri izo gahunda, ko kuba iri yirukanwa ryaramenyeshijwe ibi bigo, byatumye ntaho yabona akazi cyane cyane mu rwego rw’uburezi.

[11] Me Nkundabarashi uburanira Kalisa Alphonse avuga ko kuba IPB yaramenyeshije amashuri makuru yose ko yirukanwe kubera ubusinzi ari igisebo gikomeye, IPB ikaba yarakoze ibi nyamara mu mwaka wabanje yari yamukoreye isuzumamikorere ikemeza ko ari umukozi mwiza, kuvuga ko byakozwe mu rwego rwo guhanahana amakuru ataribyoye kuko amakuru agomba gutangwa atari nk’aya yatanzwe ku iyirukanwa rya Kalisa Alphonse, asaba ko yahabwa indishyi zingana na 10.000.000 Frw.

[12] Me Ndengeyingoma Louise uburanira IPB avuga ko ibyo kumenyesha amashuri yose ahuriye muri ARIPES amakuru y'iyirukanwa ry'umukozi, ari ibintu bisanzwe bikorerwa abakozi bose, ko IPB itagomba guhishira impamvu y'ubusinzi kandi ariyo yatumye yirukanwa, ko kandi mu mategeko ngengamikorere Kalisa Alphonse yasinye mu ngingo yayo ya 11, ikijyanye n'ubusinzi ari ikosa rikomeye rituma umukozi ahita yirukanwa, ko icyabayeho atari ukumusebya ahubwo ari ugutanga amakuru ku iyirukanwa rye, akaba yarirukanywe kubera amakosa akomeye, ayo makosa akaba yaragombaga gushyirwa mu ibaruwa imwirukana.

[13] Akomeza avuga ko mu masezerano amashuri makuru yigenga yagiranye, harimo ibijyanye no guhanahana amakuru mu gihe abakozi birukanywe, kuvuga ko abagomba gukorerwa ibyo ari abari muri Programme académique, nta shingiro bifite kuko abakozi bose ariko bigenda, kuba yarirukanywe kubera ubusinzi bikaba bitari guhishirwa kugira ngo atazajya no kwanduza ahandi, ko rero IPB itabimuhera indishyi asaba.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[14] Urukiko rurasanga mu nyandiko mvugo y'inama yabaye kuwa 15/10/2008 y'abagize inama y'ubutegetsi y'Ihuriro ry'Amashuri makuru yigenga mu Rwanda ku byerekeranye no guhanahana amakuru, baremeranije nk'uko bigaragara mu mwanzuro w'iyi nama, ko bagomba guhanahana amakuru yose

arebana n'ibyo bigo ariko bakirinda gutanga amakuru ashobora gutera urujijo muri rubanda⁴ .

[15] Urukiko rurasanga mu mabaruwa yose Kalisa Alphonse yagiye yandikirwa asabwa kwisobanura nta n'imwe yigeze yandikirwa havugwamo ko yaba yaraje ku kazi yasinze⁵ , ibyo gusinda bikaba byaravugiwe gusa mu nama yabaye ku wa 19/09/2009 ari nayo hafatiwe icyemezo cyo gusesa amasezerano.

[16] Kuba mu mpamvu IPB yatanze yirukana Kalisa Alphonse yarashyizemo n'ubusinzi nyamara atarigeze yisobanura kuri iri kosa, ndetse iyo baruwa ikamenyeshwa Amashuri makuru yose yigenga yo mu Rwanda ko Kalisa Alphonse yirukanywe kubera ubusinzi, Urukiko rurasanga icyo gikorwa ari iharabika rishobora kumutesha agaciro bikamuvutsa amahirwe yo kubona akazi ahandi cyane cyane mu rwego rw'uburezi, IPB ikaba ikwiye kubiryoza hashingiwe ku ngingo ya 258 y'igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano⁶ ivuga ko ikosa ryose rikorewe umuntu arikorewe n'undi rikamugiraho ingaruka, uwo wariteje agomba kuzirengera.

⁴ Eviter les informations qui peuvent confondre le public et échanger les informations concernant leurs institutions sur les différents programmes, reba inyandiko iri muri dosiye kuri Cote ya 45-47 mu nyandiko zigize urubanza.

⁵ Reba ibaruwa yandikiwe ku wa 04/12/2008 aho yasabwaga kuba atarahuje ibijyanye n'amanota y'abanyeshuri, no kutitabira inama zijyanye no gutegura gahunda (Cote ya 41), ibaruwa yo ku wa 06/08/2009 aho yandikiwe asabwa gutanga ibisobanuro ku kuba atarakoze gahunda y'icyumweru cyo kuwa 10/08/2009 kugera ku wa 16/08/2009 (Cote ya 23).

⁶ “Tout fait quelconque de l'homme qui cause à autrui un dommage, oblige celui par la faute de qui il est arrivé à le réparer”.

[17] Urukiko rurasanga rero kubera amakosa IPB yakoreye Kalisa Alphonse nkuko byasobanuwe, igomba kubimuhera indishyi zigenwe mu bushishozi bw'Urukiko kubera ko 10.000.000 Frw asaba ari ikirenga, akaba agenewe 2.000.000 Frw.

Kumenya niba Kalisa Alphonse akwiye guhabwa indishyi zo kuba atarazamuwe mu ntera.

[18] Kalisa Alphonse avuga ko atahawe amafaranga ajyanye n'izamura mu ntera nyamara yarakorewe isuzumamikorere hakomezwa ko ari umukozi mwiza ndetse umuyobozi akemera ko azamura mu ntera amaze gutanga ibyangombwa bikenewe ko kandi ibyo byangombwa yabitanze, kuba atarazamuwe bikaba ari uburangare bw'abayobozi be.

[19] Me Nkundabarashi wunganira Kalisa Alphonse avuga ko uwo yunganira yakorewe isuzumamikorere kuwa 06/01/2009, ubuyobozi bwa IPB bwemeza ko ari umukozi mwiza ukwiye kuzamura mu ntera, ariko ko yaje kwirukanwa nyuma y'amezi icyenda (9) amaze gukorerwa iryo suzumamikorere, akaba atarigeze azamura mu ntera nk'uko byari byifujwe n'abayobozi be, ko rero kuba Vice Recteur yaremeje ko azamura mu ntera nyuma yo gutanga ibyangombwa byose bikenewe ku ntera yagombaga gushyirwaho, ibyo byangombwa Kalisa akaba yarabitanze ariko ntibikorwe, ari amakosa ya IPB akaba atagomba kuzira uburangare bw'ubuyobozi bukuru bwa IPB.

[20] Akomeza avuga ko kuba nta baruwa cyangwa icyemezo cyafashwe kimuzamura mu ntera akaba atabizira kuko atariwe wagombaga kwizamura, kuba yaranditse asaba uburenganzira bwe agatanga n'ibyangombwa bikenewe, iyo ubuyobozi bubona

ko atagomba kuzamurwa mu ntera bwari kumusubiza bukamubwira impamvu butamuzamuye, ko rero mu gihe atasubijwe bifatwa nk'aho byemewe, akaba abisabira indishyi zingana na 12.640.786 Frw ahwanye n'ikinyuranyo hagati y'umushahara yahembwaga n'umushahara mushya yari kuzajya ahembwa iyo azamuka mu ntera izo ndishyi akazisaba ashingiye ku ngingo ya 81 y'itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda ivuga ko “iyo amasezerano y'akazi arangiye, umukozi ahabwa umushahara we akirangira, agahabwa n'andi mafaranga afitiye uburenganzira ahabwa n'ayo masezerano”.

[21] Me Ndengeyingoma Louise uburanira IPB avuga ko Kalisa Alphonse atigeze azamurwa mu ntera nk'uko abivuga, ko iyo hamaze gukorwa isuzumamikorere hakurikiraho icyemezo cyo kuzamura umuntu mu ntera, icyo cyemezo kikaba kitarigeze kibaho, bityo ko atagomba gusaba amafaranga yo kuzamurwa mu ntera kandi azi neza ko iyo ntera atigeze ayizamurwaho.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[22] Ingingo ya 1.6.2.3 y'itegeko ngengamikorere ya IPB iteganya ko “Est candidat au grade de Chargé de Cours associé(CCA), le détenteur d'un diplôme de Doctorat. Il peut être également nommé à ce grade le détenteur d'une maîtrise justifiant d'une expérience de trois ans dans le grade d'assistant”. Isesengura ry'iyi ngingo ryumvikanisha ko kugira ngo umwarimu w'umufasha azamurwe ku ntera y'umwarimu ushinze kunganira mu by'amasomo (Chargé des Cours Associé), ku bw'ibanze agomba kuba afite impamyabumenyi y'ikirenga (Doctorat), ashobora kandi kuzamurwa kuri iyo ntera

mu gihe afite imyabumenyi ihanitse (Maîtrise) n'uburambe ku kazi bw'imyaka itatu yigisha nk'umufasha (Assistant).

[23] Inyandiko zigize urubanza zigaragaza ko Kalisa Alphonse yatangiye akazi nk'umwarimu w'umufasha kuwa 11/09/2006, akaba kandi afite impamyabumenyi ihanitse (Maîtrise) nk'uko byagaragajwe mu iburanisha ry'uru rubanza n'uburanira IPB akaba atabihakana, Kalisa akaba yarirukanywe kuwa 19/09/2009 bigaragara ko yirukanywe yaramaze kuzuza ibisabwa kugira ngo ashobore kuzamurwa mu ntera.

[24] Urukiko rurasanga n'ubwo kuzamurwa mu ntera ku mwarimu uri mu rwego rumwe na Kalisa Alphonse kandi wujuje ibisabwa atari itegeko ukurikije amategeko ngengamikorere ya IPB, kuba umuyobozi wa IPB yashobora gufata icyemezo kizamura mu ntera cyangwa se ntagifate bigomba gusobanurirwa impamvu muri icyo cyemezo kandi bikamenyeshwa nyir'ukugifatirwa.

[25] Urukiko rurasanga nyamara mu nyandiko zigize urubanza, nta nahamwe hagaragara impamvu Kalisa Alphonse atazamuwe mu ntera mu gihe abayobozi be bari batanze ibitekerezo by'uko yazamurwa mu ntera (avis favorable) ya Chargé des Cours Associé nk'uko Kalisa Alphonse yabitangiye ikimenyetso mu iburanisha n'uburanira IPB akaba atarashoboye kuvuguruza iyo nyandiko⁷.

[26] Urukiko rurasanga ariko, nubwo yari yahawe "avis favorable" kuwa 06/01/2009, imyaka itatu (3) yasabwaga kuba

⁷ Fiche d'évaluation déposée par Kalisa Alphonse dans l'audience du 18/03/2014, signé par l'administration de l'IPB le 06/01/2009.

yujuje kugirango abe yazamurwa mu ntera yagombaga kuzura kuwa 11/09/2009, yirukanwa kuwa 19/09/2009 harenzeho iminsi icyenda (9) gusa, Urukiko rukaba rusanga nta ndishyi rwamugenera zishingiye ku kinyuranyo hagati y'umushahara yahembwaga n'umushahara mushya, kuko atigeze awukorera kandi kugirango uhembwe ni uko uba wakoze, bityo indishyi asaba zo kuba atarazamuwe mu ntera zikaba nta shingiro zifite.

Kumenya niba yahabwa indishyi kubera ko kumuharabika byamuteye ihungabana we n'umuryango we

[27] Kalisa Alphonse avuga ko kumuharabika bandikira ibigo byose bikuru by'amashuri bavuga ko ari umusinzi, byahungabanyije umuryango we wose kuko ariwe wawuhahiraga, akaba abisabira indishyi.

[28] Kuri izo ndishyi asaba, uhagarariye IPB avuga ko ntazo yahabwa kuko nta muntu numwe wo mu muryango we yerekana waba waragiye kwivuriza mu kigo gishinzwe kwakira abahungabanye, cyangwa se ngo yerekane uwaba waragiye mu bitaro kubera izo mpamvu.

[29] Urukiko rurasanga indishyi asaba z'uko umuryango we wahungabanye ntazo yagenerwa kuko nta bimenyetso yabigaragarije.

Ku byerekeye indishyi zingana n'igihe cyari gisigaye ngo Kalisa Alphonse ajye mu kiruhuko cy'izabukuru.

[30] Kuri icyo kibazo, Kalisa Alphonse avuga ko, ashingiye ku ngingo ya 1.15.4. y'amategeko agenga IPB, umwarimu ajya mu kiruhuko cy'izabukuru afite imyaka 70, akaba yarirukanywe asigaje 19 ngo ayikwize, bihwanye n'amezi 202, akaba asaba

indishyi zingana na 306.607 Frw (umushahara wa buri kwezi)x 202=61.934.614 Frw.

[31] Urukiko rurasanga haba mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi, haba no mu Rukiko Rukuru, iki kibazo ntaho kigeze kiburanwaho, kikaba kitasuzumirwa bwa mbere mu Rukiko rw'Ikirenga.

[32] Kalisa Alphonse arasaba 140.000 Frw y'ikurikiranarubanza, akubiyemo amafaranga y'ingendo yakoze, amagarama yagiye atanga mu kuburana uru rubanza kugeza mu Rukiko rw'Ikirenga nk'uko yabigaragaje mu myanzuro ye, akanasaba kandi n'amafaranga y'igihembo cya avoka ahereye ku masezerano yanditse yagiranye n'umuburanira.

[33] Uburanira IPB avuga ko amafaranga y'ikurikiranarubanza ntayo yahabwa kuko nta bimenyetso ayatangira, naho ay'igihembo cya avoka, avuga ko Kalisa Alphonse yerekanye amasezerano yanditse yagiranye n'umwunganira, akaba asanga aribo ubwabo bagomba kuyubahiriza nkuko bayagiranye.

[34] Urukiko rurasanga hari ibyo Kalisa Alphonse yatakaje akurikirana uru rubanza, bityo 140.000 Frw y'ikurikiranarubanza asaba, akaba ayakwiye nkuko yayasabye kandi akaba ari mu rugero.

[35] Ku byerekeranye n'amafaranga y'igihembo cya avoka, Urukiko rurasanga uretse kubivuga mu myanzuro ye ko ayasaba ariko ntavuga ingano yayo ngo Urukiko rugire aho ruhera ruyamugenera.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[36] Rwemeje ko ubujurire bwa Kalisa Alphonse bufite ishingiro kuri bimwe;

[37] Rutegetse Institut Polytechnique de Byumba guha Kalisa Alphonse 2.000.000 Frw y'indishyi z'uko yaharabitswe, 2.007.880 Frw yemejwe n'Urukiko Rukuru, na 140.000 Frw y'ikurikiranarubanza, yose hamwe akaba ari amafaranga 4.147.880 Frw;

[38] Rutegetse Institut Polytechnique de Byumba gutanga amagarama y'urubanza angana na 34.250Frw.

IMANZA Z'UBUCURUZI

ECOBANK v. INDIA NOVEMBER

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMA 0005/10/CS
(Mutashya, P.J., Havugiyaremye na Rugabirwa, J.)10 Kamena
2010]

Amategeko y'ubucuruzi – Inyandiko mvunjamafaranga – Chèque de voyage – Ugomba kwishyura chèque de voyage zibwe – Iyo chèque de voyage zibwe ziri mu maboko y'uwaziguze, akamenyesha (opposition) mu gihe cyateganyijwe Banki yazimugurishije (Banque intermédiaire) ko zibwe, zishyurwa na banki yazimugurishije, keretse igaragaje ko ayo mafaranga yohererejwe Banki yakoze ayo masheki (Banque émettrice).

Amategeko y'ubucuruzi – Ibarwa ry'inyungu z'ubukererwe – Inyungu zituruka ku gihombo cyatewe no kuba chèques de voyage zitarahise zishyurwa igihe zari zibwe – Zitangira kubarwa nyuma y'amasaha 48 uherye umunsi yamenyekanishirijeho iyibwa ryazo kugeza ku munsi urubanza ruciriwe.

Incamake y'ikibazo: ECOBANK SA yagurishije INDIA NOVEMBER ihagarariwe na Isidore Ndabarasa, chèque de voyage zihwanye n'amadolari 8.000 USD. ECOBANK yabikuje ayo mafaranga kuri konti INDIA NOVEMBER yari ifite muri iyo banki. Izo sheki zaje kwibwa zifitwe na Isidore Ndabarasa uhagarariye INDIA NOVEMBER, amenyesha ECOBANK nayo imenyeshya CITICORP yazikoze ko izo sheki zibwe. INDIA NOVEMBER yagiye yandikira ECOBANK iyisaba kuyisubiza ayo mafaranga ariko ikanga kuyatanga ivuga ko uwazikoze ariwe CITICORP ariyo igomba kwishyura ayo

mafaranga kubera ko ari nayo yayoherejwe. CITICORP ivuga ko itayasubiza kuko INDIA NOVEMBER yajyanye ayo masheki itabanje kuyasinyira imbere y'umukozi wa banki wayiyagurishije.

INDIA NOVEMBER yareze ECOBANK mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, rutegeka ECOBANK guha INDIA NOVEMBER 8.000 USD yari yaguze izo chèques de voyage, ay'inyungu zayo, ay'indishyi z'akababaro, ay'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka.

ECOBANK yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga, ivuga ko umucamanza wa mbere yayitegetse guha INDIA NOVEMBER amafaranga menshi atagaragaje uruhare rwayo mu ibura ry'izo sheki. Yongera kuvuga ko itagomba kuryozwa amakosa ya CITICORP kuko Isidore Ndabarasa atasinyiye izo sheki imbere y'umukozi wayo. INDIA NOVEMBER yo ivuga ko ECOBANK igomba kwishyura 8.000 USD hamwe n'indishyi zayo kuko itagaragaje ko yohereje CITICORP amadolari yagurishije izo sheki.

Incamake y'icyemezo: 1. Iyo uwaguze cheque de voyage azibwe akabimenyasha ku gihe banki yazimugurishije, nayo ntigaragaze ko hari amafaranga yaba yarishyuye banki yazikoze azikomokaho, banki yazimugurishije (Banque intermediaire) niyo igomba kumwishyura, kabone n'ubwo haba hari sheki zaba zarishyuwe mbere y'imenyekanisha kuko we aba yarakoze ibimureba.

2. Mu gihe cheque de voyage yibwe, uwayiguze akabimenyasha Banki yayimugurishije ku gihe, agomba kwishyurwa na banki yayimugurishije mu gihe cy'amasaha 48 abarwa guhera ku muni w'imenyekanisha, itabikora ikabintangira indishyi

z'ubukererwe zibarwa uhereye nyuma y'amasaha 48 imenyekanisha rikozwe kugeza ku munsu w'icibwa ry'urubanza.

**Ubujurire bufite ishingiro kuri bimwe.
Ubujurire bwuririye ku bundi bufite ishingiro.
Imikirize y'urubanza ihindutse kuri bimwe.
Amagarama y'urubanza aherereye ku wareze.**

Nta tegeko ryashingiweho.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] ECOBANK SA (ex-BCDI) yagurishije Isidore NDABARASA wari uhagarariye INDIA NOVEMBER "Chèques de Voyage" (Travellers Cheques) za CITICORP zihwanye n'amadorari y'amanyamerika 8.000, ECOBANK iyabikuzaga kuri konti INDIA NOVEMBER yari ifite muri iyo Banki.

[2] Nk'uko bivugwa n'abaturanyi bombi, ayo ma "Chèques de Voyage" yibwe afitwe na Isidore NDABARASA, ariko azikorera "opposition" kuwa 19/06/2001, ECOBANK inabimenyesha CITICORP kuwa 20/06/2001, iyi nayo ngo ibimenyesha andi ma Banki kugira ngo atazishyura. Kuwa 17/06/2001, "Chase Forex Bureau" yo muri Kenya, yari yazishyuyemo 2.000 USD abajura bayahavunjishirije.

[3] INDIA NOVEMBER yagiye yandikira ECOBANK iyisaba kuyisubiza 8.000 USD yabikuje kuri konti yayo. ECOBANK ikavuga ko ari CITICORP igomba kuyisubiza ayo madorari kuko ariyo nyiri ayo masheki no kuba ariyo yohererejwe ayo madorari. CITICORP ikavuga ko itayasubiza ngo kuko Isidore NDABARASA yajyanye ayo masheki atabanje kuyasinyira imbere y'umukozi wa ECOBANK wayamugurishije.

[4] INDIA NOVEMBER yareze ECOBANK mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, urubanza rwacibwa kuwa 20/11/2009, Urukiko rutegeka ECOBANK guha INDIA NOVEMBER 8.000 USD yaguze “Chèques de Voyage”, 8.960 USD y'inyungu zayo z'imyaka umunani, 5.000 USD y'indishyi z'akababaro, 5.000 USD y'ikurikiranarubanza na 500.000 Frw y'igihembo cy'Avoka, inategukwa gutanga 634.688 Frw y'umusogongerwa wa Leta.

[5] Urubanza rwaburanishijwe mu mizi mu ruhame bwa nyuma kuwa 25/04/2011, ECOBANK ihagarariwe na Me RWAGATARE Janvier, naho INDIA NOVEMBER ihagarariwe na NKURIKIYE Salvator yunganiwe na Me SHEMA GAKUBA Charles na Me RWAJAYIJA John.

II. IKIBAZO KIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYACYO:

Iyo “Chèques de Voyage” zibwe n'iyihe Banki hagati ya Banki yagurishije ayo masheki na Banki yayakoze igomba kwishyura umukiriya wayaguze.

[6] Uburanira ECOBANK avuga ko yagurishije INDIA NOVEMBER ihagarariwe na Isidore NDABARASA “Chèques de Voyage” zihwanye na 8.000 USD, anavuga ko INDIA NOVEMBER yayimenesheje ko ayo masheki yibwe (opposition) kuwa 19/06/2001, nayo ibimenesha CITICORP kuwa 20/06/2001.

[7] Avuga ko umucamanza wa mbere yayitegetse guha INDIA NOVEMBER amafaranga menshi atagaragaje uruhare rwayo mu ibura rya “Travellers Cheques” cyangwa mu kudasubiza INDIA NOVEMBER amafaranga yayo. Avuga kandi ko ECOBANK itagomba kuryozwa amakosa ya CITICORP yanze gusubiza INDIA NOVEMBER amafaranga yayo nk’uko bigaragarira mu ibaruwa yayo yo kuwa 26/03/2002, ngo kuko Isidore Ndabarasa atayasinyiye imbere y’umukozi wa ECOBANK wayamugurishije.

[8] Ababuranira INDIA NOVEMBER bavuga ko Isidore Ndabarasa yaguze “Chèques de Voyage” muri ECOBANK kuwa 01/06/2001 zihwanye na 8.000 USD. Bavuga ko zimaze kwibwa kuwa 16/06/2001, yazikoreye “opposition” anabimenesha ECOBANK kuwa 19/06/2001, ko ariko kuwa 17/06/2001, abajura bari bayishyurwemo 2000 USD na “Chase Forex Bureau” yo muri Kenya. Basabye ko 8.000 USD yakwishyurwa na ECOBANK hakiyongeraho n’indishyi zayo ngo kuko itagaragaje ko yoherereje CITICORP amadorari yagurishije ayo masheki.

[9] Igihe Urukiko rwihereraga kugira ngo ruce urubanza burundu, rwasanze ari ngombwa ko rwifashisha impuguke mu mikoreshereze y’ama “Chèques de Voyage” kugira ngo igire ibyo irusobanurira, maze rushyiraho Bwana Gakwaya Dominiko.

[10] Nyuma yo kurahira ko avugisha ukuri, avuga mu ncamake ko iyo umukiriya aguze “Chèques de Voyage”, Banki yazimugurishije (Banque intermédiaire) igakura amafaranga kuri konti ye, hanyuma zikibwa, umukiriya agomba kwihutira kubimenyesha iyo Banki (opposition). Avuga ko iyo umukiriya yarangaye akabikora akererewe, ahomba kuko aba yarahawe amakuru yose yazamufasha igihe yazibwe.

[11] Akomeza avuga ko iyo umukiriya akoze “opposition” hakiri kare, Banki yamugurishije “Chèques de Voyage” niyo igomba kuyamwishyura, kabone n’ubwo hari amashaki yishyuye mbere ya “opposition”, kuko we aba yarakoze ibimureba, keretse iyo banki yayamugurishije igaragaje ko yohereje amafaranga kuri Banki yakoze ayo masheki (Banque émettrice).

[12] Urukiko rurasanga umuhanga mu mikoreshereze ya “Chèques de Voyage” wavuzwe haruguru yasobanuriye uru Rukiko ko iyo izo “chèques” zibwe, umukiriya akazikorera “opposition” kuri Banki yazimugurishije (Banque intermédiaire) hakiri kare, ari iyi Banki igomba kumwishyura amafaranga yahawe, keretse igaragaje ko ayo mafaranga yoherejwe Banki yakoze ayo masheki (Banque émettrice).

[13] Muri uru rubanza, Urukiko rurasanga ababuranyi bombi bemeranywa ko Isidore Ndabarasa, wari uhagarariye INDIA NOVEMBER, yaguze “Chèques de Voyage” (Travellers Cheques) za CITICORP muri ECOBANK SA (ex-BCDI) zifite agaciro ka 8.000 USD, kandi ko ECOBANK yabikuje amafaranga ahwanyeye nayo kuri konti ya INDIA NOVEMBER yari muri iyo Banki.

[14] Urukiko rurasanga kandi ababuranyi bombi bemeranywa ko ayo masheki yibwe, kandi ko Isidore Ndabarasa yayakoreye “opposition” mu gihe cya vuba, kuko yabimenyesheje ECOBANK kuwa 19/06/2001, nyuma y’iminsi itatu ayo masheki yibwe, ECOBANK nayo ibimenyesha CITICORP kuwa 20/06/2001, inayishyikiriza numero za “chèques de Voyage” zibwe.

[15] Urukiko rurasanga rushingiye ku bisobanuro byatanzwe n’impuguke kandi narwo rusanga bifite ishingiro, kuba INDIA NOVEMBER yaribwe “Chèques de Voyage”, ikazikorera “opposition” mu gihe cya vuba, nyamara ECOBANK ikaba itagaragaza ko ayo mafaranga yayohereje CITICORP, ntinagaragaze aho CITICORP yasinyiye ko iyakiriye, kandi ntinagaragaze ko hari amafaranga CITICORP yaba yarishyuye akomoka kuri izo “Chèques de Voyage” zibwe, ECOBANK niyo igomba gusubiza INDIA NOVEMBER 8.000 USD ahwanye na “Chèques de Voyage” zibwe.

[16] Urukiko rurasanga kandi ayo mafaranga agomba kwiyongeraho inyungu z’ubukererwe, amafaranga y’ikurikiranarubanza hamwe n’ay’igihembo cy’Avoka nk’uko byemejwe n’Urukiko rubanza, ariko uru Rukiko rukaba rugomba gusubira mu mibare ruyagena, kuko hamwe rwagenye amafaranga y’ikirenga, ahandi rushingira ku mibare itariyo. Inyungu z’ubukererwe zikaba zigomba kubarwa kugeza ku munsu urubanza ruciriwe nk’uko INDIA NOVEMBER yabisabye mu bujurire bwayo bwuririye ku bundi, uru Rukiko rusanga bufite ishingiro.

[17] Ku byerekeye inyungu z’ubukererwe, Urukiko rusanga kuba INDIA NOVEMBER yarakoze “opposition” mu gihe gikwiye, nyamara ECOBANK yayibona kuwa 19/06/2001,

igakomeza kugundira 8.000 USD kugeza igihe yaregewe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, kandi yaragombaga guhita iyishyura nk'uko imikoreshereze ya “Chèques de Voyage” ibisaba, cyane ko INDIA NOVEMBER nk'umucuruzi yagombaga kuyabyaza umusaruro, bigaragara ko yayiteje igihombo, bityo ikaba igomba kubitangira inyungu z'ubukererwe zibariwe kuri 14 % ku mwaka nk'uko Urukiko rubanza rwabyemeje.

[18] Ku byerekeranye no kwishyura, abahanga mu mikoreshereze ya “Chèques de Voyage” bavuga ko iyo umukiriya yibwe “Chèques de Voyage” akanakora “opposition” mu gihe gikwiye, agomba kuba yishyuwe mu gihe kitarenze amasaha 48¹ abazwe guhera ku muni yakoreyeho “opposition”. Urukiko rusanga ECOBANK yarabonye “opposition” kuwa 19/06/2001, bityo hakurikijwe ibyo bisobanuro, ECOBANK igomba kwishyura INDIA NOVEMBER inyungu z'ubukererwe zibazwe guhera kuwa 21/06/2001, kugeza ku muni w'icibwa ry'urubanza kuwa 10/06/2011, bityo izo nyungu zikaba zibazwe mu buryo bukurikira:

$$= \underline{8.000 \text{ USD} \times 14 \times 3.589 \text{ iminsi}} = 11.165 \text{ USD.}$$

$$100 \times 360$$

[19] Ku bijyanye n'indishyi z'akababaro, Urukiko rubanza rwageneye INDIA NOVEMBER 5.000 USD y'indishyi z'akababaro. Urukiko rusanga INDIA NOVEMBER itari

¹ En cas de perte ou de vol de chèques de voyage, ... en général, le remboursement est effectué sous 48h” in <http://www.alertes-meteo.com/astuce/chèque-voyage.htm>

guhabwa inyungu z'ubukererwe hamwe n'indishyi z'akababaro, kuko igihe ECOBANK yamaranye amafaranga yayo, yayaboneye inyungu z'ubukererwe, bityo amadorari 5.000 y'indishyi z'akababaro yagenewe n'Urukiko rubanza akaba agomba kuvanwaho.

[20] Ku byerekeye amafaranga y'ikurikiranarubanza n'ay'igihembo cy'Avoka, mu rwego rwa mbere INDIA NOVEMBER yari yagenewe 5.000 USD y'ikurikiranarubanza na 500.000 Frw y'igihembo cy'Avoka. Urukiko rusanga bigaragara koko ko hari amafaranga INDIA NOVEMBER yatanze ikurikirana uru rubanza haba mu ngendo, ifunguro n'ibindi, ndetse hari n'Abavoka bayiburaniye mu nzego zombi. Bityo Urukiko rusanga mu bushishozi bwarwo ECOBANK igomba guha INDIA NOVEMBER 2.000 USD y'ikurikiranarubanza n'ay'igihembo cy'Avoka kuko 5.000 USD na 500.000 Frw yagenewe n'Urukiko rubanza ari ikirenga.

[21] Urukiko rurasanga rero amafaranga ECOBANK igomba guha INDIA NOVEMBER ari 8.000 USD yaguze "Chèques de Voyage", 11.165 USD y'inyungu z'ubukererwe na 2.000 USD y'ikurikiranarubanza n'ay'igihembo cy'Avoka, yose hamwe akaba ari 21.165 USD.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[22] Rwemeye kwakira ubujurire bwa ECOBANK n'ubujurire bwa INDIA NOVEMBER bwuririye ku bwayo kuko bwatanzwe mu buryo n'inzira bikurikije amategeko;

[23] Rwemeje ko ubujurire bwa ECOBANK bufite ishingiro kuri bimwe, ko ubujurire bwa INDIA NOVEMBER bwuririye ku bwayo bufite ishingiro;

[24] Rutegetse ECOBANK guha INDIA NOVEMBER 8.000 USD yabikuje kuri konti yayo igura “Chèques de Voyage”, 11.165 USD y'inyungu z'ubukererwe na 2.000 USD y'ikurikiranarubanza n'ay'igihembo cy'Avoka, yose hamwe akaba ari 21.165 USD, ikanayatangira n'umusogongerwa wa Leta wa 4% ungana na 846 USD, itayatanga mu gihe cy'iminsi umunani, agakurwa mu byayo ku ngufu za Leta;

[25] Ruvuze ko imikirize y'urubanza RCOM 0066/09/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuwa 20/11/2009 ihindutse kuri bimwe;

[26] Ruyitegetse gutanga amagarama y'urubanza angana na 40.900 Frw, abariwemo n'ayo yaciwe mu rwego rwa mbere, itayatanga mu gihe cy'iminsi umunani, agakurwa mu byayo ku ngufu za Leta.

KZ NOIR (R) Ltd v. KUBWIMANA N’UNDI

[Rwanda URUKIKO RUKURU RW’UBUCURUZI – RCOMA
0232/14/HCC (Kadigwa, P.J.) 12 Kamena 2014]

Amategeko agenga ubukemurampaka mu bibazo by’ubucuruzi – Ububasha bwo kuburanisha ibirego byihutirwa birebana n’ubukemurampaka – Umwe mu biyambaje ubukemurampaka ashobora gusaba urukiko, mbere cyangwa hagati mu gikorwa cy’ubukemurampaka, gufata icyemezo cy’agateganyo – Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n’ubwunzi mu bibazo by’ubucuruzi, ingingo ya 3 n’iya 10.

Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza z’ubucuruzi – Igenwa ry’ikiburanwa – Ikiburanwa kigenwa n’ibisabwa na buri muburanyi – Mu isuzuma ry’iyakirwa ry’ikirego, Urukiko ntirugarukira ku bikubiye ku nteruro y’ikiregerwa gusa ahubwo rwita ku bikubiye mu myanzuro no ku miburanire y’ababuranyi – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsi, ingingo ya 4.

Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza z’ubucuruzi – Kutaburanisha bundi bushya urubanza rwateshejwe agaciro n’Urukiko rwajuririwe – Iyo Urukiko rutesheje agaciro urubanza rwajuririwe ntiruruburanisha mu mizi ahubwo ruburanishwa n’urukiko rubifite ububasha ku rwego rwa mbere mu gihe ba nyiri ugutanga ikirego bagishaka kugikomeza – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsi, ingingo ya 172.

Incamake y'ikibazo: KZ NOIR (R) Ltd yagiranye na Kubwimana Chrysologue afatanyije Kubwimana Philippe amasezerano arimo ingingo ivuga ko impaka zayavukamo zazashyikirizwa ubukemurampaka. Impande zombi ntizumvikanye bituma ziyambaza Ubukemurampaka, ariko mu gihe hatarafatwa icyemezo, KZ NOIR (R) Ltd itanze ikirego cyihutirwa mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Musanze isaba ko hafatwa ibyemezo by'agateganyo maze urwo Rukiko rwemeza ko kitakiriwe kuko nta kirego cy'iremezo gishamikiyeho cyatanzwe muri urwo Rukiko.

KZ NOIR (R) Ltd yajuririye mu Rukiko Rukuru rw'ubucuruzi ivuga ko ikirego cyayo cyagombaga kwakirwa kigasuzumwa kuko ikirego cy'iremezo kiri mu bukemurampaka kandi amategeko akaba abyemera.

Mu bujuriye Kubwimana Chrysologue na Kubwimana Philippe bavuga ko ibyemezo by'agateganyo biri mu bubasha bw'Inteko y'abakemurampaka; bityo akaba ariyo igomba kuburanisha iki kirego.

Incamake y'icyemezo: 1. Umwe mu biyambaje ubukemurampaka ashobora gusaba urukiko, mbere cyangwa hagati mu gikorwa cy'ubukemurampaka, gufata icyemezo cy'agateganyo kandi urukiko rukaba rwagitanga mu gihe bitanyuranyije n'amasezerano y'ubukemurampaka, bityo Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Musanze rukaba rwaragombaga kwakira ikirego rwashyikirijwe.

2. Ikiburanwa kigenwa n'ibisabwa na buri muburanyi. Mu gihe ibisobanuro by'ikirego bigaragara mu myanzuro ndetse no mu miburanire y'abarega bigaragara neza ko icyo ababuranyi baregeye ari ugusaba urukiko gufata ibyemezo by'agateganyo, interuro y'imyanzuro ubwayo siyo ihabwa agaciro.

3. Urukiko rutesheje agaciro urubanza rwajuririwe ntiruruburanisha bundi bushya mu mizi yarwo; ruba rugomba kwakirwa n'urukiko rwaruburanishije ku rwego rwa mbere rukaburanishwa mu mizi mu gihe abatanze ikirego bashaka kugikomeza. Urubanza rwajuririwe rukaba rugomba kuburanishwa n'urukiko rw'Ubucuruzi rwa Musanze.

Ubujurire bufite ishingiho.

Urubanza rwajuririwe ruteshejwe agaciro mu ngingo zarwo zose.

Amagarama aherereye ku baregwa.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, ingingo ya 4 n'ya 172

Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi, ingingo ya 11 n'ya 23.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. UKO IKIBAZO GITEYE MU NCAMAKE

[1] Mu ikubitiro ababuranyi bombi bagiranye amasezerano arimo ingingo ivuga ko impaka zayavukamo zazashyikirizwa abakemurampaka (arbitrage). Mu rubanza R.COM 0144/TC/MUS rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Musanze

kuwa 21/04/2014 urega yatanze ikirego cyihurirwa asaba ibyavuzwe haruguru mu kiregerwa, urukiko rwanga kucyakira rushingiye ko nta kirego cy'iremezo cyakibanjirije rushingira icyemezo cyarwo ku ngingo ya 316 CPCCSA.

[2] Abarega ntibanyuzwe n'icyo cyemezo kuko bumvaga kuba ikirego cy'iremezo kiri mu bukemurampaka bihagije, ko kandi n'amategeko yerekeye ubukemurampaka abyemera. Batangaho urugero ingingo ya 11 n'ya 23 z'Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi.

[3] Ikibazo kigomba gusuzumwa muri uru rubanza ni ukumenya niba ibirego byihutirwa bishingiye ku kirego cy'iremezo cyashyikirijwe abakemurampaka bishobora gufatwa n'inkiko ubusanzwe zifite ububasha bwo kuburanisha bene ibyo birego.

II ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGOMBA GUSUZUMWA MURI URU RUBANZA

[4] Urukiko rwacye uru rubanza ku rwego rwa mbere rwafashe ko ikirego rwashyikirijwe ari ikirego cyihutirwa ubusanzwe kiburanishwa hakurikijwe imiburanishirize yihariye ya bene ibyo birego iteganywa n'tegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

[5] Abarega bo baburanye bagaragaza ko ikirego batanze kigamije gusaba urukiko gufata ibyemezo by'agateganyo bivugwa mu ngingo ya 11 n'ya 23 z'Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu

bibazo by'ubucuruzi, nubwo mu nteruro y'imyanzuro yabo bagaragaje ko baregera urukiko mu buryo bw'inyandiko itanze ikirego cyihutirwa.

[6] Uru Rukiko rubona urukiko rwaciye uru rubanza ku rwego rwa mbere rwarahagaze gusa ku nteruro y'imyanzuro yatanzwe n'abaregaga yerekana ko batanze ikirego cyihutirwa (référé) rwirengagiza ibyari bikubiye mu mwanzuro no mu miburanire yabo, yagaragazaga ko baruregeye barusaba gufata ibyemezo by'agateganyo bivugwa mu ngingo ya 11 n'ya 23 z'Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008.

[7] Kuba urukiko rwaciye uru rubanza ku rwego rwa mbere rwaribanze gusa ku nteruro y'imyanzuro y'abaregaga yagaragazaga ko batanze ikirego cyihutirwa, rukirengagiza ibyari bikubiye mu myanzuro no mu miburanire yabo, uru Rukiko rubona binyuraniye n'ingingo ya 4 y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 CPCCSA iteganya ko "Ikiburanwa kigenwa n'ibisabwa na buri muburanyi. Ibisabwa bigaragazwa n'inyandiko itangiza ikirego n'imyanzuro yo kwiregura".

[8] Uru Rukiko rubona interuro y'imyanzuro ubwayo atariyo yahabwa agaciro mu gihe ibisobanuro by'ikirego bigaragara mu myanzuro ndetse no mu miburanire y'abaregaga byarabonekaga neza ko icyo baregeye ari ugusaba urukiko gufata ibyemezo by'agateganyo, biteganywa n'Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi.

[9] Kuba ingingo ya 3 n'ya 10 z'Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 rivuzwe haruguru, iteganya ko urukiko ruvugwa muri iryo tegeko ari "urukiko rubifitiye ububasha mu bucamanza bw'u Rwanda", uru Rukiko rusanga urukiko

rwaciye uru rubanza ku rwego rwa mbere rwaragombaga kwakira ikirego rwaregewe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 11 y'iryo tegeko iteye itya: “Umwe mu biyambaje ubukemurampaka ashobora gusaba urukiko, mbere cyangwa hagati mu gikorwa cy'ubukemurampaka, icyemezo cy'agateganyo kandi urukiko rukaba rwagitanga. Ibyo kandi ntibishobora kuba binyuranyije n'amasezerano y'ubukemurampaka”.

[10] Ibyo Me Buhuru Célestin uburanira abaregwa mu bujurire avuga ko ibyemezo by'agateganyo biri mu bubasha bw'Inteko y'abakemurampaka, uru Rukiko rubona nta shingiro bifite kuko, hakurikijwe ingingo ya 19 y'Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 rivuzwe haruguru iyo nteko ifata bene ibyo byemezo ari uko ibisabwe n'umwe mu biyambaje ubukemurampaka.

[11] Rushingiye ku bimaze kuvugwa byose, uru Rukiko rubona icyemezo cyafashwe mu rubanza rwajuririwe R.COM 0144/TC/MUS rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Musanze kuwa 21/04/2014 kigomba guteshwa agaciro.

[12] Rushingiye kandi ku ngingo ya 172 iteganya ko “Urukiko rutesheje agaciro urubanza rwajuririwe rutaruburanisha bundi bushya mu mizi yarwo”, uru Rukiko rusanga ikirego cyatanzwe n'urega mu bujurire, kigomba kwakirwa n'urukiko rwakiburanishije ku rwego rwa mbere kikaburanishwa mu mizi, ba nyiri kugitanga babaye bagishaka kugikomeza.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[13] Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi :

[14] Rwemeje kwakira ubujurire bwatanzwe na KZ NOIR (R) Ltd ko kandi bufite ishingiro;

[15] Rwemeje ko ikirego KZ NOIR (R) Ltd cyagombaga kwakirwa n'urukiko rwaciye uru rubanza ku rwego rwa mbere;

[16] Rutegetse ko imikirize y'urubanza rwajuririwe R.COM 0144/TC/MUS rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Musanze kuwa 21/04/2014 iteshwa agaciro mu ngingo zayo zose;

[17] Rutegetse Chrysologue Kubwimana na Philippe Kubwimana gufatanya gutanga amagarama y'uru rubanza.

SETRAPCO Ltd v. BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMA 0153/12/CS
(Kayitesi R., P.J., Rugabirwa na Mukandamage, J.) 04 Mata
2014]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Kutagira ububasha k'uregwa – Inzitizi yo kutagira ububasha k'uregwa ni indemyagihugu, aho urubanza rwaba rugeze hose irakirwa kandi igasuzumwa – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, Ingingo ya 142.

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Kurega ikigo, sosiyete, n'imiryango bitari ibya Leta bifite ubuzima gatozi – Ikirego nticyakirwa iyo harezwe sosiyete, ikigo cyangwa umuryango bihagarariwe n'utabifitiye ububasha – Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, ingingo ya 31, agace ka 5°.

Incamake y'ikibazo: SETRAPCO Ltd yagiranye amasezerano na BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION yo kubaka inzu yo gucumbikiramo abanyeshuri. Iyo nzu yagombaga kubakwa mu gihe cy'iminsi 180 ku giciro kingana na 129.670.559 Frw. Kubera kutumvikana, SETRAPCO Ltd yaregeye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi isaba kwishyurwa 29.908.359 Frw yari asigaye ku mirimo yakozwe hakiyongeraho indishyi zinyuranye kuko yarangije kubaka. Mu iburanisha Barbara A. Stiefel

Foundation yatanze inzitizi yo kutakira ikirego cya SETRAPCO Ltd ivuga ko amasezerano ishingiraho isaba indishyi yasheshwe n'urubanza RCOM 0210/11/HCC rwaciwe 29/11/2011. Urukiko rwemeje ko ikirego cya SETRAPCO Ltd kitakiriwe kuko itasaba indishyi ishingiye ku masezerano yasheshwe n'urubanza rwavuzwe.

SETRAPCO Ltd yajuririye Urukiko rw'Ikirenga ariko iburanisha ritangiye Barbara A. Stiefel Foundation itanga inzitizi yo kutakira ikirego cya SETRAPCO Ltd kuko yayireze ihagarariwe na Rwamuranga Steven na Penny Enseley, nyamara badafite ububasha bwo kuyihagararira mu nkiko, ko ahubwo bufitwe na Barbara A. Stiefel.

SETRAPCO Ltd yo ivuga ko iyo nzitizi nta shingiro ifite kubera ko Barbara A. Stiefel Foundation itayitanze mu myanzuro yayo yo kwiregura no mu gihe cy'inama ntegura rubanza.

Incamake y'icyemezo: 1. Impamvu ituma ikirego kitakirwa ishobora kubyutswa n'umuburanyi cyangwa n'Urukiko rubyibwirije iyo ari indemyagihugu.

2. Ikirego nticyakirwa iyo ibigo, sosiyete, n'imiryango bitari ibya Leta bifite ubuzimagatozi birezwe bihagarariwe n'utabifitiye ububasha. Ikirego cya SETRAPCO Ltd ntikigomba kwakirwa kuko yareze Barbara A. Stiefel Foundation ihagarariwe na Penny Ensley na Stephen Rwamurangwa kandi nta bubasha bafite bwo kuyihagararira mu Nkiko.

Inzitizi yo kutagira ububasha k'uregwa ifite ishingiro.

Ubururire ntibwakiriwe.

Amagarama aherereye ku wajuriye.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 31 agace ka 5 n'ya 142.

Nta manza zifashishijwe.**Inyandiko z'abahanga zifashishijwe:**

S. Guinchard, *Droit et Pratique de la Procédure Civile*, 5 ème Edition, Dalloz, Paris, 2006-2007, p. 22.

Urubanza**I. IMITERERE Y'URUBANZA**

[1] Kuwa 19/08/2010, BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION ihagarariwe na Barbara A. Stiefel na SETRAPCO Ltd bagiranye amasezerano y'ubwubatsi bw'inzu yo gucumbikiramo abanyeshuri ba « Kayonza Modern Secondary School » iri mu Karere ka Kayonza, mu Ntara y'Iburasirazuba, bumvikana ko iyo mirimo izakorwa mu gihe cy'iminsi 180 ku giciro kingana na 129.670.559 Frw.

[2] Nyuma yaho, SETRAPCO Ltd yareze BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuri n° RCOM 0291/11/HCC, isaba ko yayishyura 29.908.359 Frw asigaye yiyongereyeho indishyi zinyuranye kuko yarangije kubaka inyubako yavuzwe haruguru.

[3] Igihe cy'iburanisha ry'urubanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, uburanira BARBARA A. STIEFEL

FOUNDATION yatanze inzitizi yo kutakira ikirego cya SETRAPCO Ltd kubera ko amasezerano yo kuwa 19/08/2010 ishingiraho isaba indishyi yasheshwe n'urubanza RCOM 0210/11/HCC rwaciwe n'urwo Rukiko kuwa 29/11/2011, Urukiko rwemeza ko ikirego cya SETRAPCO Ltd kitakiriwe kuko itakongera gusaba indishyi zishingiye ku masezerano yasheshwe n'urubanza RCOM 0210/11/HCC yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga.

[4] SETRAPCO Ltd yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga kuri n° RCOMA 0153/12/CS, ruhuzwa n'urubanza RCOMA 0010/12/CS kuko zifitanye isano.

[5] Kuwa 31/01/2014, Urukiko rw'Ikirenga rwaciye urubanza RCOMA 0010/12/CS - RCOMA 0153/12/CS, rutegeka ko imikirize y'urubanza RCOM 0210/11/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuwa 29/11/2011 ivanyweho kubera ko Barbara A. Stiefel yaregeye iseswa ry'amasezerano yavuzwe haruguru ku giti cye, nyamara yaragombaga kuyaregera ahagarariye Barbara A. Stiefel Foundation, rutegeka kandi ko iburanisha ry'urubanza RCOMA 0153/12/CS hagati ya BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION na SETRAPCO Ltd rizakomeza kuwa 18/03/2014.

[6] Kuri uwo muni, urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe SETRAPCO Ltd ihagarariwe na Ritaranga Didas, Umuyobozi Mukuru wayo, yunganiwe na Me Ngirumpetse JMV, naho BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION ihagarariwe na Me Niyondora Nsengiyumva.

[7] Iburanisha ry'urubanza ritangiye, uburanira BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION yatanze inzitizi zigamije kutakira

ubujurire bwa SETRAPCO Ltd kubera ko yareze BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION ihagarariwe na Rwamurangwa Steven na Penny Enseley, nyamara badafite ububasha bwo kuyihagararira mu nkiko, ko ahubwo bufitwe na Barbara A. Stiefel, ko kandi SETRAPCO Ltd yahise iyirega mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, nyamara ingingo ya 13 y'amasezerano bagiranye iteganya ko mu gihe batumvikanye mu ishyirwa mu bikorwa ryayo, impande zombi zizabanza kwiyambaza abahuza, bananirwa kubumvikanisha akaba aribwo utishimye ashobora kuregera Urukiko rubifitiye ububasha.

[8] Ku birebana n'urubanza mu mizi, SETRAPCO Ltd isaba ko BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION yayishyura 29.908.359 Frw asigaye akiyongeraho indishyi n'inyungu zinyuranye kuko yarangije kubaka ishuri ryavuzwe haruguru, byaba ngombwa, akishyurwa n'Akarere ka Kayonza kuko ariko karikoresha. BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION yo ikavuga ko itakwishyura SETRAPCO Ltd izo ndishyi kuko itubahirije amasezerano bagiranye, ko ahubwo ariyo ikwiye kuyiha indishyi yasabiye mu bujurire bwayo bwuririye ku bundi nk'uko zisobanuye mu mwanzuro yatanze.

II. IKIBAZO KIRI MU RUBANZA N'ISESENGURA RYACYO:

Inzitizi yo kutakira ubujurire bwa SETRAPCO Ltd kuko yareze abo itagombaga kurega (défaut de qualité des défendeurs).

[9] Uburanira BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION avuga ko ubujurire bwa SETRAPCO Ltd butakwakirwa kuko yareze BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION mu izina rya

Rwamurangwa Steven na Penny Ensley nk'uko bigaragazwa n'imyanzuro yatanze mu rwego rwa mbere, nyamara badafite ububasha bwo kuyihagararira mu Rukiko, ko ahubwo yagombaga kurega BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION ihagarariwe na Barbara A. Stiefel kuko ariwe ufite ububasha bwo kuyihagararira nk'uko byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza n° RCOMA 0010/12/CS - RCOMA 0153/12/CS rwaciwe kuwa 31/01/2014, ko rero ubujurire bwayo butujuje ibisabwa n'ingingo ya 2 y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, kugira ngo bwakirwe.

[10] Avuga kandi ko kuba SETRAPCO Ltd yarareze BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION mu izina ry'abatayihagarariye mu buryo bwemewe n'amategeko, byatumye ihamagazwa mu buryo bunyuranyije n'ingingo ya 31, agace ka 5° y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru, iteganya ko imiryango itegamiye kuri Leta ifite ubuzima gatozi ihamagazwa mu izina ry'abayihagarariye.

[11] Asobanura ko BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION yari yaratanze iyo nzitizi mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ariko ko rutayisuzumye kubera ko rutakiriye ikirego cya SETRAPCO Ltd kubera ko rwasanze itaragombaga kongera kururegera amasezerano yasheshwe n'urubanza RCOM 0210/11/HCC, ko rero uru Rukiko rwasuzuma iyi nzitizi, rukemeza ko ifite ishingiro.

[12] Uburanira SETRAPCO Ltd avuga ko iyo nzitizi nta shingiro ifite kubera ko BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION itayitanzwe mu myanzuro yayo yo kwiregura yo

kuwa 15/03/2013 no mu nama ntegurarubanza yo kuwa 28/03/2013.

[13] Avuga kandi ko SETRAPCO Ltd yareze BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION mu buryo bwemewe n'amategeko kubera ko Rwamurangwa Steven na Penny Ensley basinye ku masezerano y'ubwubatsi yo kuwa 19/08/2010, ko kandi Barbara A. Stiefel yabahaye ububasha bwo guhagararira BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION hashingiwe ku ibaruwa ye yo kuwa 19/08/2010.

UKO URUKIKO RUBIBONA

Ku birebana n'iyakirwa ry'inzitizi

[14] Ingingo ya 142 y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, iteganya ko "Impamvu ituma ikirego kitakirwa ishobora kubyutswa n'umuburanyi cyangwa n'urukiko rubyibwirije. Impamvu zituma ikirego kitakirwa zigaragazwa n'urukiko rubyibwirije iyo ari indemyagihugu, nko kurenza igihe cyo kujurira cyangwa kutagira ububasha, ubushobozi cyangwa inyungu byo kurega".

[15] N'ubwo iyi nzitizi y'iburabubasha bw'uregwa itasuzumwe mu rwego rwa mbere, Urukiko rurasanga ari ndemyagihugu ikaba igomba gusuzumwa aho urubanza rwaba rugeze hose, bityo ikaba igomba kwakirwa igasuzumwa.

Ku birebana n'ishingiro ry'inzitizi.

[16] Ingingo ya 31, agace ka 5° y'Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, iteganya ko “abahagarariye ibigo, sosiyete, n'imiryango bitari ibya Leta bifite ubuzima gatozi bitumirwa mu izina ry'abayihagarariye”.

[17] Abahanga mu mategeko barimo Serge Guinchard bavuga ko kugira ngo “ikirego cyakirwe ari uko urega n'uregwa bagomba kuba bafite ububasha (qualité), ko mu gihe batabufite, ikirego kitakirwa”¹ .

[18] Inyandiko itanga ikirego yo kuwa 28/11/2011 mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, igaragaza ko SETRAPCO Ltd “yareze Barbara A. Stiefel Foundation, mu izina ry'abayihagarariye mu buryo bwemewe n'amategeko, aribo Penny Ensley na Stephen Rwamurangwa”, isaba ko yayiha 29.908.359 Frw asigaye itayishyuye nyuma yo kurangiza imirimo y'ubwubatsi yavuzwe haruguru, ikayihira n'indishyi zinyuranye.

[19] Urukiko rurasanga ibimenyetso biri muri dosiye birimo amasezerano y'ubwubatsi yo kuwa 19/08/2010, yabaye hagati ya BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION na SETRAPCO Ltd, ibaruwa yo kuwa 16/08/2011, Barbara A. Stiefel yandikiye

¹ “La qualité est une condition d'existence de l'action, exigée tant en demandant qu'en défense. Le défaut de qualité donne lieu à une fin de non-recevoir”, par SERGE GUINCHARD, *Droit et Pratique de la Procédure Civile*, 5^{ème} Edition, Dalloz, Paris, 2006-2007, p. 22.

SETRAPCO Ltd ayisaba ko yakwakira 4.385.495 Frw ahwanye n'imirimo yakoze iteganyije muri ayo masezerano, ibaruwa yo kuwa 26/07/2011, Barbara A. Stiefel yandikiye Ritararanga Didas, Umuyobozi wa SETRAPCO Ltd, amumenyesha ko hari imirimo bari barasezeranye yakozwe, ariko ko hari n'itarakozwe, ko azareba uko yakwishyura iyakozwe, hamwe n'ibaruwa yo kuwa 23/08/2011, Barbara A. Stiefel yandikiye SETRAPCO Ltd iyimenyesha ko kuba yaranze kwakira 4.385.495 Frw yateganyaga kuzayishyura bizatuma bakorana inama kugira ngo bakemure icyo kibazo mu bwumvikane, ko nikinanirana, aribwo SETRAPCO Ltd ishobora kuzaregera Urukiko nk'uko biteganyijwe mu masezerano bagiranye, bigaragaza ko Barbara A. Stiefel ariwe uhagarariye BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION mu Rwanda kuko yagiye asinya nk'uyihagarariye mu bikorwa byayo.

[20] Urukiko rurasanga ibyo SETRAPCO Ltd ivuga ko Penny Ensley na Stephen Rwamurangwa bahawe ububasha na Barbara A. Stiefel bwo guhagararira BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION mu Nkiko nta shingiro bifite, kuko inyandiko yo kuwa 19/08/2010 igaragaza ko Barbara A. Stiefel yabahaye inshingano zo kwemeza ko imirimo yakozwe n'inyemezabuguzi (factures) zijyanye nayo mbere y'uko ayishyura.

[21] Hashingiwe ku mategeko n'ibisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga ubujurire bwa SETRAPCO Ltd butagomba kwakirwa kuko yareze BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION ihagarariwe na Penny Ensley na Stephen Rwamurangwa, kandi nta bubasha bafite bwo kuyihagararira mu Nkiko.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[22] Rwemeje kwakira inzitizi y'iburabubasha bw'abaregwa yatanzwe na Barbara A. Stiefel Foundation;

[23] Rwemeje ko iyo nzitizi ifite ishingiro;

[24] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na SETRAPCO Ltd ku rubanza RCOM 0291/11/HCC butakiriwe;

[25] Rutegetse SETRAPCO Ltd gutanga amagarama y'uru rubanza angana na 35.250 Frw, itayatanga mu gihe cy'iminsi umunani, ayo mafaranga agakurwa mu byayo ku ngufu za Leta.

IMANZA NSHINJABYAHA

UBUSHINJACYAHA v. MWIZERWA

[Rwanda URUKIKO RUKURU – RPA 0921/13/HC/KIG
(Bukuba P.J) 07 Werurwe 2014.]

Amategeko agenga imiburanyishirize y’imanza nshinjabyaha – igihe fatizo cyo kujurira – Mu gihe isomwa ry’urubanza ryimuwe ariko umuburanyi ntamenyeshwe italiki ryimuriweho, igihe fatizo cyo kubara igihe yajuririye kiba icyo yamenyesherejweho imyanzuro y’urubanza aho kuba italiki rwasomeweho – Itegeko N° 30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanyishirize y’imanza z’inshinjabyaha, ingingo ya 176 n’iya 177.

Amategeko mpanabyaha – Impamvu nyoroshyacyaha zemejwe n’Urukiko rubanza – Kuba ibyo uwajuriye asaba yarabihawe mu rwego rwa mbere kandi ntagire icyo anenga ku buryo byakozwe ni impamvu ituma hatabaho guhinduka kw’icyemezo.

Incamake y’ikibazo: Mwizerwa yakurikiranyweho icyaha cyo kunyereza umutungo wa Leta n’icyo gukora no gukoresha inyandiko mpimbano mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku rwego rwa mbere. Mu rubanza rwaciwe ku wa 10/1/2012 yahamwe n’ibyaha maze ahanishwa igifungo cy’imyaka ine. Nyuma yo kutishimira icyo cyemezo yajuririye Urukiko Rukuru ku wa 06/08/2012.

Mu iburanisha, Ubushinjacyaha kwasabye ko ubujurire bwa Mwizerwa butakwirwa kuko bwatanzwe nyuma y’ibihe ntarengwa ariko Mwizerwa we akavuga ko umunsi yari gusomerwaho yaje ntiyasomerwa ndetse ntiyanabwirwa undi munsi ruzasomerwaho maze aza kumenya umunsi

rwasomeweho ubwo yahabwaga kopi yarwo ayizaniwe kuri gereza. Yakomeje avuga ko kandi anenga kuba yarahawe ibihano bikomeye kandi yaraburanye yemera icyaha ndetse ari n'ubwa mbere yari akoze icyaha no kuba atarageze ku mugambi wo gukora icyaha bityo agasaba kugabanyirizwa ibihano.

Incamake y'icyemezo: 1. Iyo umunsi urubanza rwagombaga gusomerwaho atari wo rwasomeweho ndetse hakaba nta nyandiko mvugo igaragara muri dosiye igaragaza icyakozwe uwo munsi mu mwanya wo kurusoma ntihanagaragare niba uwajuriye yari ahari ngo amenye umunsi isomwa ryimuriweho, kandi hakaba nta n'ikindi kigaragaza igihe yamenyesherejwe iyo mikirize. Kubera iyi mpamvu, itariki fatizo Urukiko ruheraho rubara iminsi ntarengwa yo kujurira n'iyo uregwa avuga ko yamenyesherejweho imirikirize y'urubanza. Kuba uregwa yamenyesherejwe imikirize y'urubanza 18/07/2012 akajurira kuwa 6/8/2012 bigaragara ko igihe cy'ukwezi giteganywa n'itegeko cyari kitararenga, kubera iyo mpamvu icyifuzo cy'Ubushinjacyaha cyo kutakira iki kirego kubera ko ibihe byo kujurira byaba byararangiyeye ntigihawe ishingiro.

2. Kuba ibyo uwajuriye yasabye byarahawe agaciro n'Urukiko rubanza kandi ntihanengwe uburyo byakozwemo ni impamvu ituma hatabaho guhindura icyemezo mu rukiko rujuririrwa.

**Ubujurire burakiriwe ariko nta shingiro bufite.
Urubanza rujuririrwa ntiruhindutse.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko 30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha, ingingo ya 176 n'iya 177.

Nta rubanza rwifashishijwe.

URUBANZA

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, Ubushinjacyaha burega Mwizerwa Etienne, icyaha cyo kunyereza umutungo wa Leta, n'icyo gukora no gukoresha inyandiko mpimbano, ku rwego rwa mbere urwo Rukiko rwemeza mu rubanza rwaciwe ku wa 10/1/2012, ko ibyo byaha bimuhama, ahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka ine, Mwizerwa Etienne ntiyishinye icyo cyemezo, akijuririra kuwa 06/08/2012.

[2] Umunsi wo kuburana ku rwego rw'ubujurire, Ubushinjacyaha bwavuze ko busanga Mwizerwa Etienne yarajuriye nyuma y'ibihe ntarengwa byo kujurira biteganijwe n'itegeko, asaba ko ikirego cye cy'ubujurire kitakwakirwa, Mwizerwa Etienne akavuga ko umunsi yari yabwiwe kuzasomerwaho yaje ntasomerwe ndetse ntabwirwe undi munsi ruzasomerwaho, akaba yaramenye umunsi rwasomeweho ubwo yahabwaga kopi yarwo ayizaniwe kuri Gereza.

[3] Mwizerwa Etienne yanasobanuye ko anenga kuba yarahawe ibihano bikakaye kandi yaraburanye yemera icyaha, ndetse ari n'ubwa mbere yari akoze icyaha, akaba ataranageze no ku mugambi we wo gukora icyaha, agasaba kugabanyirizwa ibihano, ngo kuko yumva n'imyaka itatu amaze afunze

yaramaze kugororoka, akaba asaba kugabanyirizwa igihano agasubira mu muryango nyarwanda.

[4] Ubushinjacyaha buvuga ko busanga iyo mpamvu y'ubujurire atari yo, ngo kuko yarezwe ibyaha bibiri, asabirwa igihano cy'igifungo cy'imyaka 16, ariko urukiko rumuhanisha igifungo cy'imyaka 4 gusa, bityo bukaba busanga icyemezo kijuririrwa kidakwiye guhindurwa.

[5] Ibibazo bigomba gusubizwa muri uru rubanza bijyanye no kumenya niba Mwizerwa Etienne yarajuriye nyuma y'ibihe biteganijwe n'amategeko, ku buryo ubujurire bwe butakwakirwa nk'uko Ubushinjacyaha buburana bubivuga, no kumenya niba akwiye kugabanyizwa ibihano ku rwego rw'ubujurire.

II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA

A. Ku kijyanye n'ibihe ntarengwa byo kujurira

[6] Urubanza Mwizerwa Etienne ajuririra, rwaciwe ku wa 10/1//2012, nk'uko kopi y'urwo rubanza igaragara kuri cote ya 51 ibigaragaza, akaba yararujuririye kuwa 06/08/2012, aha akaba ari naho Ubushinjacyaha bwashingiye buvuga ko yajuriye nyuma y'ibihe ntarengwa biteganijwe n'itegeko, ariko Mwizerwa Etienne we akaba asobanura ko yajuriye mu bihe biteganijwe n'itegeko, ngo kuko yajuriye nyuma yo kubona kopi y'urubanza n'aho ubundi akaba yari yaragiye gusomerwa ku itariki yari yarahawe, agasanga Umucamanza wamuburanishije yarwaye, ntamenyeshwe umunsi iryo somwa ryimuriweho, akaza kuzanirwa kopi kuri gereza kuwa 18/7/2012, ari naho yahereye ajurira kuwa 6/8/2012.

[7] Urukiko rukaba rusanga ingingo ya 176 y’itegeko numero 30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y’imanza nshinjabyaha, iteganya ko: “kujurira bigomba gukorwa mu gihe kitarengeje ukwezi kumwe(1) uhereye ku itariki urubanza rwaciriweho ku muburanyi wari uhari cyangwa ahagarariwe igihe urubanza rwacibwaga”, naho ingingo ya 177 y’iryo tegeko ikaba iteganya mu gika cyayo cya 5 ko : “iyo ujuriye afunze, ubujurire bwe ashobora kubukorera muri gereza mu nyandiko yandikira umwanditsi w’Urukiko abinyujije ku muyobozi wa Gereza. Uyu muyobozi ashya umukono kuri urwo rwandiko agaragaza itariki arushyirijweho ari nayo ifatwaho umunsi w’ijurira. Yihutira koherereza ubwo bujurire urukiko rugomba kububuranisha”.

[8] Rusanga ibaruwa y’ubujurire ya Mwizerwa Etienne, Ubuyobozi bwa Gereza bwarayishyizeho umukono kuwa 6/8/2012, kandi nk’uko byavuzwe hejuru urubanza yajuririraga rwarasomwe tariki ya 10/1/2012, uko bigaragara uhereye kuri ayomatariki, igihe ntarengwa cy’ukwezi kikaba cyaba cyararenze, gusa bikaba bigaragara ko iburanisha ry’uru rubanza ku rwego rwa mbere ryo kuwa 9/11/11, ryafashe icyemezo cyo kuzasoma uru rubanza tariki ya 8/12/11 nk’uko icyo cyemezo kigaragara muri dosiye kuri cote ya 45 kibigaragaza, uwo muni ariko akaba atari wo rwasomweho ndetse hakaba nta nyandiko mvugo igaragara muri dosiye igaragaza icyakozwe uwo muni mu mwanya wo kurusoma, kandi iyo nyandiko mvugo ari yo yagaragariza Urukiko niba uwajuriye yari ahari ngo amenye umunsi isomwa ryimuriweho, ndetse rukaba runasanga nta n’ikindi kigaragaza igihe yamenyesherejwe iyo mikirize, uwajuriye we akaba mu ibaruwa ye y’ubujurire avuga ko yamenyesherejwe iyo mikirize kuwa 18/7/2012, iyo tariki akaba ari yo y’ifatizo Urukiko

ruheryeho rubara iminsi ntarengwa yo kujurire, bityo kuva kuri iyo tariki kugeza kuwa 6/8/2012 bikaba bigaragara ko igihe cy'ukwezi giteganywa n'itegeko cyari kitararanga, ari nayo mpamvu ikifuzo cy'Ubushinjacyaha cyo kutakira iki kirego kubera ibihe byo kujurira byaba byararangiyeye kidahawe ishingiro.

B. Ku kijyanye no kugabanyirizwa ibihano.

[9] Mwizerwa Etienne yanasobanuye ko anenga kuba yarahawe ibihano bikakaye kandi yaraburanye yemera icyaha, ndetse ari n'ubwa mbere yari akoze icyaha, akaba ataranageze no ku mugambi we wo gukora icyaha, agasaba kugabanyirizwa ibihano, ngo kuko yumva n'imyaka itatu amaze afunze yamaze kugororoka, akaba asaba kugabanyirizwa igihano agasubira mu muryango nyarwanda.

[10] Ubushinjacyaha buvuga ko busanga iyo mpamvu y'ubujurire atari yo, ngo kuko yarezwe ibyaha bibiri, asabirwa igihano cy'igifungo cy'imyaka 16, ariko urukiko rumuhanisha igifungo cy'imyaka 4 gusa, bityo bakaba basanga icyemezo kijuririrwa kitahindurwa.

[11] Uru Rukiko rukaba rusanga ku rwego rwa mbere, nyuma yo gusesengura rugasanga ibyaha Mwizerwa Etienne yarezwe, ari icyo kunyereza umutungo wa Leta n'icyo gukora no gukoresha inyandiko mpimbano, bigize impurirane y'imbonezamugambi, yateganywaga mu ngingo ya 93 y'igitabo cya 1 cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda cyakoreshwaga icyo gihe uru rubanza rucibwa, rwarafashe icyemezo cyo kumuhanisha igihano cyari giteganijwe mu ngingo ya 220 y'icyo gitabo, kuko rwasanze aricyo kiremereye, ariko runasesenguye imiburanire ya Mwizerwa Etienne, waburanye

yemera icyaha, ari ubwa mbere yari akoze icyaha, rubishingiraho nk'impamvu nyoroshya cyaha, rumugabanyiriza ibihano, rushingiye ku rwego rw'amategeko ku byateganywaga mu ngingo ya 83 y'icyo gitabo.

[12] Kubera ibimaze gusobanurwa hejuru, rusanga ibyo Mwizerwa Etienne asaba yarabigenewe ku rwego rwa mbere, kandi akaba ntacyo yagaragaje anenga uburyo byakozwemo kuri urwo rwego, ari nayo mpamvu icyo cyemezo kidahindutse.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO RUKURU

[13] Urukiko rwemeye kwakira ubujurire bwatanzwe na Mwizerwa Etienne, ariko rubusuzumye rusanga nta shingiro bufite.

[14] Rwemeje ko urubanza rujuririrwa rudahindutse.

UBUSHINJACYAHA v. NSHIMIYIMANA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RPAA0034/10/CS
(Mutashya, P.J., Kanyange na Hitiyaremye, J.) 08 Ugushyingo
2013]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha – Ibimenyetso bidashidikanywaho – Iyo nta bimenyetso bidashidikanywaho bihamya ko ushinjwa ariwe yakoze icyaha ashinjwa bituma agirwa umwere – Itegeko n°13/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabya, ingingo ya 165.

Amategeko agenga ibimenyetso – Ubuhamya – Kuba abatangabuhamya bavuga mu buryo butandukanye ibintu bemeza ko baboneye igihe kimwe, ntibyashingirwaho ngo hemezwe nta shiti ko uregwa ahamwa n'icyaha aregwa – Itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 62 n'ya 65.

Incamake y'ikibazo: Nshimiyimana Samuel yashinjwe icyaha cyo gusambanya umwana ufite umwaka umwe n' igice. Mu kumushinja icyaha, Ubushinjacyaha bushingira ku mvugo z' abatangabuhamya, no ku cyemezo cya muganga cyemeza ko ku mwinjiriro w'igitsina hatukuraga bikabije. Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rwamuhamije icyaha, rumukatira igifungo cy'imyaka cumi n' itanu n' ihazabu y' amafaranga y' amanyarwanda ibihumbi ijana (100.000 Frw). Uregwa yajuririye icyo cyemezo mu Rukiko Rukuru, urugereko rwa Nyanza, narwo ruhamishaho urubanza rwajuririwe.

Nshimiyimana Samuel yajuririye Urukiko rw'Ikirenga, avuga ko Urukiko rubanza rwamuhamije icyaha rushingiye ku mvugo z'abatangabuhamya bemeza ko yiriranwe n'umwana kandi bataramubonye akora icyaha, no kuri raporo ya muganga yemeza ko umwana yangijwe koko, ariko ikaba idashobora kwemeza ko uregwa ari we wamwangije.

Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko ku bijyanye n'abatangabuhamya, Urukiko rwashingiye ku mvugo zabo kuko bavuze ibintu uko babizi, naho ku birebana na raporo ya muganga, avuga ko nta gushidikanya kuyirimo, kuko yerekanye ibyo yabonye ku gitsina cy'umwana, ko kandi raporo ya muganga atari yo yonyine Urukiko rwashingiyeho.

Incamake y'icyemezo: 1. Kuba abatangabuhamya bavuga mu buryo butandukanye ibintu bemeza ko babonye igihe kimwe, ntibyashingirwaho ngo hemezwe nta shiti ko uregwa ahamwa n'icyaha aregwa, cyane cyane ko batanavuga ko bamubonye akora icyaha cyangwa se ngo babe barabyumvanye abamubonye. Urukiko nirwo rwonyine rupima ko imikirize y'abatangabuhamya ihuye n'ikiburanwa, ifite ingingo zikiranuye kandi ikaba ikwiye kwemerwa cyangwa guhakanwa.

2. Mu manza nshinjabyaha, gushidikanya birengera ushinjwa. Mu gihe mu rubanza nshinjabyaha nta kimenyetso kidashidikanywaho cyerekana ko ushinjwa yakoze icyaha, agirwa umwere.

Ubujurire bufite ishingiro.

**Ushinjwa agizwe umwere akaba agomba guhita arekurwa.
Amagarama aherereye ku isanduku ya Leta.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N°13/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'ianza z'inshinjabya, ingingo ya 165.

Itegeko n° 15/2004 ryo kuwa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 62, 65 na 98.

Nta manza zifashishijwe.**Inyandiko z'abahanga:**

H. Bosly et D. Vandermeersch, *Droit de la procédure pénale*, 4^e édition, p. 1316, § 5

Urubanza**I. IMITERERE Y'URUBANZA**

[1] Ku itariki ya 20/5/2003 umwana w'umukobwa w'umwaka umwe n'igice witwa N.B yagiye kwa Gatete aho Nshimiyimana Samuel yakoreraga, nyuma nyina aza kumushakayo Nshimiyimana Samuel aza amuteruye asinzira aramumuha aramuheka. U.F ari we nyina w'umwana, avuga ko ku mugoroba yagiye kumwuhagira akoze ku gitsina umwana avuza induru, ngo arebye abonaho udusebe ndetse ngo n'amasohoro yari akirimo. Ubwo yahise akeka ko yasambanyijwe na Nshimiyimana Samuel maze ajya kuri polisi gutanga ikirego, iperereza rirakorwa Ubushinjacyaha bushyikiriza dosiye Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga.

[2] Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rwahamije uregwa icyaha maze ku itariki ya 3/10/2008 rumukatira igifungo

cy'imyaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'amanyarwanda ibihumbi ijana (100.000 rwf).

[3] Mu gufata iki cyemezo, Urukiko rwashingiye ku kuba uregwa yariyemereye ko uwo muni yiriranywe n'umwana, ibi bikaba byaremejwe n'abatangabuhamya, no ku cyemezo cya muganga cyagaragazaga ko umwana yangijwe mu myanya ndangagitsina ye.

[4] Uregwa ntiyishimiye imikirize y'urubanza arujuririra mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, na rwo ruhamishaho urubanza rwajuririwe. Mu gufata iki cyemezo, Urukiko rwashingiye ku batangabuhamya bari baratanzwe n'Ubushinjacyaha, no kuri raporo ya muganga igaragaza ko umwana yangijwe mu myanya ndangagitsina ye.

[5] Nshimiyimana Samuel yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko Urukiko Rukuru rwamurenganyije rukamuhamya icyaha rushingiye ku mvugo z'abatangabuhamya bemeza ko yiriranwe n'umwana kandi bataramubonye akora icyaha, no kuri raporo ya muganga yemeza ko umwana yangijwe koko, ariko ikaba idashobora kwemeza ko uregwa ari we wamwangije.

[6] Iburanisha ry'urubanza ryabaye mu ruhame ku itariki ya 9/10/2013 ababuranyi bose bahari, Nshimiyimana Samuel uregwa yunganiwe na Me Mukwende M. Olivier, na ho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Ntawangundi Béatrice, Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu.

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N’ISESENGURA RYACYO

Kureba niba ibimenyetso byashingiweho n’Urukiko Rukuru byari bihagije mu buryo budashidikanywaho kugira ngo Nshimiyimana Samuel ahamwe n’icyaha aregwa.

[7] Nshimiyimana Samuel avuga ko impamvu zatumye ajurira ari uko Urukiko rwamuhamije icyaha rushingiye ku mvugo z’abamushinja, umubyeyi w’umwana n’umukobwa we, nabo kandi bakaba batavuga ko bamubonye asambanya umwana, uretse kuvuga gusa ngo bamubonye amusohokanye. Akomeza avuga ko mu bandi batangabuhamya babajijwe nta n’umwe umushinja uretse kuvuga ibyo babwiwe na nyina w’umwana. Avuga ko U.F amubeshyera kubera amakimbirane yari afitanye n’umukoresha we. Avuga kandi ko yari afite inyungu zo kumubeshyera ngo kubera ko yamugurizaga ku mafaranga yabaga yarengaje ku yo nyirabuja yabaga yamutumye ku twenda yamucururizaga akamwishyura nabi, ndetse rimwe na rimwe bakabipfa.

[8] Ku birebana na raporo ya muganga, Nshimiyimana avuga ko iyo raporo igaragaza ko igitsina cy’umwana cyari kibyimbye, akibaza niba kubyimba kw’igitsina cy’umwana gushobora guterwa no gusambanywa gusa, cyane cyane ko na muganga ashidikanya niba harabeyeho “viol”. Avuga ko kuba muganga yaragaragaje ko ku gitsina cye hari hatonyotse, bivuze ko yari yababaye cyane, bityo akaba yari gutaka Gatete babanaga akaba yari kubyumva kuko yari aryamye.

[9] Me Mukwende wunganira Nshimiyimana avuga ko yibaza impamvu yatumye U.F yarabonye umwana we yangijwe

ntiyihutire kumutwara kwa muganga agategereza iminsi ibiri (2).

[10] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko ku bijyanye n'abatangabuhamya, Urukiko rwashingiye ku mvugo zabo kuko bavuze ibintu uko babizi. Akomeza avuga ko hashingiwe ku ngingo ya 65 y'Itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, urukiko ari rwo rupima ko imikirize y'abatangabuhamya ikwiye kwemerwa cyangwa guhakanwa.

[11] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko ku birebana na raporo ya muganga, nta gushidikanya kuyirimo, kuko muganga yerekanye ibyo yabonye ku gitsina cy'umwana, ko kandi raporo ya muganga atari yo yonyine Urukiko rwashingiyeho.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[12] Mu guhamya Nshimiyimana Samuel icyaha, Urukiko Rukuru rwashingiye ku mvugo z'abatangabuhamya. Abo batangabuhamya akaba ari nyina w'umwana bivugwa ko yasambanyijwe, na U.G, uyu akaba ari umukobwa w'urega. Urukiko rwashingiye kandi kuri raporo ya muganga yavugaga ko igitsina cy'umwana cyagaragazaga ibimenyetso byo gusambanywa ku ngufu.

[13] Ku byerekeranye n'ibimenyetso bishingiye ku batangabuhamya, ingingo ya 62 y'itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko Ubuhamya ari ibivugwa mu rukiko bivuzwe n'umuntu wabibonye cyangwa wabyumvise ubwe ku byerekeye ikiburanwa. Ingingo ya 65 y'iryo tegeko ivuga kandi ko

Urukiko ari rwo rwonyine rupima ko imikirize y'abatangabuhamya ihuye n'ikiburanwa, ifite ingingo zikiranuye kandi ikaba ikwiye kwemerwa cyangwa guhakanwa. Ntirwitsitsa ku mubare w'abatangabuhamya. Rwita cyane cyane ku bumenyi bwabo bw'ibyabaye, no ku buryo babivuga uko byagenze ntacyo bihimbira.

[14] Ku birebana n'uru rubanza, urukiko rurasanga mu batangabuhamya babajijwe, abashinja Nshimiyimana Samuel ari U.F, umubyeyi w'umwana bivugwa ko yasambanyijwe, avuga ko ku munsu ibyo biba mu gihe cya nimugoroba, yabajije aho umwana we ari bamubwira ko ari kumwe na Nshimiyimana Samuel yisubirira mu nzu. Akomeza avuga ko nyuma yahamagaye Samuel ngo amuzane, amusohokana amuteruye asinzira. Ngo nyuma yaje kumukarabya akoze ku gitsina umwana avuza induru, arebye abona hariho udusebe n'amasohoro, ngo ahita ajya kubyereka kwa shebuja wa Samuel ari we Gatete. Undi wabajijwe ni U.G, uyu akaba ari umukobwa w' U.F, we uvuga ko bashatse umwana hose bakamubura, nyina ngo atangiye kumutuka babona Samuel amusohokanye kwa Gatete amuteruye. Akomeza avuga ko ku mugoroba ari bwo nyina yabonye ko umwana we nyangiritse ubwo yamwuhagiraga akajya kubibwira kwa nyirabuja wa Samuel. Ibi ariko bikaba bitandukanye n'ibyo nyina avuga ko yahamagaye Samuel ngo amuzane (kuko yari azi neza ko ari ho ari).

[15] Urukiko rukaba rusanga ibyatangajwe n'abo batangabuhamya, bavuga mu buryo butandukanye ibintu bemeza ko babonye igihe kimwe, rutabishingiraho ngo rwemeze nta shiti ko Nshimiyimana Samuel ahamwa n'icyaha aregwa cyane cyane ko batanavuga ko bamubonye akora icyaha cyangwa se ngo babe barabyumvanye abamubonye,

binakubitiyeho ko na Gatete, shebuja wa Nshimiyimana, avuga ko yari yahiriwe, ariko akaba atarabonye amwangiza.

[16] Urukiko rurasanga kandi, kuba Gatete n'umugore we Uwizeye mu buhama bwabo bavuga ko U.F yaje iwabo mu gitondo avuga ko umwana we yahohotewe n'umukozi wabo, U.F mu ibazwa rye akavuga ko yagiyeyo muri uwo mugoroba akimara kubona ko umwana we yangijwe, uko kudahuza ku gihe U.F avuga yamenyekanishirijeho iyangizwa ry'umwana we, bitera gushidikanya ku cyangije umwana.

[17] Ku birebana na raporo ya muganga, iragaragaza ko ku mwinjiriro w'igitsina hatukuraga bikabije (*rougeur exagérée de la vulve autour de l'orifice vaginal*). Urukiko rukaba rusanga uko kuba haraturaga bitavuga ko uriya mwana yari yangijwe bishingiye ku gitsina (*violence sexuelle*) byanze bikunze kandi ko byari byakozwe na Nshimiyimana, cyane cyane ko iyo aza guhohotera uyu mwana mu buryo bukabije nk'ubugaragazwa na muganga, umwana yari kurira umubyeyi we akamwumva dore ko icyo gihe yari mu nzu iri mu gipangu kimwe n'icyo uwo mwana yari arimo, ndetse na Gatete akaba yari kubyumva kuko uwo munsu avuga ko yiriwe mu rugo.

[18] Kubera iyi mpamvu, rushingiye ku ngingo ya 98 y'itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ivuga ko Urukiko rudakurikiza byanze bikunze ibitekerezo by'abahanga mu gihe binyuranye n'imyumvire y'abacamanza, Urukiko rukaba rusanga rutashingira kuri iyo raporo ngo rwemeze ko ibimenyetso muganga yasanze ku gitsina cy'umwana byatewe na Nshimiyimana Samuel.

[19] Urukiko rurasanga kandi hari ugushidikanya mu kumenya niba uko gutukura kw'igitsina N.B yari akumaranye iminsi ibiri (2) koko, dore ko umubyeyi we avuga ko icyaha cyakozwe ku wa 20/5/2003, ariko nyamara agatwara umwana kwa muganga ku itariki ya 22/5/2003 ari na bwo raporo yakozwe. Urukiko rukibaza nanone impamvu uwo mubyeyi yamaranye umwana we icyo gihe cyose kandi yarabonaga ameze nabi ntamutwara kwa muganga.

[20] Ingingo ya 165 y'itegeko N°13/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabya ivuga ko gushidikanya birengera ushinjwa, igakomeza igira iti: "Iyo urubanza rwakurikiranywe mu buryo bwose, nti hagire ibimenyetso nyakuri biboneka byemeza nta shiti abacamanza ko ushinjwa yakoze icyaha koko, bagomba kwemeza ko atsinze". Ku birebana n'uru rubanza, Urukiko rurasanga hashingiwe ku myiregurire ya Nshimiyimana Samuel, ibimenyetso byose byatanzwe muri uru rubanza bitera gushidikanya, bityo akaba agomba kugirwa umwere.

[21] Abahanga mu mategeko yerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha na bo bavuga ko nta muntu ugomba kwemezwa ko ahamwe n'icyaha nyuma y'urubanza atari uko ubushinjacyaha bugaragaje ibimenyetso bidatera ugushidikanya uko ari ko kose (Une personne ne peut être déclarée coupable au terme du procès que si l'accusation a apporté la preuve au-delà de tout doute raisonnable de la culpabilité de l'accusé)¹ .

¹ Henry Bosly et Damien Vandermeersch, *Droit de la procédure pénale*, 4^e édition, p. 1316, §5.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO.

[22] Rwemeje ko ubujurire bwa Nshimiyimana Samuel bufite ishingiro.

[23] Rwemeje ko Nshimiyimana Samuel ahanaguweho icyaha kubera gushidikanya.

[24] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RPA 0219/08/HC/NYA rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ihindutse muri byose.

[25] Rutegetse ko Nshimiyimana Samuel ahita arekurwa urubanza rukimara gusomwa.

[26] Ruvuze ko amagarama y'urubanza aherera ku isanduku ya Leta.

**RWANDA LAW
REPORTS**

ENGLISH VERSION

TABLE OF CONTENTS

| | |
|---|------|
| TEAM OF EDITORS..... | iii |
| PREFACE | vi |
| SCOPE OF THE REPORTS | vii |
| CITATION | vii |
| LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED..... | viii |
| LIST OF CASES CONSIDERED..... | x |
| SUBJECT INDEX..... | xi |
| GAKWAYA v. UNIVERSITY OF RWANDA..... | 3 |
| KANAMUGIRE v. KIGALI CITY ET AL | 13 |
| MULINDAHABI v. EWSA | 19 |
| DELTA PETROLEUM LTD v. NSENGIYUMVA ET AL | 37 |
| RE DOREBABA..... | 47 |
| KANZAYIRE v. NYIRABIZIMANA ET AL..... | 53 |
| NGANGARE v. MUKANKURANGA | 63 |
| KALISA v. INSTITUT POLYTECHNIQUE DE BYUMBA (IPB) | 77 |
| ECOBANK v. INDIA NOVEMBER..... | 95 |
| KZ NOIR(R) Ltd v. KUBWIMANA ET AL | 105 |

| | |
|--|-----|
| SETRAPCO v. BARBARA A. STIEFEL FOUNDATION... | 111 |
| PROSECUTION v. MWIZERWA..... | 123 |
| PROSECUTION v. NSHIMIYIMANA..... | 131 |

TEAM OF EDITORS

LAW REPORTING TEAM

BAGABO Faustin

HAKUZIMANA Ildephonse

KABERA Jean Claude

KAGABO U. Stephanie

MUJABI K. Naphtal

MUNYENSANGA Chrysostome

MWIHOREZE Claudine

NTIHEMUKA Emmanuel

SAFARI Gahizi

UWIMANA Gisèle

MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE

- MUGENZI Louis Marie** : President of the
Committee
Supreme Court Judge
- Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse** : Vice President of
the Committe
Lecturer in University
of Rwanda
- RUTAZANA Angeline** : Secretary of the
Committee
Inspector of Courts
- BWIZA N. Blanche** : Judge at the High Court
- DUSHIMINAMA Claudine** : Prosecutor at National
Level
- Me GAKUNZI Valery** : Advocate at Rwanda
Bar Association
- GIRANEZA Clémentine** : Judge at Primary
Court
- HABARUREMA Jean Pierre** : Prosecutor at National
level
- Cpt. KABERUKA Jean Claude** : Judge at Military

High Court

- KALIWABO Charles** : President of High Court
- Me KAYIHURA Didace** : Advocate at Rwanda
Bar Association
- KIBUKA Jean Luc** : Judge at Commercial
High Court
- MUREREREHE Saouda** : Judge at High Court
- NYIRINKWAYA Immaculée** : Supreme Court Judge
- RUBANGO K. Epimaque** : State Attorney
- RUKUNDAKUVUGA F. Regis** : Inspector General
of Courts

PREFACE

Dear Readers,

We take this opportunity to wish you a happy new year of 2015. As you have become accustomed, the Rwandan Judiciary publishes the Law Report once a trimester, and it is in this context that we release the first volume in 2015.

We reiterate our thanks to our readers who regularly provide us with their ideas, appreciate the law reports and suggest some areas of improvement. Indeed, we still encourage readers' comments with regard to the current, previous, and future volumes. This will allow us to publish greatly improved and appreciated law reports so that they can continue to assist those who meet with legal issues covered in the reports in their professional work or daily activities.

In this volume of Rwanda Law Reports, you will find four (4) commercial cases, three (3) administrative cases, four (4) civil cases, one (1) labour case and two (2) criminal cases.

As usual, the law reports are available on the website of the judiciary http://www.judiciary.gov.rw/en/case_law/case_law_booklets/

We take this opportunity to once again encourage all legal practitioners and others who regularly deal with the law in their work to use these law reports.

Prof. Sam RUGEGE

President of the Supreme Court
President of the High Council of Judiciary

SCOPE OF THE REPORTS

These reports cover cases decided in the Supreme Court listed under the heading of “Citation” below.

CITATION

The Reports in this volume are cited thus:

[2015] 1 RLR

LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED

The Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date,

| | |
|-------------------------|-----------|
| <i>article 18.....</i> | <i>21</i> |
| <i>article 144.....</i> | <i>55</i> |

Organic Law n° 03/2012/OL of 13/06/2012 determining the organisation, functioning and competence of the Supreme Court.....

55

Organic Law n° 51/2008 of 09/09/2008 determining the organisation, functioning and jurisdiction of Courts as amended and complemented to date, article 92.....

48

Law n° 30/2013 of 24/5/2013 relating to the code of criminal procedure,

| | |
|----------------------------------|------------|
| <i>articles 176 and 177.....</i> | <i>124</i> |
| <i>article 165.....</i> | <i>132</i> |

Law n° 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure

| | |
|--------------------------------------|------------|
| <i>articles 31, 347 and 348.....</i> | <i>14</i> |
| <i>articles 195 and 208.....</i> | <i>39</i> |
| <i>article 4 and 172.....</i> | <i>107</i> |
| <i>articles 31, 5° and 142.....</i> | <i>113</i> |

Law n° 45/2011 of 25/11/2011 governing Contracts, article 64.....

21

Law n° 13/2009 of 27/05/2009 regulating labour in Rwanda, articles 19 and 27.....

21

| | |
|---|------------|
| <i>Law n°59/2008 of 10/09/2008 on prevention and punishment of gender-based violence, articles 39 and 41.....</i> | <i>65</i> |
| <i>Law n° 005/2008 of 14/02/2008 on arbitration and conciliation in commercial matters, article 11 and 23.....</i> | <i>107</i> |
| <i>Law N° 10/2006 of 03/03/2006 determining the structure, organization and functioning of the City of Kigali, article 73..</i> | <i>14</i> |
| <i>Law n° 15/2004 of 12/6/2004 relating to evidence and its production, articles 62, 65 and 98.....</i> | <i>133</i> |
| <i>Law n° 22/99 of 12 November 1999 supplementing Book One of the Civil Code and instituting Part Five regarding Matrimonial Regimes, Liberalities and Successions, article 70.....</i> | <i>48</i> |
| <i>Law of 30/07/1888 relating to contracts or obligations, article 258.....</i> | <i>79</i> |
| <i>Organic Law n° 01/2004 of 29/01/2004 determining the organisation, functioning and competence of the Supreme Court, article 84.....</i> | <i>55</i> |
| <i>Law n° 18/2004 of 20/06/2004 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, articles 94 and 339.....</i> | <i>4</i> |

LIST OF CASES CONSIDERED

| | |
|---|----|
| <i>KIST v. Hashakimana</i> , RADA 0001/11/CS rendered by Supreme Court on 27 April 2012..... | 4 |
| <i>Khalid v. Ahmed et al.</i> , RC 0002/09/CS delivered by the Supreme Court on 19/03/2010..... | 55 |
| <i>State of Rwanda v. Karangwa</i> , RADA 0001/09/CS delivered by the Supreme Court on 17/09/2010..... | 55 |
| <i>Kagoyire v. Abdallah et al.</i> , RC 0002/05/CS delivered by the Supreme Court on 25/10/2007..... | 55 |
| <i>Rusekerampunzi v. Rumanyika</i> , RCOM 0010/09/CS delivered by the Supreme Court on 30/04/2010..... | 55 |
| <i>Rudasumbwa v. State of Rwanda et al.</i> , RADA 0031/12/CS delivered by the Supreme Court on 17/05/2013..... | 55 |
| <i>Mutebi v. Mukagasaza</i> , RCAA0143/11/CS rendered by the Supreme Court on 15 March 2013..... | 65 |
| <i>Gatera v. Kabalisa</i> , RS/Inconst/Pen.0003/10/CS rendered by the Supreme Court on 07 January 2011..... | 65 |

SUBJECT INDEX

Administrative Procedure – Administrative appeal – The provided time limit for filing a claim after lodging an administrative appeal – In case an administrative appeal has been lodged several times, only the first one shall be considered for computation of time limit for filing a claim in the court and it is not a requirement for the plaintiff to receive an express response from the administrator in order to file the claim, because if he/she does not get a response within the time limit provided for by the law, it is considered as request not granted – Law n° 18/2004 of 20/06/2004 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, articles 94 and 339

GAKWAYA v. UNIVERSITY OF RWANDA.....3

